## Ibisubizo by' ibibazo Byibazwa Kenshi ku *Mbona Nkubone n'Imana*

### *Imbona-Nkubone n'Imana* ni iki?

*Imbona Nkubone n'Imana* ni inyigisho zimara ibyumweru cumi-na-bitanu, zigisha ibyo guhinduka umwigishwa kandi ziguhuza n'Imana, ubwawe na yo:

***Inzira*** ikuyobora k' ukumenya Yesu ku giti cyawe,

***Imibereho*** yo guhora ugendana na we mu busabane nk'inkora-mutima,

***Igikoresho*** cyo guhindura abantu kuba abigishwa na bo bahindura abandi abigishwa.

### *Imbona-Nkubone n'Imana* ni igitabo gikoreshwa gite?

**Uburyo bwiza ni:**

- Uguhūra rimwe mu cyumweru igihe cy'ibyumweru cumi-na-bitanu.
  - Kuki ari ibyumweru cumi-na-bitanu?
    - Bavuga ko bitwara igihe cy'ibyumweru cumi-na-bitanu kubaka imimerere runaka cyangwa gushimangira imibereho iyi n'iyi mu buzima bwacu.
  - Kuki ibyumweru bigomba gukurikirana?
    - Kugira ngo ugendere ku muvuduko udahindagurika.
  - Koresha amasaha abiri muri buri somo.
    - Kuki ari ngombwa amasaha abiri ntabe makeya kuri ayo?
      - Muri rusange isomo ritwara amasaha abiri kandi buri wese agahabwa amahirwe yo kugira uruhare no kwiga gukora ibi tubabwira uko bigenda.
  - Muhure n'ubayobora muri itsinda rito, ntatsinda rirenze abigishwa batandatu.

### None se udashoboye kugenza nk'uko bisabwa haruguru?

Koresha ubwo uburyo bwawe, ariko urebe ngo urangije amasomo yose kandi abigishwa bose utoza basobanukirwe uko bakoresha ukuri kw'Imana.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 1 5/16/2011 12:29:19 PM

## Ni izihe ngero z'ibihe hakoreshejwe uburyo bunyuranye n'ubushimwa haruguru abantu bigishirijwemo *Imbona-Nkubone n'Imana?*

Inshuro ebyeri twigishije abantu barenze mirongo irindwi mu matsinda mato mato mu igihe cy' ibyumweru umunani, duhura na buri itsinda kabiri mu cyumweru.

Inshuro imwe buri cyumweru mw' ishuri rya Bibiliya (seminari), twigishije itsinda dukoresheje *Imbona- Nkubone n'Imana*, tukarangiza amasaha mirongwitatu yose mu gihe cy' iminsi itanu.

Niba ufite ibyumweru umunani cyangwa cumi na bibiri byonyine byo guhindurira abantu abigishwa, turakugira inama yo gutumiza igitabo cy' umuyobozi cyagenewe gukoreshwa mu gihe cy'ibyumweru umunani cyangwa cumi na bibiri. Bizakorohereza. Zirikana ko muri ibi bihe bifundanye ari ikintu cy' ingenzi guhwiturira abigishwa bawe kumaramariza gukomeza gushyira mu bikorwa ibyo bagiye batozwa mu *Mbona- nkubone n'Imana* kumara igihe cy' ibyumweru cumi na bitanu byose cyangwa kugeza ubwo ibyo batojwe bibaye kimwe mu bigize ubuzima bwabo bwa buri munsi.

***Ikigendererwa*—ni ugutora iyo mibereho kandi ntuhare igihe gikenewe kugira ngo Imana igukoreshe gutegura abigishwa bakomeye kandi bazahindura abandi bantu abigishwa.**

***Ariko wibuke ibi*—igikwiriye ni uguhura mu byumweru cumi na bitanu bikurikirana, ukoresha amasaha abiri buri cyumweru.**

## Niba se abantu mpindura abigishwa abandi abigishwa badahindura?

Komeza usengere kandi uhugurire abigishwa bawe guhindurira abandi abigishwa, ariko wibuke ko ***tugenda mu mbaraga z'Umwuka kandi tuyobowe na We, umusaruro tuwukesha Imana***. Niyo imurikira ubwenge bwabo kandi ikemeza imitima yabo guhindura abandi abigishwa.

Ba umwizerwa mu nshingano y' ikirenga yatanzwe n'Imana no ku cyo wahamagariwe mu buzima bwawe kugira ngo uhindure abantu abigishwa, mu gihe Imana yagennye uzabona umusaruro.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 2 5/16/2011 12:29:19 PM

# KOGEZWA

**BAPTIST GENERAL CONVENTION OF OKLAHOMA**

**MEMORANDUM**

9 Gicurasi 2000
Impamvu: "Imbona-Nkubone n'Imana"

Bwana,

Nagize umugisha wo kuba umushumba w' Itorero ry' Ababatisita, mu Majyaruguru y' Iburengerazuba mu mujyi wa Oklahoma, kumara imyaka 15. Mu mezi ya mbere y' ubushumda namenye ikigero bagezeho mu by' Umwuka. Byagaragariraga mu kwitangira gukorera Imana kwabo, mu buzima bwabo bwo gusenga no kugendana n' Imana kwabo. Byarangaragariye ko ubuzima bwo gusenga bw' iri teraniro bwari busumbyeho ubw' amatorero yandi menshi. Byantwaye agahe gato gusa kumenya isõko y' uku gutera intambwe kose: Mu Majyaruguru y' Iburengerazuba bagize umugisha wo kuyoborwa n' abashumba bubaha Imana banabwiriza Ijambo ry' Imana, kandi nta gushidikanya ko icyo kiri mu byatumye bakura mu ukumenya Imana. Ariko ntekereza rwose ko impamvu iruta iyo ari uko amagana y' abantu bo muri iri torero bahindurwaga abigishwa hakoreshejwe inyigisho yitwa *Imbona Nkubone n' Imana*. Iyi nyigisho yateguwe na Jerry na Marilyn Fine, b' ãha mu Majyaruguru y' Iburengerazuba, yatangijwe kandi ityāza ubuzima bw' abanyetorero. Jerry na Marilyn ni abayobozi bubaha Imana basanzwe ariko bamaze iminsi y' ubuzima bwabo bahindura abantu abigishwa.

Iki gitabo *Imbona Nkubone* kiva mu buzima bukomejwe kandi bufite uruhare mu Itorero. Nagize amahirwe y' umwihariko yo kubona *Imbona Nkubone* gihindura ubuzima bw' abo mu Itorero ryacu. Nabonye umuntu ku wundi bahinduzwa abigishwa iki gikoresho, icyavuye muri ibyo ni ugukorwaho mu buryo bugaragara mu buzima bw'abantu.

*Imbona Nkubone n Imana* gikwiye kuba ari yo gahunda yakoreshwa mu guhindura abantu abigishwa. Iki gitabo gifasha abantu bahinduka Abakristo bakuze, bashikamye kandi bashyitse. Umutima w' iki gikoresho cyo guhindura abantu abigishwa ni ukwigisha abantu kugenda na Kristo mu mubano wihariye n' urukundo nk' inkoramutima, iteka basoma Ibyanditswe, banabishyira mu bikorwa, basenga kandi babika Ibyanditswe mu mitima yabo.

Biroroshye guherekanya ibiri mu *Imbona Nkubone n' Imana*. Bitunganijwe neza, uburyo biteguwemo bworohereza abantu kubyigisha nta ngorane. Birushaho gukora neza mu itsinda rito cyangwa hagati y' abantu babiri. Abantu bashimishwa no kubyigisha abandi kubera umumaro byagiriye ubuzima bwabo. Intego yacu yari uko buri wese mu Itorero yagera ku musozo w' *Imbona Nkubone*. Iteka nizera ko iyo abantu bashikamye mu Ijambo ry' Imana no gusenga, urufatiro rutabasha kunyeganyezwa rwubakwa mu buzima bwabo.

Mu Majyaruguru y' Iburengerazuba bahawe umugisha mwinshi ku bw' iki gitabo *Imbona Nkubone*. Igihe bateguraga iyi nyigisho, jerry na Marilyn Fine ntibamenye ko Imana izagikoresha bene aka kageni. None ubu *Imbona Nkubone n' Imana* kirakoreshwa mu isi yose mu gukuza abigishwa. Abato n' abakuru, abanyeshuri biga mu mashuri makuru, abakozi b' Imana n' abo bayobora—bose bongerewe intege no kwigira muri iki gitabo. Nkuhitiyemo iki gitabo nk' igikoresho wakoresha uhindura abantu kuba abigishwa.

Anthony L. Jordan, Executive Director-Treasurer
3800 North May Avenue • Oklahoma City, Oklahoma 73112-6506 • Phone 405/942-3800 • FAX 405/942-1339

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 4 5/16/2011 12:29:20 PM

# KOGEZWA

SOUTHWESTERN BAPTIST
THEOLOGICAL SEMINARY
P.O. Box 22000/Fort Worth, Texas 76122-0086
(817) 923-1921

Roy J. Fish
*Professor of Evangelism*

20 Mata 1993

Dr. Jimmy Draper
The Sunday School Board
127 Ninth Avenue, North
Nashville, TN 37234

Muvandimwe Jimmy:

Mu gihe cy'imyaka myinshi nabonye uburyo bwo kwiga kandi rimwe na rimwe nkakoresha ibitabo byagenewe gufasha Abakrisito gukura. Ubu ndakwandikiye kugira ngo nkumenyeshe igitabo kiri hejuru y'ibindi byose nigeze kubona. Icyo gitabo ni Imbona nkubone n'Imana cyanditswe kandi gitegurwa na Jerry Fine wo mu Mujyi wa Oklahoma.

Warakoze ku gisoma. Umenye udashidikanya ko nzagushyigikira mu masengesho wowe ubwawe no mu byo ugambiriye gukora.

Roy J. Fish

*Icyitonderwa: Iki ni igice cy' urwandiko Dr. Roy Fish yandikiye Dr. Jimmy Draper.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 5 5/16/2011 12:29:20 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 6 5/16/2011 12:29:20 PM

# IBIRIMO


Ibisubizo by'ibibazo Byibazwa na Benshi ---------------------------------------------- i
Kogezwa kw' *Imbona Nkubone n' Imana* ---------------------------------------------- iii
Ibirimo---------------------------------------------------------------------------------------vii
Abo Gituwe----------------------------------------------------------------------------------- ix
Iriburiro ------------------------------------------------------------------------------------- 1
Inyunganizi y'uko Amatsinda ayoborwa iyo yiga I*mbona Nkubone n' Imana* ------- 3
Iyerekwa ryagutse ryo guhindura abantu abigishwa --------------------------------- 5
Icyo usabwa—Siga imbuto igumaho ---------------------------------------------- 11
Isomo rya 1 ---------------------------------------------------------------------------- 13
Isomo rya 2 ---------------------------------------------------------------------------- 27
Isomo rya 3 ---------------------------------------------------------------------------- 37
Isomo rya 4 ---------------------------------------------------------------------------- 45
Isomo rya 5 ---------------------------------------------------------------------------- 55
Isomo rya 6 ---------------------------------------------------------------------------- 69
Isomo rya 7 ---------------------------------------------------------------------------- 83
Isomo rya 8 ---------------------------------------------------------------------------- 93
Isomo rya 9 ---------------------------------------------------------------------------- 105
Isomo rya 10 -------------------------------------------------------------------------- 123
Isomo rya 11 -------------------------------------------------------------------------- 135
Isomo rya 12 -------------------------------------------------------------------------- 145
Isomo rya 13 -------------------------------------------------------------------------- 153
Isomo rya 14 -------------------------------------------------------------------------- 163
Isomo rya 15 -------------------------------------------------------------------------- 175




LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 7 5/16/2011 12:29:20 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 8 5/16/2011 12:29:20 PM

# ABO GITUWE

*Imbona nkubone n'Imana* gituwe ababyeyi bacu, abana, abuzukuru, ab' ibihe bizaza bo mu muryango wacu. Gituwe kandi abigishwa biteguye gutanga ubuzima bwabo bakabwegurira guhindura abantu abigishwa bazahindura abandi abigishwa.

Muri iki Gitabo cy' Umuyobozi ndetse n' *Imbona-nkubone n'Imana* cya Gitabo Umunyeshuri uzasangamo amahame menshi Imana ikoresha iguha umugisha. Uyatekerezeho hanyuma uyakoreshe mu buzima bwawe. Turaguhugurira kunyura mu buzima uhanze amaso yawe Yesu, wiyegurire kuyoborwa n'Umwuka Wera. Reka abe umuyobozi w'ubuzima bwawe buri munsi. Muri urwo rugendo rwawe, iyuzuzemo ijambo ry' Imana no gusenga buri munsi, kandi ureke Yesu ahore ari we shingiro ry' ubuzima aho ibyawe byose bihurira. Reka intego yawe ibe guhora ushorera imizi mu kumenya Yesu nk' inkoramutima yawe, kandi ku giti cyawe.Ishyirireho gahunda yo kunononsora kumenya Bibiliya, bidatinze uzasanga Bibiliya ari yo ikugenga. Tanga ubuzima bwawe ubuhe icyo kizahoraho iteka. Menya Imana, kuko ihoraho iteka ryose. Iyuzuzemo ijambo ry' Imana, ari ryo Bibiliya, kuko ari iry' iteka. Hindura abantu abigishwa ubagomororera Kristo kandi ubigishe, ubatoze kugendana n'Imana, kuko ubugingo bw'abagabo n' abagore, abahungu n' abakobwa ari ubw' iteka ryose (ni ukuvuga ngo, umubiri urapfa ariko bwo bukagumaho!). Itoze gushyira mu bikorwa aya mahame nawe uzamera nk' indorerwamo Yesu abonerwamo na buri wese uzi. Uko ugenda mu buzima, hindura abantu abigishwa. Ni bwo buryo buruta ubundi wagaragarizamo urukundo ukunda Yesu n' abantu. Yesu ubwe ni we kitegererezo. Ntucike intege! Yesu ni we byiringiro byacu! Ni Imana! Ni umunyambaraga utwara ibintu byose! Ni uwo kwizerwa, kandi aragaruka ubwa kabiri!

Muri we,

Jerry Fine na Marilyn Fine



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 9 5/16/2011 12:29:20 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 10 5/16/2011 12:29:20 PM

# IRIBURIRO

Turagushishikariza kugira iki gitabo *Imbona nkubone-n' Imana* icyawe ubwawe. Umupasitoro nahinduye umwigishwa yavuze atya, "Mu gihe cyashize, navugaga *Imbona- nkubone n' Imana* ya Jerry na Marilyn, ariko none ubu cyabaye icyanjye nanjye."

Ndakwinginze ugire umudendezo wo gukoresha ingero n' inkuru umwanditsi yakoresheje mugihe uhindura abigishwa, ariko kandi na none turashaka ko ugira umudendezo wo gusimbuza iz' umwanditsi izawe ngero n'inkuru. Mu by'ukuri, turagushishikariza kubikora. N' utangira kuganīra inkuru n'ingero zawe wigisha abandi, iki gitabo *Imbona-nkubone* kizajya kirushaho guhinduka icyawe.

Turagusengera uko ugenda wiringira Imana kandi, nk'igikorwa cyo kubera Yesu umwizerwa , imenyereze gushyira mu bikorwa umenyekanishe amahame ya Bibiliya ari muri iki gitabo, *Imbona-nkubone n' Imana*.

Imana iguhe umugisha uko "Ugenda uhindura abantu abigishwa."



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 11 5/16/2011 12:29:20 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 12 5/16/2011 12:29:20 PM

# INYUNGANIZI Y'UKO AMATSINDA AYOBORWA IYO YIGA

## *Imbona Nkubone n' Imana*

Inyunganizi zikurikira ni bimwe mu byo twize mu gihe kirenga imyaka mirongwitatu tuyobora ano amatsinda mato:

1. Kwigisha umwigishwa umwe wenyine cyangwa se bageze kuri batandatu mu itsinda rimwe biremewe. **Abigishwa bane bahugurirwa mu itsinda rimwe ni byo biboneye kubera ko:**
    - Haboneka igihe gihagije cya buri mwigishwa kugira uruhare mu ishuri.
    - Abagize itsinda bariga kandi bakigishanya.
    - Abasengerana n' abo bigishwa bashobora kuba abigishwa bagize irindi tsinda.

2. Igihe twatangiraga guhindura abantu abigishwa, twagishaga umwigishwa umwe buri gihe. Kimwe mu byiza by'ubu buryo ni uko aba bigishwa twabinjizaga mu buzima bwacu busanzwe no mu murimo w'Imana. Wibuke ko imibereho y' *Imbona-Nkubone n'Imana* irimenyerezwa kandi ikigishwa.

3. Ni iby'ubwenge ko abagabo bakwigisha abagabo na bagore bakigisha abagore. Niba bibaye ngombwa ko umugabo cyangwa umugore yigisha uwo badahuje igitsina, bijye bikorwa mu itsinda. Ntugahurire n'umuntu mudahuje igitsina kumwigisha cyeretse ari umugabo n'umugore we.

4. Niba bishoboka , muhurire mu rugo rudafite ibibarangaza byinshi. Ahantu hatuje, mbese nko mu rugo, ni ingira-kamaro cyane.

5. Koresha amasaha ageze kuri abiri kuri buri somo, nubwo amasomo amwe n'amwe adakeneye gihe kingana gityo cyose.

6. Niba uteguye icyo kunywa ngo mwibobeze umuhogo, byē kugutwarira umwanya. Ikawa, icyayi, cyangwa ibinyobwa bidasinza birahagije.

7. Shyira mu bikorwa ibyo wigisha. Kuko Imana n'abigishwa barakureba.

8. Ntugakomerere abantu cyangwa ngo unanirwe kubihanganira igihe habayeho akanya ko guceceka ubajije ibibazo. Reka abigishwa bamenye ko ntacyo bitwaye kubanza gutekereza ku



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 13 5/16/2011 12:29:20 PM

bisubizo bagiye gutanga. Byaba ngombwa ko usubiramo ikibazo wabajije mu bundi buryo burushaho kumvikana.

9. Igishanya kwicisha bugufi. Reka abigishwa bamenye ko nawe uri mu rugendo rwo gukura mu mwuka.

10. Intego yacu yo guhindura abigishwa ni ukugira ngo tubone abigishwa nyakuri bazatanga ubuzima bwabo mu guhindura abandi abigishwa. Ibi bishoboka neza iyo amatsinda yo kwiga akomeje kuba matoya; batandatu cyangwa bacyeya kuri abo, muri buri tsinda.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 14 5/16/2011 12:29:20 PM

## Iyerekwa Ryagutse ryo Guhindura Abantu Abigishwa

*Nuko Yesu arabegera avugana na bo ati, "Nahawe ububasha bwose mu ijuru no mu isi .Nuko* ***mugende muhindure abantu*** *bo mu mahanga yose* ***abigishwa****, mubabatiza mu izina rya Data wa Twese n'Umwana n'Umwuka Wera, kandi mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose....."*(Matayo 28:18-20 NIV).

**Matayo 28:18-20 si inshingano y' Ikirenga. Ahubwo ni ya nshingano y'ikirenga, kandi ni inshingano yacu y'ikirenga**. Buri wizera nyakuri wese ararebwa n'inshingano yo kugira ruhare muri ibi bintu bitanu bikurikira bikubiye mu guhindura abantu abigishwa:

- **Genda**—Ntabwo tugomba kwiyicarira ngo dutegereze ko abantu aba ari bo badusanga aho turi. Tugomba kuba ari twe tubasanga, kandi tukagenda dufite intego.
- **Vuga ubutumwa bwiza**—ni bande abigishwa ba Yesu bari bagiye kubatiza? Ni abizera bashya bari bamaze kuyoborwa kuri Kristo no kwakīra Kristo (Abo bari babwirije ubutumwa).
- **Batiza**—Aba bizera bashya bagombaga vuba kumvira kimwe n'abandi bose bakurikira Yesu bakabatizwa.
- **Igisha**—Abizera bashya bagombaga kwigishwa uburyo bwo kumenya Imana, gukunda Imana, gukorera Imana, no kugendana n' Imana uyumvira n' umutima wose.
- **Gwira**—Aba bigishwa bagombaga koherezwa hanze kuvuga ubutumwa bwiza badashidikanya kandi biteguye kubyara mu buryo bw' Umwuka, batabyara abigishwa gusa ahubwo babyara abigishwa bahindura abandi bantu abigishwa. Ibi bigomba gukorwa bitya n'uwizera by'ukuri wese wo bihe byose.

## Abakinnyi—Yesu n' Abigishwa be Nyakuri

### Umwigishwa nyakuri ni nde?

- Ni kuki dukoresha iyi imvugo ngo, **Umwigishwa Nyakur**i? Abantu bakurikiraga Yesu biswe Abigishwa. Muri Yohana 6:66, byanditswe yuko *"Benshi mu bigishwa be bahera ubwo, basubira inyuma, barorera kumukurikira."* Kuba batarongeye kumukurikira ukundi cyabaye igihamya cy'uko batari abigishwa nyakuri (1 John 2:19).

- Umwigishwa nyakuri agomba kugira ishyaka rikongora ryo kwemerera Umwuka Wera kumuyobora mu buzima bwe no kurushaho guhindurirwa gusa na Yesu: *"... dutwikuruwe mu maso*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 15 5/16/2011 12:29:20 PM

*turabagirana ubwiza bw'Umwami. Bityo tugumya guhindurwa kugira ngo duse na we, tugahabwa ubwiza bugenda bwiyongeranya ubutitsa..."* (2 Abakorinto 3:18 NLT).

- Ubuzima bw' **umwigishwa nyakuri** n'ubuzima buhinduka, bisobanurwa ngo buhora buhinduka. Iyo tudatera imbere, dukura mu buryo bw' umwuka ngo tugere ku rugero rushyitse, tuba dusubira inyuma dutera Imana umugongo.

**Guhindura abantu abigishwa by'ukuri . . .**

- **Yesu ni umukinnyi w'inararibonye n'icyamamare, naho twe turi abakinnyi nk'abandi bose.** Ni we uhindura umunyabyaha utizera kuba umwigishwa we hanyuma agahindura uwo mwigishwa kuba ūhindura abandi kuba abigishwa. Nyamara aratubwira ngo ***"tugende duhindure abantu abigishwa,"*** bisobanuye gusa ko dufatanya na we tukamuhagararira (2 Abakorinto 5:20)─kuba abigishwa nk' umuyoboro anyuzamo ubutumwa bwe kugira ngo urukundo rwe rugere ku isi yose.
- **Yesu, we wenyine uhindura abazahindura abantu abigishwa, ni we mwarimu wacu n'ikitegererezo cyacu.** Ntitwigira gusa mu byo yavuze ahubwo no mu byo yakoze. Yesu yatubwiye ko duhindura abantu abigishwa (Matayo 28:19). Nubwo atakoresheje aya magambo ngo "muhindure abantu bazahindura abandi abigishwa," hano hari ibintu bitatu bigaragaza uku kuri:
    1. Yesu yabaye inkomoko ya abantu bahindurira abandi kuba abigishwa ubwo abigishwa be batangiraga guhindura abandi abigishwa.
    2. Matayo 28:20 (NIV) havuga abigishwa bashya b'ibihe bizaza. Yesu yaravuze ati, "*mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose,"* akimara kuvuga ngo, *"mugende muhindure abantu abigishwa"* (Matayo 28:19 NIV). Nuko rero buri muntu wese ukimara kwizera Yesu akwiye kwigishwa kumvira itegeko ngo *"Mugende muhindure abantu abigishwa."* Muri Yohana 8:31 (AMP) hasobanura abigishwa nyakuri ko ari abantu bamwizera, baguma mu Ijambo rye, kandi bitondera inyigisho ze. **Iyo twumviye tugahindura abantu abigishwa n'abo bigishwa bakumvira bagahindura abandi bantu abigishwa, tuba duhindutse abantu bahindura abahindura-abantu abigishwa.**
    3. Pawulo yasobanukiwe neza iri hame ryo guhindura abantu bahindura abandi abigishwa. Ni cyo cyatumye abwira Timoteyo atya, *"Kandi ibyo wanyumvanye imbere y'abahamya benshi ubimenyeshe abantu bo kwizerwa bazashobora kubyigisha abandi"* ( 2 Timoteyo 2:2 NIV).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 16 5/16/2011 12:29:20 PM

## Ishyaka Rigurumana─Hindura Abantu Abigishwa

**Kuki duhindura abantu abigishwa?**

- Yesu yadutegetse ko duhindura abantu abigishwa (Matayo 28:18-20).
- **Abantu batari kumwe na Yesu nta byiringiro bafite,** *"... mudafite Kristo ...mutandukanijwe n' Ubwisraeli...ari nta byiringro mufite by' ibizaba...mudafite Imana Rurema"* (Abefeso 2:12 NLT).

## Intambwe─Guhindura Abantu Abigishwa

**Ijambo *umwugishwa* ntirisobanura umuntu gusa ahubwo risobanura n' intambwe umuntu atera. Yesu aduhamagarira kandi akadutegeka gukora izo ntambwe.**

- Umwigishwa akomoka mu ntambwe zo guhindura abantu abigishwa, bishingiye ku mbaraga z'Imana zihindura umuntu. Iyo tuvuze ko twahinduye umuntu "umwigishwa", mu yandi magambo tuba tuvuga ko Imana yatwemereye gukora izo ntambwe.
- Tugomba gukomeza gukura, gukomera, noneho tukaba turushijeho twigishijwe kugira ngo tube ibikoresho birushijeho kuba byiza mu biganza by' Imana (Abaroma 12:1-2),*"muboneye mu ngeso kandi mwiteguye muri byose"* (Yakobo 1:4 NLT).
- Pawulo yatubereye ikitegererezo cyo kutanamuka ahubwo yahoraga atwaranira kuba uwo Imana ishaka ko aba. *"Benedata , sinibwira yuko maze kugifata, ariko kimwe cyo, nibagirwa ibiri inyuma, ngasingīra ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw' Imana muri Kristo Yesu kwavuye mu ijuru"* (Abafilipi 3:13-14 NLT).

  **Mu ntambwe zo guhindura abantu abigishwa, *inshingano yanjye* ni iyihe, kandi *inshingano y'Umwuka Wera ni iyihe?***

  - ***Inshingano yanjye ni*:**
    - Ukwemera Gukoreshwa─ *"Nimuze munsange [Yesu],"* kandi *"munyigireho [Yesu]"* (Matayo 11:28-29 AMP).
    - Ba munsi y'ubutware bw' Imana─ *"...mwitange mwihe Imana"* (Abaroma 6:13). Uyu munsi emera akubere Shobuja mu buzima bwawe.
    - Guma muri Yesu (Yohana 15:4).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 17 5/16/2011 12:29:20 PM

- Ba mu Ijambo rye kandi witondere inyigisho ze (Yohana 8:31).
- *"Mwishime iteka; musenge ubudasiba; mu bibaho byose muhore mushima..."* (1 Abatesalonike 5:16-18).
- Iyange, wikorere umusaraba wawe iminsi yose, maze ukurikire Yesu (Luka 9:23).
- Ba Intumwa mu cyimbo cya Yesu (2 Abakorinto 5:20). Muhamye (Ibyakozwe 1:8).
- Gendera mu MBARAGA za Yesu—Adutumira mu mbaraga ze (Matayo 28:18-20).
- Emera, ushyire mu bikorwa GAHUNDA y'Umwami Yesu—uko ugenda, bwira abantu ubutumwa Bwe (Matayo 28:19-20).
- Hagarara ku ISEZERANO rya Yesu— "Ndi kumwe namwe" (Matayo 28:20).
- Usiganwe ufite ukwirinda (1 Abakorinto 9:24-27).
    - Fata ingamba zo gutsinda.
    - Itoze cyane.
    - Iyemeze.
    - Shyira imyitozo mu bikorwa kandi wiyange.
- ***Inshingano y'Umwuka Wera ni*:**
    - Ukumurikira ubwenge (1 Abakorinto 2:12-14).
    - Ukwemeza umutima (Yohana 16:8-11).
    - Ukuba muri twe ( Abaroma 8:11).
    - Ukutwigisha ( Yohana 14:26).
    - Ukuduhumuriza (Yohana 14:16).
    - Ukudufasha (Abaroma 8:26).
    - Ukutuyobora (Yohana 16:13).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 18 5/16/2011 12:29:20 PM

- Ukudushoboza (Micah 3:8).
- Kutubyariramo imbuto (Abagalatiya 5:22-23).

## Icyo Bibyara—Abahindura-abigishwa n' Abahindura Abahindura-Abigishwa

**Ni buryo ki abantu cyangwa amatorero bihindura-abantu-abigishwa cyangwa ibihindura abahindura-abantu-abigishwa?**

- **Itegereze urugero**—ni Yesu.
- **Akīra iryo yerekwa**—ryatanzwe na Yesu.
- **Fata ingamba**—zo gutanga ubuzima bwa n'igishoro cyo guhindura abigishwa bazahora babyara mu mwuka abigishwa nabo bahindura abandi abigishwa.
- **Kurikiza urugero**—Yesu.
- **Subiramo izo ntambwe**.
    - Mu myaka yahise nasomye igitabo cyitwa "Uko Yesu Yatoje Abayobozi" cyanditswe na Dr. W. Maxfield Garrott, misiyoneri muri Japan. Sinjya nibagirwa interuro ye isōza ivuga ku byerekeye gutoza abayobozi, kandi n'ibyo ivuga ku uguhindura abantu abigishwa ni ukuri. Yaragize ati, **"Kubona umusaruro umeze nk' Uwe [uwa Yesu], icyo ugomba gukora ni ukuba nka Yesu kandi ukaba hafi cyane y'abantu, n'ubwo baba bacye cyane, kugira ngo bacengerwemo n'ishusho Ye binyuze muri wowe. Biroroshye cyane."**

**Ushobora kuba**

**UMWIGISHWA wa Yesu NYAKURI,**

***ŪHINDURA ABANTU ABIGISHWA*,**

**n' UBYARA ABAHINDURA ABANTU ABIGISHWA**

**Imana ishaka ko uba we!**

**Wowe ujye utera intambwe ikurikira gusa.**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 19 5/16/2011 12:29:21 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 20 5/16/2011 12:29:21 PM

## Inshingano Imana Yaduhaye—
## Gusiga Imbuto Izahoraho

Imwe mu nshingano ikomeye muri Bibiliya ni igihe **Yesu atwibutsa ko yadutoranije, akadushyiriraho gusiga imbuto izahoraho.**

> *Si mwe mwantoranije, ahubwo ni jye wabatoranije, kandi mbashyiriraho kugira ngo mugende, mwere imbuto, imbuto zanyu zigumeho....*(Yohana 15:16).

**Ese urasiga imbuto izahoraho?**

Ni buryo ki twasiga imbuto—imbuto izahoraho, kugeza iteka ryose?

Yesu yanzuye uburyo twasiga imbuto izahoraho ubwo yavugaga ati, *"Mugende muhindure abantu abigishwa"* (Matayo 28:19 NIV). Guhindura abantu abigishwa bigizwe no kugenda, kuvuga ubutumwa, kubatiza, kwigisha, nyuma ugatuma abo bigishwa bashya kugira ngo bagwire (bahindure abantu abigishwa).

Guhindura abantu abigishwa ni bwo buryo bwo kugwiza umurimo Imana yaguhaye.

Iyo tuza kuba twarapfuye mu myaka mirongwitatu─n'ibiri ishize, hāri kuzaba hari abantu bacye mu ijuru bakomotse ku musaruro w' umurimo dukorera Imana kuko nubwo twahamyaga Kristo, tukamubwira n'abandi , ntabwo twahinduraga abantu abigishwa. Imbuto zizahoraho tuba twarasize zajyaga kuba nkeya. Mu myaka mirongwitatu ishize yose twatanze ubuzima bwacu atari mu kubwira abantu bazimiye Kristo byonyine ahubwo no mu guhindura abantu abigishwa no guhindura-abigishwa bazahindura abantu abigishwa.. Ubu abo bantu twahinduye abigishwa bari mu duce dutandukanye tw'isi, na bo barahindura abantu abigishwa kandi barasiga *imbuto izahoraho*. Ni tumara gupfa, umurimo Imana yaduhaye uzajya waguka umwaka ku wundi uko abo bantu bahinduwe abigishwa bakomeza guhindura abandi abigishwa. *Icyo twabonye gusa ni ibyo Yesu yakoze ubwo yari ku isi bityo tufata icyemezo cyo gutanga ubuzima bwacu tubuha icyo: guha umwanya w'ibanze guhindura abantu abigishwa.*

Ngiyi gahunda izatuma uba ingira-kamaro kugira ngo usige **imbuto izahoraho**, ariko ***ugomba kuba ufite ubushake bwo kuyishyira mu ngiro***.

> ***Hindura byibuze itsinda rimwe ry'abantu abigishwa buri mwaka*─** Buri mwaka, fata itsinda ry'abantu babiri kugeza kuri batandatu uryigishe *Imbona Nkubone n'Imana*. Muhure rimwe buri cyumweru; mumare igihe cy'ibyumweru cumi-na-bitanu mugire mutyo, mukoreshe igihe cy'amasaha abiri buri uko muhuye.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 21 5/16/2011 12:29:21 PM

***Ni mukomeze guhūra rimwe buri kwezi kumara igihe amezi arindwi yandi*****—**Itsinda ryanyu ni rimara kwiga *Imbona Nkubone n'Imana*, noneho mujye muhura inshuro imwe buri kwezi—mumare amezi arindwi mugira mutyo kugira ngo mukomezanye kandi buri wese muri mwe akomeze mugenzi we kugira umwete wo gushyira mu bikorwa ibyo mwigiye mu *Mbona Nkubone n'Imana*.

***Ni mugwire*****—**Shishikariza abo wigisha kandi ubatume **gusiga imbuto** izahoraho, bityo bubahirize iri tegeko ngo *"mugende muhindure abantu ... abigishwa"* (Matayo 28:19).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 22 5/16/2011 12:29:21 PM

# Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi........................Isomo rya 1

1. N'utangira usenge.
2. Ha buri wese ikaze.
3. Ha buri muntu Igitabo cyagenewe Umwigishwa.

***Sobanura:*** Bwira abigishwa kandi ubereke uko igitabo bafite gikoreshwa. We kwibwira ko babizi.

- Iki si igitabo usoma guhera ku rupapuro rwa mbere kugeza ku rwa nyuma.
- Igitabo cy' Umwigishwa kigabanijwemo ibi bice birindwi bikurikira:

  **Iriburiro (Urupapuro 9-46)**

  **Soma (Urupapuro 47-72)**

  **Tekereza (Urupapuro 73-78)**

  **Gusenga (Urupapuro 79-86)**

  **Iga (Urupapuro 87-232)**

  **Fata mu Mutwe (Urupapuro 233-238)**

  **Imikoro (Urupapuro 239-286)**

- Buri rupapuro rufite agasanduku kirabura ahagana ku muhero wa buri rupapuro, bigaragaza igice urwo rupapuro ruhereyemo.

***Ishusho:*** Tekereza ibyo bice birindwi biri mu Gitabo cy"umwigishwa nk'aho ari ibyumba birindwi by'inzu.

- Uko turushaho gusoma igitabo cy'umwigishwa, tuzaba turushaho kujya mu byumba byinshi buri munsi.

***Impapuro:*** Umubare ugaragaza buri rupapuro uboneka mu gasanduku gasigirijwe ibara ryirabura ahagana hepfo kuri buri rupapuro, ku nkengēro-isohoka y'urupapuro.

Itegereze umenye neza isomo (amasomo) ibiri kuri buri rupapuro bizaganīrwamo: Ahagana hepfo kuri buri rupapuro, mu gasanduku kirabura ugana ku ruteranirizo, hari umubare ugaragaza isomo (amasomo) ibiri kuri urwo rupapuro bizaganirwamo.

***Babaze:***Hari ufite ikibazo ku mikoresherezwe y'Igitabo cy'Umwigishwa?



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 23 5/16/2011 12:29:21 PM

4. Ni musome/muganire kuri ibi: **Kumaramariza Guhinduka no Guhindura Abigishwa**, kandi ushishikarize abigishwa gushyira umukono n'itariki kuri iri sezerano (Urupapuro 11).

   ***Ibisobanuro:*** Ni ngombwa ko abo bantu uhindura abigishwa bagira isezerano ryo kwiga izo nyigisho, kuko aribo bigirira umumaro. Ikigaragara ni uko muzarangizanya nibashyira umukono n'itariki kuri iryo sezerano. Barahirwa cyane abo bigishwa bazitabīra kuboneka mu masomo yose kandi bagakora imikoro yagenewe gukorwa buri munsi.

   ***Bashishikaze:*** Ni barangiza kwiga isomo rya mbere, shishikariza buri mwigishwa gushaka umuntu mu biga izi nyigisho bazajya basengerana. Muri uku gusengerana bombi bizababafasha gukura, kandi uku gukomezwa no gushyigikirwa bizababafasha mu bihe biruhije.

5. Ni musome/muganire kuri uyu murongo: **"Intego yanjye idakuka ni ukumumenya"** (Urupapuro 9).

   ***Inkuru:*** Pawulo yari mu nzu y'imbohe i Roma ubwo yandikaga Abafilipi. Icyumba cy'inzu y'imbohe aho abize ibya Bibiliya bizera ko yari abohewe cyari gifunganye. Nticyari gifite amadirishya habe n'inzugi; ubwo rero, nta mucyo na mucye wakivīraga ururutse hanze. Imbohe ifungirwamo yamanurirwaga mu mwenge w'igisenge wabugenewe. Mu ruhande rumwe rw'icyo cyumba hāri inkingi iyo ahāri yari aboheweho. Inkuta z'icyo cyumba zari iz'amatafari abajwe mu rutare, kandi mu rundi ruhande rumwe hararetswe hadashyizwemo itafari kugira hamubere uburyamo. Hari ubutita, hatose, kandi ahāri rwose hari hugarijwe n'imbeba. Ariko nyamara muri iyi mibereho iruhije kandi y'injyana-muntu. Pawulo ntiyari yitaye ku kurekurwa kwe ngo akurwe mu nzu y'imbohe, ahubwo yari yitaye gusa ku kurushaho gushorera imizi mu kumumenya Kristo no kurushaho kuba inkoramutima ye kuruta uko yari yarigeze kumumenya.

   ***Ibisobanuro:*** : Ijambo *kumenya* mu rurimi rw' Ikigeriki ntirisobanuye ubumenyi bukomoka mu kucyiga byonyine ahubwo hakubiyemo no kuba inkoramutima na byo.

   - Tito 1:16 hati, *"Bavuga ko bazi Imana, ariko bayihakanisha ibyo bakora; bene abo ni abo kwangwa urunuka, ni abatumvira Imana, no ku mirirmo myiza yose nta cyo bamaze."*

   ***Ibibazo:*** Saba abigishwa ko bandikisha ikaramu ahagana hepfo ku rupapuro rwa 9 ibi bikurikira:



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 24 5/16/2011 12:29:21 PM

**Ibibazo bine** byerekeye kumenya Yesu:

1. Niba atari hano, ni hehe handi?
2. Niba atari ubu buryo, ni ubuhe bundi?
3. Niba atari nonaha, ni ryari?
4. Niba ari nta hato, ni kuki?

***Ibyagenzuwe:*** Kenshi iyo abigishwa batangiye gukora imyitozo yo mu by'Umwuka, urugero gusoma Bibiliya, gufata ibyanditswe mu mutwe, gutekereza ku Ijambo, no gusenga, batangira gukora amakosa yo gutumbīra iyo myitozo nk'aho bagahanze amaso Yesu wenyine, wenyine rukumbi. Ikibivamo ni uko bamwe bagwa umugenda ntibagirirre Imana umumaro. Ni cyo gituma tuzajya dusubiramo uno murongo buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu,** Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.

2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by'Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** kugiti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.

    ***Ibisobanuro:*** Ibyo twiboneye ni ibi: uko dukora ino myitozo yo mu by'Umwuka kugira ngo tugere ku nyego yacu ari yo ukumumenya, umunezero bitera ukingiriza akazi gakenewe.

    ***Ingero:***

    - Uribwira ko ari akazi ko abantu bakundana baba kumwe kugira ngo barusheho kumenyana (guhuza urugwiro)?

    - Ntihabaho umunezero mu cyimbo cyo gutekereza ukuntu biruhije cyangwa umuhati bisaba guhagatira umwana cyangwa umwuzukuru wawe ushaka kurushaho kumenya uwo mwana?

3. Gutekereza ku kuri gufite imbaraga kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura ngo duse na Yesu**.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 25 5/16/2011 12:29:21 PM

6. Ni musome/muganire ku **Intego z'Ubuzima** (Urupapuro 12-13).

   ***Ikibazo:*** Baza abo bigishwa kuvuga zimwe mu ntego abagabo/abagore bagira umunsi wa none.

   ***Amagambo y'urufunguzo:*** Kugira ngo tugere ku ntego iyo ari yo yose, tugomba kwimenyereza ibi bintu uko ari bibiri: *gukuraho* no *kwitaho*. Mu kugendana n'Imana kwacu, bisobanuye gukuraho ibintu bitari ngombwa ahubwo tukita ku byo Imana ibona nk'ingenzi. Benshi muri twe dukora ikosa ryo gukuraho ibyo Imana ibona ko ari ingenzi kuruta ibindi byose ugasanga twita kuri bya bindi bitari ngombwa.

   Noneho ubu garuka ku **Intego z'Ubuzima**. Itegereze ukuntu bigaragaza uguhoraho mu cyimbo cyo kuba iby'igihe gito (ibizashira). Imana irashaka gukoresha zino ntego kugira ngo ihindure ubuzima bwacu, ariko tugomba kuba dufite ubushake bwo gukuraho no kwitaho. **Intego zikurikira zishobora kandi zigomba kuba ishyaka rikongora muri buri Mukristo wese**.

   1. **Kumenya Yesu mu buryo bune:**
      - Kurushaho gushorera imizi mu kumumenya no kurushaho kuba inkora-mutima ye, ku giti cyawe
      - Mbona, menya, kandi nsobanukirwa uburyo uyu muntu, Yesu, ari igitangaza
      - Kwimenyera mu buzima bwacu bwa buri munsi za mbaraga z'Imana yerekanye mu kuzuka Kwe
      - Gusangira na we imibabaro kuko ari muri iyi mibereho Imana iduhindura ngo duse na yo
   2. **Kumuhesha icyubahiro:**
      - 1 Abakorinto 10:31, ca akaziga ku magambo *"mujye mukorera byose guhimbaza Imana."*
      - *Guhesha icyubahiro* bisobanuye "kubaha no gushyira hejuru."
      - Iki kigomba kuba ikigendererwa cyacu muri buri gitekerezo, ijambo, imitekerereze, n'igikorwa.
      - No muri buri kamenyero kacu n'ibintu byoroheje by'ubuzima. Nko kurya no kunywa, dushobora kandi tugomba guhesha Yesu icyubahiro.
      - Muri Yohana 17:4 (NKJV), Yesu yubahishije Se mu kumvira kwe kudafite imbibi.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 26 5/16/2011 12:29:21 PM

- Bitwereka ko Imana irushaho kubahiririzwa mu kuyumvira kwacu.

***Imvugo:*** John MacArthur yaravuze ati, "Ubuzima ni indagizo twaragijwe n'Imana yo gukoreshwa ibiyihesha icyubahiro."

3. **Gusa na We mu byo Dushaka no mu Ngeso zacu.**

***Gusa na We mu byo dushaka***—Iyo tugeze aho tugira ibyiringiro byinshi mu Mana bituma turutisha ubushake bwacu ubwayo, tugira gushaka kwayo nk' ukwacu.

- Muri Matayo 26:39, tubona ishusho nziza cyane, Yesu asenga asaba Se, agira ati, *"Niba bishoboka, iki gikombe kindenge, ariko bye kuba uko jyewe nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka."*
    - Ahāri iki ni cyo gihe gikomeye mu byo Yesu yanyuzemo kuko *iki gikombe* cyashushanyaga umugayo, gukorwa n'isoni, no kurekwa (gutandukanywa) na Se kubw'ibyaha byacu, kandi ibi bisobanuye ko:
        - Yesu yagombaga kwishyiraho icyaha cyacu cyose kugira ngo abyishyurire. Tekereza kuri icyo. Nta cyaha yari yarakoze, nta n'umujunya wa Se uzanwa n'icyaha yari yarigeze.
        - Kuko Yesu yari afite ubushake bwo kumvira no kwishyiraho icyaha cyacu, icyaha cyacu cyamutandukanije na Se. Tekereza kuri icyo. Yesu ntiyari yarigeze gutandukana na Se.
    - Ubwo Yesu yavugaga ati, *"Ariko bye kuba uko jyewe nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka,"* yaduhaye icyitegererezo cyo guhora twifuza ubushake bw'Imana tukaburutisha ubushake bwacu, icyo byaba bisaba cyose.

***Gusa na We mu ngeso zacu***—buhoro-buhoro Imana iduhindurira gusa na Yo mu:

- **Kwera:** ni ubuziranenge mu mibereho yose



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 27 5/16/2011 12:29:21 PM

y'ubuzima, twiga kubaho nka We, ibyo bizaso-
hora mu buryo bwuzuye nitugera mu ijuru.

- **Gukiranuka:**
    - Abaroma 10:10, *"kuko umutima ari wo umuntu yizeza, akabarwaho gukiranuka."*
    - Ni ugukiranuka kwe, si ukwacu—Tito 3:5; Abafilipi 3:9; Abaroma 10:3; Matayo 6:33; 2 Abakorinto 5:21; Abaroma 3:21-22.
    - ***Inkuru:*** Abahungu bacu bakiri batoya bohereje amadorari abiri ($ 2.00) mu gasanduku karangurwamo impeke ku ruganda rutunganya impeke batumiza igitabo kiriho inyuguti z'urusobe cyamamazwaga ku gasanduku karangurwamo impeke. Icyo gitabo kije, buri rupapuro rwari rwuzuyeho inyuguti z'uruherekane uburyo nta kanya kari hagati y'inyuguti n'iyindi, bityo ntiwashoboraga gusoma ijambo cyangwa se interuro byo muri icyo gitabo. Ariko icyo gitabo cyazanye n'akabumbano gakozwe mu amakakama gatukura kandi kabonerana. Iyo wagashyiraga hejuru y'urupapuro urwo ari rwo rwose muri icyo gitabo, inyuguti zimwe zaracyingirizwaga, hanyuma noneho ukabona gushobora gusoma ibiri ku rupapuro. Mbibonye, byanyigishije k'ugukiranuka kw'Imana: ako kabumbano kabonerana kandi gatukura nakabonye nk'amaraso ya Yesu yamenewe ku musaraba ku bwanjye. Kamfashije no kubona neza ko ubwo nakiriye Yesu mu mutima wanjye nk'Umukiza n'Umwami wanjye kandi nkaba mwiringira, nubwo ncumura, iyo Data andebye, andebera mu maraso ya Yesu, noneho amaraso ya Yesu agakingiriza ibyaha cyangye. Kubera iyo mpamvu, nubwo ncumura, ambona nk'umukiranutsi kuko icyaha cyanjye gitwikirwa n'igitambo cy'amaraso ya Yesu wapfuye mu cyimbo cyanjye.
- 2 Abakorinto 3:18 (NLT)—Uyu murongo uduha ibyiringiro bihebuje. Buri wese muri twe ashobora kuba indorerwamo irabagiranamo ikuzo ry'Umwami. Twebwe ikidukwiriye gusa



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 28 5/16/2011 12:29:21 PM

ni ukwitanga (Abaroma 6:13) tukiha Imana kandi tukayemerera kuyobora ubuzima bwacu akanya kose ka buri munsi kugira ngo Imana idukoranemo umudendezo umurimo wo guhora iduhindurira kurushaho gusa na Yo ubwayo ari na ko kandi idukoresha nk'indorerwamo yigaragarizamo ku bandi bantu. Mbega uburyo iyo Mana ihambaye!

- Abaroma 12:2 (RSV):
    - Iyi nteruro ngo ***"Ntimugakurikize imibereho n' ab'iki gihe,"*** yahinduwe na J.B. Phillips gutya, *"Ntimureke isi ibazengurutse ngo ibakandakande mutere nka yo."*
    - Iyi nteruro ngo ***"ivugurure ibitekerezo byanyu,"*** mu buryo bwo guhindura bwitwa Amplified Bible ihinduwe itya, *"Ahubwo muhindurwe muvuguruwe rwose ibitekerezo byanyu, mufite intego nshaya n'amatwara mashya…"*
        - Gukurikirana **Intego z'Ubuzima** ufite umwete wabyo ni uburyo bumwe bwo kuvugurura ibitekerezo byacu.
        - Gukurikirana kugira **amatwara mashya** ufite umwete wabyo ni ubundi buryo bwo kuvugurura ibitekerezo byacu. Abafilipi 2:5-8 Pawulo aravuga ati, *"Mujye mugira amatwara nk'aya Kristo Yesu."* Uku ni ko muri iki gice gisobanura amatwara Ye:
            - *"Yihinduye ubusa"*
            - *"ajyana akamero k'umugaragu w'imbata"*
            - *"yicisha bugufi"*
            - *"Arumvira, ntiyanga no gupfa… ndetse apfa abambwe ku musaraba!"*
            - Birashoboka ko amwe muri aya matwara mashya ari amatwara yo kumvira, ukagira uti, "Mwami, ndakumvira; n'uvuga gusa." Aya ni na yo matwara Petero yagaragaje



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 29 5/16/2011 12:29:21 PM

ubwo yasubizaga Yesu muri aya magambo, *"kuko ubivuze reka nzijugunye"* (Luka 5:5).

- Amatwara yo kumvira ashobora gutuma twitwara uko bikwiye igihe gikomeye.

  ***Inkuru:*** Umupasitoro umwe yambwiye iyi nkuru yerekeye umugabo wize muri rimwe mu mashuri yigisha amasomo yanjye yo ku guhinduka umwigishwa mu gihugu cya Romania. Uyu mugabo w'Umukristo yakoreraga ikompanyi y'imodoka. Yari yariyemeje kumvira Kristo icyo byaba bimusaba icyo ari cyo cyose. Umunsi umwe, icumi mu bamukuriye baza aho ari bamubwira ko agomba kureka kuba Umukristo bitaba ibyo bakamukura ku kazi ke—ibyo byari bisobanuye ko yajyaga gushyirwa mu nzu y'imbohe bamuhōra kudakora. Uwo mugabo aherako amanika ikiganza arabasezera maze atangira kwisohokera. Yashyiraga amatwara yo kumvira mu bikorwa. Yiyemeje kumvira Imana igihe cyose ivuze, kandi Imana yari yaravuganye na we Yo cyangwa akazi uwarushaga kuba ingenzi. Kuko uwo mugabo yakoraga akazi neza cyane byatumye abamukuriye baherako



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 30 5/16/2011 12:29:21 PM

baramutangīra bamubwira ko agomba gukomeza akazi ke. Nk'uko nawe wabyibwira, hehe no kongera kuzamurwa mu ntera, ariko ahorana amahoro n'umunezero bikomoka mu kumenya ko ari indakemwa ku Mwami Yesu.

***Ikibazo:*** *Urangije gusoma no kuganira kuri izi Ntego z'Ubuzima, saba abigishwa kukubwira uko bashobora gukoresha izi ntego kugira ngo zibafashe guhitamo neza igihe cyose.*

***Igisubizo:*** Buri uko ugeze mu mayira-abiri, igihe cyose bidusaba gufata icyemezo, mbese twakwibaza ibi bibazo bitatu byerekeye amahitamo yacu:

1. Ni ihitamo ki ryamfasha kurushaho kumenya Umwami Yesu?
2. Ni ihitamo ki ryamfasha kurushaho guhesha Umwami Yesu icyubahiro??
3. Ni ihitamo ki ryamfasha kurushaho gusa n'Umwami Yesu mu bushake bwanjye no mu ngeso zanjye?

Noneho duhereko dufate icyemezo, gishingiye k'uguhitamo kuruta ukundi kose gusohora Ntego zacu z'Ubuzima.

7. Ni musome/muganire **Uko Iri Somo Riteye** (Urupapuro 14).

***Ibisobanuro:*** Ni tuvuga icyitegererezo cy'imibereho itunganye (igice II, C.2), ni ngombwa ko dushimangira ko uburyo bumwe bwo gukuza iyi mibereho ari ugukora imikoro iteguwe mu *Mbona Nkubone n'Imana* umunsi ku wundi. Ni ikintu k'ingenzi cyane ko bakora imikoro buri munsi kuko tutagerageza kwigisha ukuri gusa ahubwo turazana imibereho Umwami Yesu agaragariramo.

***Ibisobanuro:*** Ni tuvuga gahunda (igice III, A-E) tuzakurikiza igihe twiga ibiri mu *Mbona Nkubone n'Imana*, ni ikintu k'ingenzi gusobanukirwa ko **Yesu yakoresheje iyi gahunda ubwo yatozaga abigishwa be**:

- **Yesu yasobanuye ku cyo agiye kwigishaho.**
- **Yesu yababwiye impamvu.** Muri Matayo 4:18-19, yarababwiye ngo bamukurikire. Kuki? Yashakaga kubahindura abantu bajyaga gutanga ubuzima bwabo mu kuroba abantu.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 31 5/16/2011 12:29:21 PM

- **Yesu yaberetse uko babigenza.** Mariko 1:35 ni urugero rw'ukuntu Yesu yahaye abigishwa be icyitegererezo cy'uko bagirana n'Imana umwiherero ubwo yashakaga ahantu hatuje, hiherereye mu gitondo cya kare, aho We na Se batagira ikibarogoya. Yesu yashimangiraga kuri bo na twe umumaro wo kugirana umwiherero n'Imana buri munsi.
- **Yesu yarabatangije.** Muri Matayo 28:19-20, Yesu yatweretse ko iyo umaze guhindura abigishwa ugomba kubohereza guhindura abigishwa. Abigishwa nyakuri bose bagomba kuba abantu bafite ubushake n'intego yo guhindura abigishwa nabo bahindura abandi abigishwa. Nuko rero, nk'uko Yesu yagenje, tugomba kubatangiza (ni ukuvuga abo tumaze guhindura abigishwa) guhindura abigishwa bahindura abandi abigishwa.
- **Yesu yakomezaga kubafasha.** Muri Matayo 26:38, Yesu yabwiye Petero n'abahungu ba Zebedayo babiri ati, *"…mugume hano, mubane maso nanjye."* Inshuro eshatu zose muri Matayo 26: 40, 43, 45, Yesu yaragarutse avuye mu gusenga k' umwiherero we n'Imana kugira ngo abakomeze.

8. Ni musome/muganire k' **Umurongo Wampesheje Amahoro** (Urupapuro 15-16).

   ***Ibisobanuro:*** "Umurongo Wampesheje Amahoro" uzaguha uburyo bwo gutahura ibintu bibiri by'ingezi:

   - Buri umwe mu bigishwa bawe afite ibyiringiro by'agakiza ke?
   - Abigishwa bawe baba bashidikanya Ijambo ry'Imana cyangwa bashikamye ku masezerano Yayo?
     - Rimwe na rimwe Abakristo nta mumaro bagirira Imana kuko Satani akomeza kuzana ibibazo byerekeye iby'agakiza mu bitekerezo byabo. Yatubwiye ko dushobora kumenya tudashidikanya ko dukijijwe (1 Yohana 5:13). Niba dushidikanya Ijambo ry'Imana, tuba dushidikanije gukiranuka (ukutaryarya) kw'Imana. Tugomba guhagarara mu masezerano Ye tuyafitiye ibyiringiro.
       - Baza abigishwa bawe ibi bibazo bibiri bikomeye bikurikira:
         1. Wari wagera ahantu mu buzima bwawe bw'umwuka umenya udashidikanya ko uramutse upfuye uyu munsi wajya mu ijuru?
         2. Tekereza nk'ubu upfuye uyu munsi maze ugahagarara imbere y'Imana, tekereza nk'ubu ikubwiye iti, "Ni iki gikwiye kuntera



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 32 5/16/2011 12:29:21 PM

kukwemerera kwinjira mu ijuru ryanjye?" Wasubiza iki?

- Mu myaka myinshi ishize twagize umugisha wo kubona abantu benshi biringira Yesu nk'Umwami n'Umukiza wabo ubwo twababwiraga amagambo ari muri iyi mirongo ikurikira: Abaroma 3:23, Abaroma 6:23, Yohana 3:16, Yohana 1:12 n' Abefeso 2:8-9. Ni ikintu k'ingira-kamaro kubwira abigishwa bawe ino mirongo.
- Kandi twabonye abantu benshi babona ibyiringira by'agakiza bivuye k'ukubabwira uko umuntu umwe yabonye yakize gushidikanya ko afite agakiza.

  ***Inkuru:*** Satani yahoraga yotsa umugabo umwe igitutu amutera kwibaza niba akijijwe cyangwa adakijijwe. Nuko umunsi umwe amaze gusoma amagambo ari muri Yohana 5:24, uwo mugabo aherako arasohoka ajya inyuma y'imwe mu nyubako ze ashinga inkingi mu butaka ikozwe mu giti. Yandika kuri icyo giti ngo *Yohana 2:24* ashyiraho n'itariki z'uwo munsi, nuko arapfukama arasenga, ati "Mwami, si nzi neza niba nkijijwe, ariko niba ariko biri nkaba ntakijijwe, ndabizi nakoze ibyaha kandi nzi ko wamfiriye kubera ibyaha byanjye. Ndumva nshaka kureka ibyaha byanjye nkaguhindukirira, wowe wenyine. Ndakwinginze mbabarira ibyaha byanjye, winjire mu mutima wanjye umbere Umwami n'Umukiza uyu mwanya. Mwami, kuko uri uwo kwizerwa kandi iteka usohoza ibyo usezeranije, nishingikirije ku isezerano ryawe riri muri Yohana 5:24. Noneho ubu menye ko nkijijwe. Mwami, ushimwe." Uhereye ubwo, iyo Satani yageragezaga gutera uwo mugabo gushidikanya ko afite agakiza, uwo mugabo yarasohokaga agahagarara inyuma ya ya nyubako, agatunga cya giti gishinze urutoke, akavuga ati "Satani, nishingikirije ku masezerano y'Imana. Icyemezo cy' agakiza kanjye cyafashwe ku itariki yanditswe kuri iriya nkingi."

***Ibisobanuro:*** Indi mpamvu ituma ari ikintu k'ingenzi ko dusoma tukaganira k' "Umurongo Wampesheje Amahoro":

***Inkuru:*** Rimwe na rimwe turakosa tukibwira ibirenze urugero. Igihe kimwe Marilyn yigishaga umukobwa w'inkumi, uwo



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 33 5/16/2011 12:29:21 PM

yarushaka urungano rwe rwose kugaragara mu rubyiruko rwo mu Itorero ryacu. Ni nk'aho yari yaravukanye ingabire yo kuba umuyobozi, kandi wasangaga buri gihe tumwishingikirijeho. Ubwo bigaga *Imbona Nkubone n'Imana*, Marilyn yiyemeza gusimbuka iki gice kivuga ngo "Umurongo Wampesheje Amahoro" nubwo atari yakigeze kubikora ku muntu wundi, kuko uwo mwangavu yagaragaraga nk'Umukristo mwiza cyane. Hanyuma Marilyn yiyumvamo ko adakwiriye gusimbuka kino gice, ni cyo cyatumye abwira uwo mwangavu gusoma cyane ati, " Umurongo Wampesheje Amahoro." Mugihe yawusomaga, amarira ati bugubugu no ku matama ye. Aravuga ati, "Marilyn, sinigeze nkora ntyo [sinigeze mvuka ubwa kabiri]. Nkiri agakobwa gato, naherekeje musaza wanjye ku kirwa; barambindikiranya (ntazi icyo nkora), mperako mbatizwa ntyo hamwe na musaza wanjye. Guhera ubwo buri muntu wese atekereza ko ndi Umukristo, ariko jyeweho nari niyiziho ko ntakijijwe mu myaka ishize yose." Marilyn n'uwo mwana w'umukobwa barapfukama muri salo y'inzi yacu, maze umukobwa yiringira Yesu wenyine nk'Umukiza n'Umwami we. Ku munsi w'Icyumweru wakurikiyeho yishyira mu maboko y'Itorero kugira ngo abatizwe umubatizo w'abizera

.• Iby'uwo mukobwa byatwigishije ibintu bibiri:

1. **Ntugatekereze** ko abantu bose uhindura abigishwa ari abigishwa nyakuri.
2. **Ntugasimbuke** ingingo iyo ari yo yose mu gitabo cyagenewe umwigishwa igihe cyose uhindura abantu abigishwa; kuko bishoboka ko ari icyo kintu rwose uwo mu bo wigisha yaba akeneye.

***Ubutumire:*** N'urangiza gusomera abo wigisha "Umurongo Uhesha Amahoro", usabe abumva badafite aya mahoro basigara inyuma y'inyigisho cyangwa ko baguhamagara kugira ngo ubabwire uko bayaronka. Twiringiye yuko ubasha gufasha abitabīra ubutumire bwawe bwose, ubabwira ibiri ku mpapuro zibanziriza uru, ariko niba hari icyo ushidikanya, saba guhura n'umwe mu bashumba bawe cyangwa undi muntu uzi neza. Jyana n'uwo muntu, maze ureke uwo mushumba cyangwa iyo nshuti yawe yindi basobanurire umwigishwa wawe uko yabonera amahoro mu kubabarirwa n'Imana, agahagarara mu masezerano Yayo.

- Abantu benshi bageze k'ukumenya ko Yesu Kristo ari Umwami n'Umukiza wabo ubwo bigaga *Imbona Nkubone n'Imana.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 34 5/16/2011 12:29:21 PM

***Ibisobanuro:*** N'urangiza gusoma "Umurongo Wampesheje Amahoro," ubwire abigishwa bawe ko iki gice gikubiyemo ihame rikomeye, ihame fatizo, kandi ritera kwibaza ikibazo gikomeye:

> ***Ihame***—*"Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko uwumva ijambo ryanjye akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo"(Yohana 5:24*).
>
> ***Ihame fatizo***—Izere kandi wishingikirize ku byo Imana yavuze.
>
> ***Ikibazo***—Ijambo ry'Imana (Bibiliya) ni bwo butware mu buzima bwanjye?

9. Ni musome/muganire k' **Umubatizo** (Urupapuro 17-18).

   ***Ibisobanuro:*** Kimwe mu bikorwa byo kumvira k'umuntu ugihinduka Umukristo ni ukubatizwa.

   - Luka 6:46 haravuga hati, *"Mumpamagarira iki muti 'Databuja,' 'Databuja,' nyamara ntimukore ibyo mvuga?"*
     - Yesu ni we watanze itegeko ko umuntu ukimwizera agomba kubatizwa (Matayo 28:19).
     - Niba Yesu atubereye Umwami n'Umukiza, nibisobanuke rwose dukwiye kumvira itegeko Rye tukabatizwa.
   - Niba umubatizo ushushanya ibiba byamaze kubaho mu mitima yacu kandi ukagaragaza ko turi abantu bakurikira Yesu, noneho abantu babatijwe mbere yuko biringira Yesu nk'Umwami n'Umukiza wabo bakwiriye gushishikarizwa kongera kubatizwa. Bitabaye bityo, ntibazigera bagira amahoro kuko Ijambo ry'Imana ryigisha ko agakiza kagomba kubanziriza umubatizo.

10. Sobanura uko bakoresha **Gahunda yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi** (Urupapuro 49).

    ***Ibisobanuro:*** Gusoma Ijambo ry'Imana buri munsi ni imwe mu mibereho tugerageza gufasha abigishwa kuboneza.

    - ***Andika***—iri sengesho rigufi haruguru ku rupapuro 49. Noneho mbere yuko usoma Bibiliya buri gitondo, usenge uti, "Mwami, ndakwinginze kingura ubwenge bwanjye ubwo nīga Ijambo Ryawe iki gitondo" (Luka 24:45).
    - ***Andika***—iri sengesho rigufi hepfo ku rupapuro 49. Hanyuma n'urangiza gusoma Bibiliya buri gitondo, usenge uti, "Mwami, gushimiye igihe nagiranye nawe muri iki gitondo" (1 Ngoma 29:13).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 35 5/16/2011 12:29:21 PM

- Matayo 4:4—"*Ariko aramusubiza ati, 'Handitswe ngo, Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana.*'"
- Yeremiya 15:16—"*Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye, kuko nitiriwe Izina ryawe Uwiteka Mana Nyiringabo.*"
- Zaburi 34:8—"*Nimusogongere mumenye yuko Uwiteka agira neza, hahirwa umuhungiraho!*"
- 2 Timoteyo 3:16—"*Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka….*"

11. Ihanangirize abigishwa twita ku **Mikoro** yabo (Iri ku mpapuro 241—242).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 241, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

12. Sobanura uko urupapuro rw' **Igenzura** (Urupapuro 273):

    ***Ibisobanuro***—Bwira abigishwa uti, "Uhereye kw'isomo rya 2, muzajya mwuzuza urupapuro rw'Igenzura mbere yuko mutangira isomo iryo ari ryo ryose. Muri buri somo umuyobozi w'itsinda ryanyu azasuzuma kandi atangize urupapuro rw'Igenzura rushya mwateguriye icyo cyumweru. Muzajya mutanga amakuru akurikira ku rupapuro rwanyu rw'Igenzura buri cyumweru:

    - Andika **izina** ryawe**.**
    - **Itariki yo Guhura** ni itariki muzahuraho ubutaha.
    - **Igihe cyo Gutangira** ni cya gihe mbere yo gusenga usaba Imana kuvugana nawe muri cya gihe cyo gusoma Ibyanditswe byera byagenewe gusomwa kuri uwo munsi.
    - **Igihe cyo Gusoza** ni cya gihe uhagarikiyeho umukoro wawe w'uwo munsi ku *Mbona Nkubone n'Imana*, kandi umaze gusenga ushima Imana ku bw'umwanya umaranye na Yo.

13. N'usoza usenge.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 36 5/16/2011 12:29:21 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi .........................Isomo rya 2

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo**:* Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana. Nyuma y'ibyumweru bike uzajye usaba abigishwa ko basenga bahumirije amaso yabo, bagenda, bahagaze, batwara cyangwa bari mu kinyabiziga, n'ibindi..., ariko ubu bwo icyo ushaka ni uko basobanukirwa ko ari ikintu k'ingenzi ko bagira igihe cyo gupfukamisha amavi yabo bagasenga igihe cyose babishoboye.

2. Saba ko buri wese yandika izina ry'uwo basengerana, ahagana hepfo ku rupapuro **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 273).

   ***Imurika**:* Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12. Kandi wowe nk'umuyobozi wabo bigufasha kumenya niba abigishwa bawe:

   - Bakora neza umurimo bagomba gukora bari bonyine kandi bagendera muri iyo mibereho, cyangwa
   - Bakeneye ko ubahwitura.

3. Subira mu **Kumaramariza Guhinduka no Guhindura Abigishwa** (Urupapuro 11).

   ***Hugura**:* Bwira abigishwa bawe bashyire umukono n'itariki kuri iri sezerano niba batarabikora.

   - Abo bigishwa bazarangiza *Imbona Nkubone n'Imana* nibashyira umukono ku rupapuro ruriho isezerano.
   - Imigisha yagahebuzo izabonwa n'abo bigishwa bazitabīra amasomo yose iminsi yose kandi bagakora bakarangiza imikoro buri munsi.

4. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9).

   ***Andika ibi kandi mubiganireho:*** Saba abigishwa bo bandika ibi bikurikira ahagana haruguru ku rupapuro 9:

   **Imbogamizi** zo gushorera imizi mu kumenya Yesu Kristo ku giti cyawe no kuba inkoramutima ye (Luka 8:14):

   1. Amaganya
   2. Ubutunzi
   3. Inshingano
   4. Kwishimisha



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 37 5/16/2011 12:29:21 PM

*Ibyagenzuwe:* Kenshi iyo abigishwa batangiye gukora imyitozo yo mu by'Umwuka, urugero gusoma Bibiliya, gufata ibyanditswe mu mutwe, gutekereza ku Ijambo, no gusenga, batangira gukora amakosa yo gutumbīra iyo myitozo nk'aho bagahanze amaso Yesu wenyine, wenyine rukumbi. Ikibivamo ni uko bamwe bagwa umugenda ntibagirirre Imana umumaro. Ni cyo gituma tuzajya dusubiramo uno murongo buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu,** Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by'Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** kugiti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.

   *Ibisobanuro:* Ibyo twiboneye ni ibi: uko dukora ino myitozo yo mu by'Umwuka kugira ngo tugere ku ntego yacu ari yo ukumumenya, umunezero w'ubumenyi bushya uza mu cyimbo cy'ibitekerezo bitari bimwe urugero, *nkwiriye, ni ngomba ko*, cyangwa *ni inshingano yanjye* gushyira mu bikorwa uku kwitoza kw'iby'Umwuka.

3. **Gutekereza ku kuri gufite imbaraga** kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura ngo duse na Yesu**.

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 242).

   ***Ibisobanuro:***

   - Saba abantu batandukanye mu itsinda bahaguruke umwe umwe basome kimwe mu bibazo hanyuma babwirane ibisubizo byabo.
   - Nyuma yuko umwe asomye ikibazo cya 4 ku Rupapuro 242 bakabwirana uko bibagendekera, hugurira abo bigishwa kubwira abandi bantu ibya Yesu n'ibyo akomeza kubigisha.

6. Ni musome/muganire ku **Nshingano yo Gutekereza ku Ijambo** (Urupapuro 75-78).

   ***Ibisobanuro:***

   - Gutekereza ni uburyo dukoresha tukavana ukuri mu mitwe



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 38 5/16/2011 12:29:21 PM

yacu tukagushyira mu mitima yacu. Ukuri ntikuzashyirwa mu bikorwa kugeza igihe kuzajyira mu mutima. Nuko rero, **(kwibwira) gutekereza ku ijambo ni ingenzi niba ushaka gushyira mu bikorwa** (Yosuwa 1:8).

- Ni ingenzi na none ko usobanurira abigishwa ko iyo tubasabye kutekereza ku Ijambo, tutaba tubasaba gusobanura uko icyo gice gisobanura.
    - Gutekereza cyane ku Ijambo bigufataho kuruta gusobanura igice byonyine. Hakubiyemo **Gu**tekereza Cyane, Kugira **I**shusho mu Bwenge, no **Gu**senga isengesho ry'urukundo riva mu mutima wawe rijya ku Mana.
    - Gutekereza cyane ku Ijambo ni ukujyana ukuri mu mitima yacu aho Imana ikoreshereza uko kuri kuduhindura, kuduhindurira gusa na yo, no kuduha umudendezo.
- N'usaba abigishwa bawe kubwirana ishusho (amashusho) babonesha ubwenge, buri gihe ujye ubasaba gutangirana n'iyi nteruro, **"Iyi ni yo shusho mbona."**
    - Vuba aha ngaha umuntu umwe yabajije niba gushushanya (ni ukuvuga kugira ishusho mu bitekerezo) byigishwa mu Isezerano rya Kera byigishwa no mu Isezerano Rishya. Igisubizo ni *Yee*. Muri 1 Tomoteyo 4:15, ijambo *gutekereza* mu Kigiriki risobanuye "kugira ishusho y'ikintu kidahari mu mutwe" (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible*, "Greek Dictionary of the New Testament," Urupapuro 47, nimero 3191).
- N'usaba umwe mu bigishwa ngo asenge Imana ku bw'ishusho iri mu bitekerezo bye nk'isengesho rye ubwe:
    - Ntugatangire uvuga uti, "Ni buryo ki wasengera ibyo?"
    - Ujye uvuga uti, **"Reka dutege amatwi nawe ubisengere Imana nk'aho ari isengesho ryawe ubwawe."** Icyo dushaka ni ugutega amatwi igihe umwigishwa asenga.

*Gutekereza ku byanditswe bidufasha kumenya Imana.*

7. Nimusome/muganire **Inshingano yo Gusenga** (Urupapuro 81-82).

***Ibisobanuro:***

- Abefeso 6:18:
    - **Uko twakwiyambura amaganya**—Niba utarasengera ikintu, we kugishyira mu bitekerezo byawe.
    - Usenge aho waba uri hose, aho uri hose, kandi usengere



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 39 5/16/2011 12:29:21 PM

buri kintu cyose.

> ***Inkuru:*** Umubwiriza Butumwa E.F. "Preacher" Hallock yasengeraga buri kintu cyose—ndetse n'ahantu aparika imodoka ye. Umunsi umwe Preacher yari yagiye kuri banki, kandi ubwo yasohoraga kuri banki, asaba Imana kumuha aho guparika imodoka ye imbere ya banki. Nt' aho guparika imodoka hari hagihari, noneho azenguka inyubako ya banki asaba Imana kumuha aho aparika imodoka. Akomeza kugira atyo inshuro nyinshi hanyuma ajya guparika i ruhande rw'umuhanda. Ako kanya Preacher agisohoka mu modoka ye ngo atangire kugenda mu kayira k'abanyamaguru, aba akubitanye n'umugabo wari warazimiye (utarizera), yahoraga ashaka kumusura ubwo hari hahise ibyumweru byinshi. Bakigenda mu kayira, mu kanya gato gusa, aba asohoje uwo mugabo mu kwizera Kristo. Imana yari ifitiye Preacher umugambi urutaho kuba mwiza kuruta uwo ubwe yari yifitiye, we yemeye kujya aho Imana imwerekeza. *"... Ariko byē kuba uko jyeweho nshaka, ahubwo bibe ko wowe ushaka"* (Matayo 26:39).

***Ibisobanuro:***

- 1 Abatesalonike 5:17
    - *"Musenge ubudasiba."*
        - Ibi bibyutsa ikibazo gikomeye. Ni buryo ki twasenga ubudasiba kandi tugomba no kwita ku bindi bintu ibihe bimwe na bimwe?
        - ***Urugero mu bigaragara:*** : Igihamya cy'uko dusenga "ubudasiba" cyagaragarira muri uru rugero rwumvikana. Gereranya ubwenge bwawe n'akagozi gakweguka kandi gafite umurambararo munini. Iyo ubwenge bwawe wabwujujemo ibitekerezo by'umushinga utekereza ko ari ingenzi cyane, buraguka. Ikibazo gikomeye ni iki: iyo urangije uwo umushinga, cyangwa se ufashe akanya gato ko kwicara ngo uruhuke, ubwenge bwawe buherako bugasubirana bukuzuramo ibitekerezo byo guhimbaza, kuramya no gushima Imana? Mbese kuvugana n'Imana mu masengesho byaba byarahindutse aho ubwenge n'umutima byawe byisanga?

***Ibisobanuro:***



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 40 5/16/2011 12:29:21 PM

- Ibumoso bw'inyuguti **K** mu ijambo **kwatura** (ku rupapuro 82) andika ijambo ......., kuko turamya Imana kubera ....... yayo, ni ukuvuga ngo, kubera uwo ari we:
    - Turamya Imana kuko Yera.
    - Turamya Imana kuko Ikiranuka.
    - Turamya Imana kuko ari Ukuri.
    - Turamya Imana kuko ari Urukundo.
    - Turamya Imana kuko ari iyo Kwizerwa.

***Inkuru**:* Umwe mubahoze ari abashumba bacu, yatubwiye ukuntu ijoro rimwe, yiga, ategura inyigisho yo kuzigisha ku cyumweru. Yari mu cyumba cyo hejuru bigiramo iwe mu rugo igihe umwana we w'umukobwa , wigaga kuvuga, yamusanze hejuru aza k' urugi rwe. Ntiyari afite imbaraga zihagije zo gukingura urugi ariko akomeza kugerageza gukingura. Nyuma yaje gukingura arinjira. Umushumba wacu yari yamaze kurakara kubera urusaku yari yakomeje guteza rwari rwa mubujije kwiga. Hanyuma aramuhindukirana aramureba aravuga ati, "Urashaka iki?" **umwana aramwihorera akomeza kumusanga amwicara ku bibero, hanyuma aramusubiza ati, "Nta kindi nashakaga uretse kukubwira ko ngukunda!"** yari azi kugaragaza kuramya.

- Ibumoso bw'inyuguti **K** mu ijambo **kwatura** (ku rupapuro 82) handike aya magambo: *Ni ryari tugomba kwatura icyaha?* Kandi uhandike iki gisubizo: *Tucyumva ko dufite icyaha mu mutima-nama wacu.* Kuki? *Kugira ngo twongere kugirana ubusabane n'Imana kuko icyaha cyangiza ubusabane bwacu n'Imana.*
- Ibumoso bw'inyuguti **G** mu ijambo **gushimira** (ku rupapuro 82) handike ijambo *IKIGANZA* kuko tuyishimira ibyo yadukoreye, idukorera, kandi izadukorera.
    - Buri munsi wose dushimira Imana kubwa byose ndetse na bya bindi tutajya dufatira umwanya ngo tubitekerezeho. Dukwiriye kwibibamo umutima ushimira kandi tukiga no kujya duha Imana ishimwe ryacu, twaba tugendesha amaguru, twaba turi mu modoka, cyangwa icyo twaba dukora cyose. Dukeneye kwiga kujya tuvugana n'Imana atari nk'abavugana n'Umwami n'Umukiza wacu gusa ahubwo nk'abavugana n'inshuti yacu magara-ntunsige.
- Witondere iki, ko gusenga ko kwinginga ari uburyo bwo



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 41 5/16/2011 12:29:21 PM

gusenga wicishije bugufi. Ni ugusabira undi muntu.

8. Sobanurira abigishwa uko aha hakoreshwa, **Nibutswa Gusenga Buri Munsi** (Urupapuro 83-86).

***Ibisobanuro**:*

- Andika itariki y' uyu munsi haruguru y'urupapuro ahavuga ngo, "Kuva: _______ ."
- Yesu akwiriye kwiringirwa natwe bikomeye. Tugomba kwizera ko atwumva kandi agasubiza gusenga kwacu mu gihe yagennye. Uko turushaho kumumenya no kuba inkoramutima ze, niko turushaho kugira ibyiringiro muri we.
- Turasenga kugeza ubwo Imana iduhereye amahoro. Dushobora kubona amahoro imyaka myinshi mbere yuko dushyikira igisubizo ubwacyo. Iyo bimeze bityo, dukomeza kuramya Imana no kuyiha ishimwe kubw'igisubizo dutegereje.
- Ubu, andika gusa izina ry'uwo musengerana kuri uru rupapuro kandi ujye umusengera buri munsi. Twongera amazina y'abandi bantu cyangwa ibindi bintu kuri uru rutonde iyo tubishatse cyangwa Imana ibituyoboye. Hanyuma ubwacu tuzabona ko gukoresha urutonde rw'ibyo dusengera nk'uru ari ikintu dushaka gukora atari ikintu tugomba gukora.

***Inkuru:*** Vuba aha nagize umunezero wo kubona umugabo umwe asenga isengesho ryo kwakīra Kristo nk'Umwami n'Umukiza we. Uyu mugabo namusengeraga hafi buri munsi mu gihe cy'imyaka mirongwitatu-n'irindwi yose ishize. Ndaguha ubu butumwa: "ntugacogore."

9. Nimusome/muganire ku **Bintu Bitatu Biranga Abigishwa Nyakuri** (Urupapuro 19). Reka abantu batatu bitoranirize ibiranga bitatu bitandukanye noneho ubabwire babi**T**ekerezeho cyane. Babwirane **A**mashusho yacyo uko bayabona mu bitekerezo, naho wowe ubatege amatwi, **B**asenge Imana bayisaba ibyo biranga abigishwa-nyakuri mu isengesho ryabo bwite ryo **Ku**ramya, **Kwa**tura, **Gu**shimira, cyangwa **Kwi**nginga.

***Ibisobanuro**:*

- Abigishwa bose, tubahaye igisobanuro, ni abantu bakurikira kandi biga, ariko muri Yohana 8:31, **abo bakurikira kandi biga bafite kumvira bonyine ni bo bigishwa nyakuri**. Naho ba bandi basubira inyuma cyangwa bagwa bakiri mu rugendo




LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 42 5/16/2011 12:29:22 PM

ntibongere gukurikira Yesu ukundi si abigishwa nyakuri (Yohana 6:66; 1 Yohana 2:29).

- Muri Luka 9:23, uburyo bwiza twabona iyi nteruro, *"Niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose, ankurikire,"* isobanura, ni ugutekereza ko mu mitima yacu dufitemo intebe ya cyami n'umusaraba. Iyi ni yo myanya ibiri yonyine iri mu mitima yacu, kandi hariho imbaraga z'amahara-kubiri zishaka gutegekera kuri iyo ntebe ya cyami, ni ukuvuga kamere yacu ya kera n'Umwuka Wera. Iyo ubwacu duhisemo kwegurira Uwuka Wera iyo ntebe ya cyami, kamere yacu ya kera iba isigaje ahantu hamwe yajya, kandi aho ni ku musaraba.
Iyo dukoze dutyo, tuba twiyimye uburenganzira bwo kuba abatware mu buzima bwacu, noneho tukaba turiho tuyoborwa n'Umwuka Wera. **Iki si ikintu kibaho rimwe mu minsi yose y'ubuzima bwawe ahubwo kigomba gushyirwa mu bikorwa umunsi ku wundi.**

***Urugero mu bigaragara:***

***Ikiza*** ***Ikibi***




**UW = Umwuka Wera**
**KYK = Kamere Yacu ya Kera**

- Matayo 11:29—Umutwaro ni uwo gukora. Bityo rero, iyi nteruro ngo *"Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho"* isobanuye ko kwiga no gukura mu buryo bw'umwuka ari umurimo. Dutekereza umutwaro aho ababiri bakururira hamwe ikintu kimwe, kandi ukururana natwe ni Yesu. Afatanya natwe umuzigo wacu. Tugomba kugira ubushake bwo gutanga icyo kwiga no gukura mu buryo bw'umwuka bidusaba cyose, kuko ari bwo bushake bw'Imana yagaragaje kandi ingororano yo kumvira irakomeye.

10. Sobanura uko **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** zikoreshwa (Urupapuro 65-72) muganira **Ingingo z'Icyitegererezo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 64).

***Ibisobanuro:***



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 43 5/16/2011 12:29:22 PM

- Iyo usoma Ijambo ry'Imana, Imana iba ivugana nawe ubwayo, ikakubwira ukuri kutari kumwe ishaka ko ukoresha mu buzima bwawe. Ijambo ry'Imana ni urwandiko rw'urukundo rwayo yandikira abana bayo. Uku kuri kutari kumwe kenshi usanga ari ibintu bikora ku mutima wawe igihe usoma Ijambo ryayo. Mu buzima bwawe, iyo wumvise ikintu k'ingenzi, kenshi uracyandika kugira ngo utacyibagirwa. Uribwira ko atari iby'ubwenge ko igihe Imana ikubwiye ukwiriye kwandika icyo ikubwiye ahantu kugira ngo utibagirwa ikintu ishaka ko uhora wibuka ukagikoresha ku buzima bwawe?

**Ibintu bitandatu ushobora gukora** ugasarura ibyo ugomba byose igihe usoma Bibiliya:

1. **Saba Imana kuvugana** nawe mbere yuko utangira gusoma.

2. **Ite ku byo usoma** kandi ntureke ngo ibitekerezo byawe bijarajare. Ni ingira-kamaro kugira akandi gapapuro mu ntoke kugira ngo wandikeho ibintu byinjira mu bitekerezo byawe udashaka kwibagirwa. Byashoboka ko byaba ari ibintu ushaka kongera ku rutonde rw'**ibyo wiga**. Nyuma yuko ubyandika, ushobora gukomeza ugusoma Bibiliya kwawe noneho udatinya ko uzibagirwa ikintu k'ingenzi.

3. Igihe usoma, **jyana n'ibyo usoma**. Ibone uri ahantu havugwa n'icyo us oma, noneho utekereze abaye ari wowe.

4. **Bigire ibyawe.** Tekereza ko Imana yicaye iteganye nawe ku meza, ikureba mu maso, iguhamagara mu izina, ikakubwira iti, "ibi usoma ni ibyawe."

5. **Andika ibintu bigukora ku mutima** kugira ngo utazibagirwa na hato icyo Imana yavuze.

6. **Tekereza ku byo wanditse.**

*Gutekereza ku Ngingo Twanditse mu Isoma Bibiliya Ryacu rya Buri Munsi bidufasha kumenya Imana.*

## 11. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 243-244).

***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 44 5/16/2011 12:29:22 PM

Rupapuro 241, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

***Soma uranguruye mu isomo:*** Impamvu ebyiri zo kugirana igihe cy'umutuzo n'Imana mu gitondo cya kare buri munsi:

1. **Yesu yaduhaye urugero rwabyo.**

    ***Bukeye bwaho Yesu abyuka kare*** mu rucyerera, ***ajya ahantu hiherereye arasenga*** (Mariko 1:35).

2. **Ibyanditswe birabishimangira.**

    Aya magambo ***gushaka*** no ***kuzinduka*** asangwa muri Yesaya 26:9 no ***kuzinduka*** muri Zaburi 63:1 akomoka mu ijambo ry'Igiheburayo ***shachar***, risobanurwa ngo ***"gushakana umwete mu gitondo cya kare."*** (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible*, "Hebrew and Chaldee Dictionary," Urupapuro 114, nimero 7836)

    Nuko rero, iyi mirongo ishobora guhindurwa itya:

    > ***…ngushakashana umwete kare mu gitondo…*** (Yesaya 26:9).

    > ***..Mana, ni wowe Mana yanjye; nzagushakashakana umwete kare mu gitondo...*** (Zaburi 63:1).

## 12. Sozanya isengesho.

***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 45 5/16/2011 12:29:22 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 46 5/16/2011 12:29:22 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi.........................Isomo rya 3

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo**:* Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana. Nyuma y'ibyumweru bike usabe abigishwa ko basenga amaso yabo, bagenda, bahagaze, batwara cyangwa bari mu kinyabiziga, n'ibindi..., ariko ubu bwo icyo ushaka ni uko basobanukirwa ko ari ikintu k'ingenzi ko bagira igihe cyo gupfukamisha amavi yabo bagasenga igihe cyose babishoboye.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 274).

   ***Imurika**:* Gususzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12. Kandi wowe nk'umuyobozi wabo bigifasha kumenya niba abigishwa bawe:

   - Bakora neza umurimo bagomba gukora bari bonyine kandi bagendera muri iyo mibereho, cyangwa
   - Bakeneye ko ubahwitura.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9-10). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe ryo **Ku**ramya, **Kwa**tura, **Gu**shimira, cyangwa **Kwi**nginga.

   ***Andika*** ahantu ku rupapuro 9 aya magambo ngo:

   > "Inararibonye ihebuje y'ubuzima ni ukumenya Imana."
   > — byavuzwe na Billy Graham

   ***Ibisobanuro**:* Ereka abigishwa Urupapuro 10, ubakangurire kwita k'ukuntu uwo murongo ugabanijwemo ibice bine:

   - Bahugurire kujya batekereza kuri buri kimwe muri ibyo bice buri munsi.
   - Namwe mutege amatwi naho umwe mu bigishwa Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, hanyuma Asenge Imana akoresheje amagambo ari mu igice kimwe cy'umurongo.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 47 5/16/2011 12:29:22 PM

4. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 244).

   ***Ibisobanuro**:*

   - Saba abantu batandukanye mu itsinda bahaguruke umwe umwe basome kimwe mu bibazo hanyuma babwirane ibisubizo byabo.
   - Nyuma yuko umwe asomye ikibazo cya 4 ku Rupapuro 242 bakabwirana uko bibagendekera, hugurira abo bigishwa kubwira abandi bantu ibya Yesu n'ibyo abigisha.

5. Nimusome/Muganire ku **Ibintu Umwigiswa Nyakuri Akwiriye Kwimenyereza mu Buzima Bwe** (Urupapuro 20). Saba abantu bane bitoranirize kimwe muri ibyo bintu bitandukanye, noneho ureke Bibwīre kuri ibyo bintu biranga umwigishwa nyakuri. Mutege amatwi naho abandi bavuge umwe umwe uko Babibona. Kandi mutege amatwi igihe Basenga basaba ibyo mu isengesho ryabo ryo **Ku**ramya, **Kwa**tura, **Gu**shimira, cyangwa **Kwi**nginga.

   ***Ibisobanuro**:*

   - Matayo 22:37—Aya ni amagambo ya Yesu. Avuga ku byo gukunda Imana n'umutima wose. Tugomba kumukundisha kubaho kwacu kose, kumurutisha buri muntu wese cyangwa buri kintu cyose mu buzima. Tugomba kwitanga burundu tukiyegurira Imana.

     ***Inkuru**:* Mu myaka yose twa tunze imbwa nyinshi, ariko ntayari yarigeze kutugaragariza urukundo n'umunezero nka rwerimpuga. Ni kenshi yahagararaga ku muryango itegereje gusa kumbona nsohotse, nka shebuja. Iyo yambonaga, yaramburaga amajanja yayo, n'umunezero utagira amakemwa. Nta buryo nakibeshye ko itankunda cyane. Umutima wayo yari yarawumpaye.

     - Imana idutegerezaho kuyikunda n'imitima yacu yose. Birakwiriye ko buri wese mu buryo budasubirwamo yaha Imana umutima we.

   - Ibyakozwe 17:11—Hano tubona itsinda ry'abantu banyotewe no kumenya ukuri kandi bafite ubushake bwo gutahura uko kuri ubwabo. Bari bakingutse kandi bigishika.
   - Matayo 11:28—Interuro ivuga iti, *"Munsange"* ni ubutumire



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 48 5/16/2011 12:29:22 PM

bw'urukundo bwo gusangaYesu. Iki ni cyo gihe cyacu cyo kubwitabira tukamusanga.

- Matayo 11:29-30—Hari amagambo n'interuro byiza cyane:
  - *Umutwaro*—Umutwaro ni uwo gukoresha inyamaswa kugira ngo umurimo ushobore gukorwa, ariko uretse kugeza ubwo inyamaswa yemeye gukoreshwa, ntiba yakagiriye shebuja umumaro. Niba dushaka ko Imana idukoresha, tugomba kwemera kwigishwa, kandi tugomba kuba dufite ubushake bwo gushyirwa umutwaro. Umuntu umwe yaravuze, ati "Uwo mutwaro ntuvunanye kandi ntubabaza uwutwaye kuko uri kumwe n'urukundo rw' Imana."
  - *"Munyigireho"*—Mu murongo wa 28 turabwirwa gusanga Yesu, kandi hano mu murongo wa 29 turabwirwa impamvu yo kumusanga. Impamvu dukwiye kumusanga ni ukwicara ku birenge bye tukamwigiraho.
  - *Noroheje mu mutima*—Ijambo *koroha mu mutima* risangwa mu murongo wa 29 ntirisobanuye "intege nke." Mu bihe by'abami n'ibihome birebire ubwo abantu barwaniraga ku mafarashi, amafarashi akomeye kandi afite ingufu batwaraga yitwaga "*meek* (mīki)" kuko iryo risobanura "ingufu zigengwa." Shebuja w'ifarashi ni we wayigengaga rwose. Iyo Databuja, ni ukuvuga Yesu, ari we mugenga w'ubuzima bwacu, ntakabuza turamusanga kugira ngo atwigishe, adukoreshe icyo ashaka cyose.
- Luka 9:23—Niba umuntu adashaka kwiyanga, ntabwo aba afite ubushake bwo kwitanga ngo yigishwe.


  ***Subiramo ibi:*** Muri Luka 9:23, uburyo bwiza twabona iyi nteruro, "Niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose, ankurikire," isobanura, ni ugutekereza ko mu mitima yacu dufitemo intebe ya cyami n'umusaraba. Iyi ni yo myanya ibiri yonyine iri mu mitima yacu, kandi hariho imbaraga z'amahara-kubiri zishaka gutegekera kuri iyo ntebe ya cyami, ni ukuvuga kamere yacu ya kera n'Umwuka Wera. Iyo ubwacu duhisemo kwegurira Uwuka Wera iyo ntebe ya cyami, kamere yacu ya kera iba isigaje ahantu hamwe yajya, kandi aho ni ku musaraba. Iyo dukoze dutyo, tuba twiyimye uburenganzira bwo kuba abatware mu buzima bwacu, noneho tukaba turiho tuyoborwa n'Umwuka Wera. **Iki si ikintu kibaho rimwe mu minsi yose y'ubuzima bwawe ahubwo kigomba gushyirwa mu bikorwa umunsi ku wundi.**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 49 5/16/2011 12:29:22 PM

***Icyitegererezo:***

***Ikiza*** ***Ikibi***




**UW = Umwuka Wera**
**KYK = Kamere Yacu ya Kera**

6. Subira ku mutwe uvuga **Inshingano yo Gutekereza ku Ijambo** (Urupapuro 75-78).

   ***Subiramo ibi:*** Gutekereza ni uburyo dukoresha tukavana ukuri mu mitwe yacu tukagushyira mu mitima yacu. Ukuri ntikuzashyirwa mu bikorwa kugeza igihe kuzajyira mu mutima. Nuko rero, **(kwibwira) gutekereza ku ijambo ni ingenzi niba ushaka gushyira mu bikorwa** (Yosuwa 1:8).

   - Rimwe na rimwe Abakristo baba bari kure y'ubuzima bwa Gikristo butunganye nka santimetero 30.48—igipimo cy'urugendo ruri hagati y'umutwe n'umutima. Kubera iki? Ukuri dutekereza ko twize kuri mu bitekerezo byacu gusa, ntikwari kwinjira mu mitima yacu dukoresheje uburyo bwo kukwibwira. Nuko rero, ntitugira umunezero cyangwa ngo tubone imbuto zibonekera mu gushyira mu bikorwa iyo ukuri kumaze kwemerwa kukakīrwa mu mitima yacu iyo tugutekerezaho.
   - ***Urugero:*** Dawidi yari nk'inzobere mu gufata ibyanditswe akabisengesha Imana nk'isengesho rye ubwe, kandi icyo ni ikintu cy'ingenzi igihe twibwira Ijambo. Iri Sengesho ryavaga mu mutima wa dawidi mu gitabo cya Zaburi 60:10-12 rigaragaza Ukuzirikana kwe no Gushushanya ishusho mu bwenge bwe y'icyo Imana yamubwiye muri Yosuwa 7:12.

   *Kwibwira ibyanditswe bituma tumenya Imana.*

7. Subira ku mutwe uvuga **Inshingano yo Gusenga** (Urupapuro 81-82).

   ***Ibutsa*** abigishwa ibi:

   - 1 Abatesalonike 5:16-18 hasobanura byibuze kimwe mu byo Imana idushakaho ku byerekeye gusenga:



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 50 5/16/2011 12:29:22 PM

    - Mwishime iteka.
    - Musenge ubudasiba.
    - Mu bibaho byose muhore mushima.
- Gusenga bikwiye kuba akamenyero mbese nko guhumeka cyangwa kurya.
- Buri mwigishwa wa Yesu nyakuri wese akwiye kugira ubuzima burangwa no gusenga kuzima.

***Ibisobanuro:*** Imwe mu ntego zo gukoresha **KU—KWA—GU—KWI** ni ukugira ngo bidufashe kumenya aho ubuzima bwacu mu gusenga bujegajega no kutwereka uko twabishingisha bugahama. Ku ijana, 99 byo gusenga kwacu ni uko kwinginga, mu yandi magambo gusaba Imana ikintu. Ni koko Bibiliya itubwira gusaba, ariko inatwigisha kuramya no guha Imana amashīmwe, ndetse no kwemeranya n'Imana ko twacumuye bityo tukatura ibyaha byacu. Utekereka ko Imana yakora iki iyaba hejuru ya kimwe cya kabiri cyo gusega kwacu byari ukuramya no kuyiha amashīmwe?

> ***Icyitegererezo:*** Umutima w'umubyeyi wabimenekeramo umwana we abaye ahora amusaba ikintu gusa, ntamwereke ko amukunda cyangwa amushimiye.

8. Nimuganire ku **Ngingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) abigishwa bakoze icyumweru gishize. Saba bamwe muri bo:

    a. **Bavuge** imwe muri izo ngingo bakoze.

    b. **Batekereze cyane** kuri iyo ngingo.

    c. **Bashushanye mu bitekerezo** iyo ngingo.

    > **Ibutsa** abigishwa ko kugira ishusho y'ingingo mu bitekerezo byabo bidasobanuye gusobanura iyo ngingo mu magambo. Basabe gutangira bavuga bati, **"Iyi ni yo shusho mbona."**

    d. **Senga** Imana uvuga iyo ngingo nk'isengesho ryawe ryo **KU—KWA—GU—KWI**. Abigishwa nibamara kubwirana uko babona, bakomeze; ubahugure.

*Gusoma Ijambo ry'Imana, kwandika ingingo zirirmo, no gutekereza kuri izo ngigo bidufasha kumenya Imana.*

9. Nimusome/muganire ku **Ingingo Zigufasha** (Urupapuro 63).

***Ibisobanuro:*** Ni iby'ubwenge ko abigishwa bazirikana ibibazo



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 51 5/16/2011 12:29:22 PM

bine biri ku Rupapuro 63 uko basoma Ijambo ry'Imana; nuko rero, bashishikarize guhora bagaruka kuri uru rupapuro kenshi .

10. Nimusome/Muganire kuri **Gahunda yo Kwiga Bibiliya Buri Munsi** (Urupapuro 89-90).

    ***Ibutsa*** abigishwa ko guhera ku munsi w'ejo bazatangira igice cyiswe **Iga**, mu gitabo cy'umwigishwa, mu bihe byo guceceka no gutuza.

    - Ubumenyi twungukira mu kwiga Bibiliya ni ubumenyi bw'umutwe gusa cyangwa ukwemera kuko ubizi kugeza ubwo dutekereza tukibwira kuri uko kuri twamenye.
    - Gutekereza ku Ijambo ni ikintu cy'ingenzi mu bifatana no gushyira mu bikorwa. Mu gutekereza ku Ijambo ni mo Imana iduhindurira ikatubatura.

    *Kwibwira ku kuri tubona iyo twiga Bibiliya bidufasha kumenya Imana.*

11. Nimusome/Muganire kandi mutekereze ku kuri kutari kumwe dusanga aha: **Ni He Usanga Agaciro n'Akavūro Byawe?** (Urupapuro 44-46)

    ***Ibisobanuro:*** Iyo dusobanukiwe impamvu dufite agaciro n'akavuro, kuguma muri gahunda y'Imana ku buzima birushaho kutworohera.

    ***Inkuru:*** Pasitoro muri Amerika yakuze atazi icyatumye agira agaciro. Afite nk' imyaka itanu, se na ba se wabo bakundaga kumureba abyina. Barateranaga, kizi yabaga abyina, bagatangira kujugunya amafaranga imbere ye . Byagaragaraga nkaho ntacyo bitwaye rwose, ariko amaze gukura atangira gutekereza ko yagiraga agaciro gusa iyo yabaga atangiye kubyina, byaje kumuviramo ibibazo mu buzima nyuma.

    - ***Ibisobanuro:***
        - Imyaka ibihumbi bibiri mbere yuko tuvuka, mbere yuko tugira icyo dukora cyakwerekana akavuro kacu, Yesu yapfuye urupfu rwo ku musaraba ku bw'ibyaha byacu, maze aba yerekanye ko turi ab'agaciro mu maso ye.
        - Hano turabona ishusho nziza. Tuzi yuko muri twe kandi ku bwacu tudakwiriye, nta gaciro cyangwa akavuro, ariko nk'igikorwa cy'urukundo, ubuntu, n'imbabazi, **Imana yashatse** ko tuba abakwiriye, tugira agaciro n'akavuro. Hanyuma **abyerekanisha**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 52 5/16/2011 12:29:22 PM

kujya ku musaraba mu cyimbo cyacu no gupfira ibyaha byacu. Mbega Imana ihambaye!

> ***Icyitegererezo:*** Urupapuro rucapwaho amafaranga ni urw'gake, ariko iyo rumaze guhabwa agaciro n'abantu babifitiye ubushobozi, ruhinduka urw'agaciro. Ni nako Imana—Imana ifite imbaraga zose n'ubushobozi bwose—iduha agaciro. Ibyo bituma buri umwe wese muri twe aba umuntu ukwiriye, w'agaciro, kandi ufite akamaro.

***Incamake*** y'impamvu dufite agaciro:

- **Ni ko Imana yabishatse**—Yashatse ko tuba ab'agaciro kuva mbere hose.
    - Abefeso 1:4 (WEY—I*sezerano Rishya mu Mvugo y'Iki Gihe* yanditswe na Richard Francis Weymouth)—*"…Isi itararemwa Imana yadutoranirije kuba abayo muri Kristo…"*
    - 2 Abatesalonike 2:13—*"…Uhereye mbere na mbere, Imana yabatoranirije agakiza gaheshwa no kwezwa kuva ku Mwuka no kwizera ukuri."*
- **Imana yarabihamije—**mu bihe bitatu (impitagihe, indagihe, n'inzagihe).
    - **Impitagihe**—Imyaka 2,000 ishize Imana yerekanye agaciro n'akavuro byacu yemera ko Umwana wayo w'ikinege, Yesu Kristo, apfa urupfu rwo ku musaraba kubw'ibyaha byacu.
        - Yohana 3:16—*"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."*
    - **Impitagihe, Indagihe, n'Inzagihe**—Imana ihamya ko dukwiriye, dufite agaciro, n'akavuro mu buryo bw'urukundo ituvugaho mu Ijambo ryayo.
        - Yesaya 43:4 herekana ko Imana iduha agaciro kandi idukunda:
            - *"Kuko wambereye inkoramutima, kandi ukaba*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 53 5/16/2011 12:29:22 PM

*uwo kubahwa, nanjye nkagukunda."* (RHM—Rotherham)

        - *"Kubw'agaciro mufite mu maso yanjye, narabubashye kandi ndabakunda…"* (BAS—*Bible in Basic English*)
        - *"Dushyizwe hejuru cyane, turubashywe cyane, turakunzwe cyane…"* (Knox)

    - Gutegeka 7:6 hahamya ko Imana iduha agaciro ukurikije uburyo ituvugaho:

        - *"Abantu bayo yironkeye"* (Moffatt)
        - *"Abantu be b'igiciro gikomeye"*(TOR—Ibitabo Bitanu bya Mose)

- **Impitagihe, Indagihe, n'Inzagihe**—Imana ihamya ko dukwiriye, dufite agaciro, n'akavuro kuko idufitiye imigambi myiza mu buzima bwacu:

    - Yeremiya 29:11—*"Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira, ni amahoro, si ibibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma."*

12. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 245-246).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 241, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    - ***Bahugurire kuba abizerwa imbere y'Imana no guhura na yo buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.***

13. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 54 5/16/2011 12:29:22 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi.........................Isomo rya 4

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo**:*Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana. Mu byumweru bicye bitaha uzajye usaba abigishwa ko basenga abahumirije ku maso yabo, bagenda, bahagaze, batwara cyangwa bari mu kinyabiziga, n'ibindi..., ariko ubu bwo icyo ushaka ni uko basobanukirwa ko ari ikintu k'ingenzi ko bagira igihe cyo gupfukamisha amavi yabo bagasenga igihe cyose babishoboye.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 275).

   ***Imurika**:* Gususzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9-10). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   - Saba abigishwa **bandike** ibi bitekerezo ku Rupapuro 9:
     - Kuva 33:13—Mose yari afite intego idakuka yo kumenya Imana.
     - Yohana 10:14—Yesu yaravuze ati, *"Intama zanjye ziranzi."*
   - ***Inkuru**:* Intego ya Pawulo yariyo kumenya Yesu. Niyihe myitwarire dufite yo kumenya Yesu muri iyi minsi?. Iyo ntekereje kuri ibi, binyibutsa imbwa eshatu zimpigi zari zishaje. Zari zitandukanye cyane. Kuri jye, zihagarariye **imyitwarire itatu itandukanye** ya abakristo bikigihe ku byerekeye kumenya Yesu, gukura mu mwuka, no ku mukorera.

     Imwe murizo iteka **yandeberaga kure**. Nti twa jyaga tunezeranwa twegeranye kuberako itari yitayeho ku kugirana ubusabane nanjye, shebuja. Yari ifite izayo gahunda, ntiyigeraga izinshyiramo keretse nyijyanye guhiga, kuko aricyo kintu ya shakaga gukora. Ese ibi nti byaba byumvikana nki bya abakristo bamwe?



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 55 5/16/2011 12:29:22 PM

Imbwa ya kabiri yakundaga guhura nanjye gake, ariko ikamara igihe itanyegera. Na shoboraga gukina nayo rimwe cyangwa kabiri ikaba irigendeye. Ntakindi cyayishimishaga kirenze kuza “Ikankubita igitsiburira ikiruka ntigaruke” aribwo buryo bwayo bwo gusabana. Nigihe nabaga ngiye m’ubusitani bwinzu aho twabaga dufite igihe cyo kumenyana, mubyukuri ntiyabaga ibyitayeho. Bityo ubusabane bwanjye nayo bwari bugufi cyane kandi budafite icyo buvuze cyane. Ese ibi nti byaba byumvikana nki bya abakristo bamwe?

Iya gatatu yari ntoya , kandi yari ibyishimo byacu. Yatuzaniraga umunezero mwinshi kuko itashakaga gusa kunkorera n’umutima ukunze uko twahigiraga hamwe, ariko yakomeje kungaragariza urukundo nu muryango wanjye wose. Iteka yahagararaga ku rugi itegereje ko yambona, iyo yambonaga, yarishimaga ntishobore guhagarara hamwe kubera ubwuzu. **Yabayeho mugihe cyacu turikumwe**, kandi twagiranye ubusabane bukomeye. Nshimishijwe no kubabwirako n’ubuzima bwacu bwakozweho n’abakristo bamwe baduhaye icyitegererezo cy’ urukundo no kwirundumurira muri Kristo.

Imana iradukunda kandi yifuza ko tugirana ubusabane, ariko ntiza duhatamo ubwo busabane. Nigihe cyacu cyo gushakisha ubwo busabane.

***Subiramo ibi**:* Ereka abigishwa Urupapuro 10, ubakangurire kureba ukuntu uyu murongo ugabanijwemo ibice bine:

- Bahugurire kujya batekereza kuri buri kimwe muri ibyo bice buri munsi.
- Namwe mutege amatwi naho umwe mu bigishwa Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, hanyuma Asenge Imana akoresheje amagambo ari mu igice kimwe cy’umurongo**.**

***Ibyagenzuwe:*** Sometimes when the disciples begin practicing spiritual disciplineKenshi iyo abigishwa batangiye gukora imyitozo yo mu by’Umwuka, urugero gusoma Bibiliya, gufata ibyanditswe mu mutwe, gutekereza ku Ijambo, no gusenga, batangira gukora amakosa yo gutumbīra iyo myitozo nk’aho bagahanze amaso Yesu wenyine, wenyine rukumbi. Ikibivamo ni uko bamwe bagwa umugenda ntibagirirre Imana umumaro. Ni cyo gituma tuzajya dusubiramo uno murongo buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu,** Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by’Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yadu-**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 56 5/16/2011 12:29:22 PM

**haye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** kugiti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.

3. **Gutekereza ku kuri gufite imbaraga** kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura kugira ngo duse na Yesu**.

4. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 246).

   ***Ibisobanuro:***

   - Ifashishe ikibazo cya 4 kiri ku Rupapuro 246 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
   - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana yamwigishije.

5. Nimuganire ku **Ngingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) abigishwa bakoze icyumweru gishize. Saba bamwe muri bo:

   a. **Bavuge** imwe muri izo ngingo bakoze.

   b. **Batekereze cyane** kuri iyo ngingo.

   c. **Bashushanye mu bitekerezo** iyo ngingo.

   ***Ibutsa*** abigishwa ko kugira ishusho y'ingingo mu bitekerezo byabo bidasobanuye gusobanura iyo ngingo mu magambo. Basabe gutangira bavuga bati, **"Iyi ni yo shusho mbona."**

   d. **Senga** Imana uvuga iyo ngingo nk'isengesho ryawe ryo **KU—KWA—GU—KWI**. Abigishwa nibamara kubwirana uko babona, bakomeze; ubahugure.

   ***Sobanurira*** abigishwa ko icyo basabwa atari ukukubwira uko bagasenze ahubwo ko basenga nyagusenga naho abandi basigaye bo mu itsinda mutege amatwi igihe musenga.

*Gutekereza ku Ngingo Twanditse mu Isoma Bibiliya Ryacu rya Buri Munsi bidufasha kumenya Imana.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 57 5/16/2011 12:29:22 PM

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Kwemerera Yesu Kristo kuba Ishingiro n' Umwami w' Ubugingo Bwanjye** (Urupapuro 91-97). Uko usoma ukaganira, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

***Urupapuro 91:***

- ***Andika*** haruguru kuri uru rupapuro ibi ngo—*Ibintu bibiri biruhije kuruta ibindi byose mu buzima bwa Gikristo*:

  1. ***Gushyira mu gaciro—****Urufunguzo rwo gushyira mu gaciro ni ukwishingikiriza kuri Kristo.*

     ***Sobanura—***Abantu benshi batekereza ko gushyira mu gaciro ari ukugabanya igihe mu by'umuryango, akazi, itorero, imyidagaduro, n'ibindi uko bikwiriye. Mu maso y'Imana, gushyira mu gaciro nyabyo ni igihe Kristo abaye ishingiro ry'ubuzima bwacu naho ibindi bintu byose mu buzima bwacu bikazenguruka kuri we.

     ***Icyitegererezo***—Mu myaka mike ishize waba warajyanye imodoka yawe (niba uyitunze) kugira ngo bayifunge amapine, hanyuma abakanishi bavanamo amapine bayashyira ku cyuma cyabigenewe. Ikintu cy'ibanze babanje gukora mbere yuko bafunga amapine cyari ugutunganya amapine ku cyuma. Ni nako bimeze mu buzima bwa Gikristo. Nta byiringiro byo gutunganya ubuzima bwacu uretse dutangiye kwemerera Yesu Kristo kuba ishingiro ry'ubuzima bwacu, uwo ibintu bindi byose bizengurukaho. Iyo imiryango yacu, akazi, itorero, imyidagaduro, n'ibindi bintu byose mu buzima bwacu bishingiye kuri Yesu, ubwo ni bwo tuba turi mu nzira itunganye yo kugira ubuzima buterereye nk'Abakristo.

  2. ***Gushikama—****Urufunguzo rwo gushikama ni ukuyoborwa na Kristo.*

     ***Sobanura—***Gushikama bibaho iyo twize **kwitanga** tukiyegurira kuyoborwa n'Umwuka Wera kandi **tuk-aguma** muri uko kuyoborwa.

     ***Bitekerezeho***—Ubwo Yesu yari hano ku isi, yari ashikamye kandi ntiyigeze acumura, kandi iyo ari we uyobora ubuzima bwacu, natwe ntituzig-



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 58 5/16/2011 12:29:22 PM

era ducumura. Ubuzima bwacu ni indorerwamo igaragaramo kamere yacu ya kera cyangwa se igaragaramo Kristo, mbere, utuyobora ni ugaragaramo.

- Pawulo asobanura ikibazo cyacu mu gushikama akoresheje kutubwira imibereho ye ubwo:
  - Abaroma 7:15—*"Sinzi ibyo nkora; kuko ibyo nshaka, atari byo nkora; ahubwo ibyo nanga, akaba ari byo nkora."* Pawulo arimo kuvuga gusa ko iyo Kristo atari we umuyobora, bidashoboka ko amuboneranamo ngo ashikame mu buzima bwa Gikristo.
- Ikibazo cyacu ni uko dukomeza guhubuza kuyoborwa k'ubuzima bwacu tubuvana mu biganza by'Imana nyuma yuko tubimweguririra. Iyo tugize dutyo, tukora icyaha, ibyo byica ubusabane bwacu n'Imana, bityo bikadutera gushinguka mu migendere yacu ya Gikristo.
  - Iki tuzagisubiraho nyuma.

***Urupapuro 92:***

- Iyi nteruro ngo "Niyeguriye kuyoborwa n'Imana bimvuye ku mutima" iri ku murongo wa mbere w'igika cya mbere udutera guhura n'iki cyemezo gikomeye: Ni nde ngiye kwemerera kuba umuyobozi mu buzima bwanjye uyu munsi—Ni Imana cyangwa ni jye ubwanjye?
- Bwira abigishwa bandike izi ngingo zikomeye mu Ibyanditswe zibishimangira bazongere ku Bakolosayi 1:15-19:
  - Yohana 5:23; Tito 2:13; Abafilipi 2:6; Yohana 20:28; Abakolosayi 2:9; Yohana 10:30; Yohana 1:3.

## **Kuki nemerera Yesu Kristo kuba Ishingiro n' Umwami w' Ubugingo Bwanjye?** (Urupapuro 92, Igice II--Urupapuro 97)

***Urupapuro 93:***

- Nyuma yuko umwe mu bigishwa asomera abandi ingingo C kuri uru rupapuro, babwire inkuru ikurikira:

  ***Inkuru:*** Abakorinto 6:20(NLT)—*"...Imana ya kuguze igiciro cyinshi..."* iyi ni inkuru y' umwana muto w' umuhungu wari utuye mucyaro kiri hafi yinkengero y' ikiyaga. Uyu mwana yaje gukora ubwato buto bwo kureremba hejuru yamazi, hanyuma mu munezero mwinshi abutwara



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 59 5/16/2011 12:29:22 PM

ku kiyaga abushyira ku mazi kugirango aburebe bureremba hejuru yayo. Acyitegereza uko bureremba haza umuyaga mwinshi uherako ubutwara mukiyaga hagati aho atabubona . Bikomeretsa umutima w'uyu mwana muto w'umuhungu.

Hashize iminsi mike ubwo yagendagendaga mu cyaro cy'iwabo anyuze kuri butike hanyuma abona ubwato bwe mw'idirishya. Mu munezero mwinshi, yirukira muri butike abwira nyirayo ati "Nyakubahwa, buriya bwato burimwidirishya ni ubwanjye! Ni njye wabukoze!"

Nyir'ibutike ara mubwira ati, "Umbabarire, ariko nabuguze nundi mwana muto w'umuhungu niba ubushaka ubwo uranyishyura."

Wa muhungu muto yirukira murugo akukumba udufaranga yari yarabitse. Asubira kuri butike n'amafaranga muntoki, ashyira ibiceri byari bikenewe ku meza y'umucuruzi.

Umucuruzi nawe ajyamwidirishya azana ubwato hanyuma abuha uwo mwana w'umuhungu.Umwana w'umuhungu mur' urukundo rwinshi aterura ubwato mu maboko, asohotse mu muryango, abantu bumva avuga ati , "Ubu noneho uri uwanjye incuro ebyeri. Nara gukoze none ndakuguze."

Iki ni igishushanyo cyiza kigaragaza ibyo yesu yadukoreye. **Yaraturemye kandi aratugura.**

***Urupapuro 94:***

- Abigishwa **nibandike** ibi Byanditswe bishyigikira:
    - Yesaya 45:22, ku ruhande **wandike** Gutegeka 7:9, havuga hati, *"…Uwiteka Imana yawe, ni yo Mana."*
    - Yohana 10:30, ku ruhande **wandike** Tito 2:13, havuga hati, *"…Yesu Kristo, ni We Mana yacu ikomeye n'Umukiza."*

***Urupapuro 95:***

- Nyuma yuko usoma ibiri kuri uru rupapuro ureke bamwe mu bigishwa Babitekerezeho, Babishushanye, Basenge Imana bakoresha magambo y'Ibyanditswe nk'isengesho:
    - Saba abigishwa **bandike** ibi bikurikira mu ruhande rw' i buryo munsi y'ahanditswe ingingo, iruhande rw'aho wujurishije inyuguti mu ijambo *UTWARA* munsi ya 1 Timoteyo 6:15):



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 60 5/16/2011 12:29:22 PM

Ni umunyambaraga utwara ibintu byose; bityo rero, nta kintu na kimwe gikora ku buzima bwacu uretse icyo yemereye. Iyo Imana icyemereye, yasezeranije ko ubwo tuyikunda kandi tukaba twarahamagawe nk'uko yabigambiriye, izakora ku buryo byose bifataniriza hamwe kutuzanira ibyiza (Abaroma 8:28).

***Urupapuro 96:***

- Saba abigishwa ko **bandika** i ruhande rwa 2 Timoteyo 2:13 iri nteruro:

  *Imana izasohoza amasezerano Yayo nta kabuza.*

  - Imwe muri kamere y'Imana ni ukuba ari iyo kwizerwa. Ntibasha kwica isezerano kuko itabasha kwiyihakana iyo iri yo. Nukoe rero, izasohoza isezerano ryayo nta kabuza. Wiringire icyo ikubwiye cyose.
    - Tekereza imigisha dufite ubwo Imana ari iyo kwizerwa. Tuzi yuko tubaye abizerwa ku kigero cya 99.99% byasobanura ko tutari abizerwa. Kuba umwizerwa bisobanuye 100%, kandi ibyo bivuze ko Imana izahora ikora ibyo isezeranije gukora. Wiringire icyo ikubwiye cyose.

- Saba abigishwa ko **bandika** aya magambo hepfo kuri uru rupapuro:

  *Nuko rero, iyegurire kuyoborwa na We, ugume muri We, kandi umwemerere abe umuyoboyozi mu buzima bwawe.*

***Urupapuro 97:***

- Saba abigishwa ko **bandika** aya magambo ahateganye n'inyuguti D:

  *Ubu ni ubugingo bwo kwizera, kwiringira Imana, no kubaho ugengwa n'Umwuka Wera.*

- Saba abigishwa ko **bandika** ibi bibazo ahagana hepfo kuri uru rupapuro:

  1. Mbese urareka Yesu akubera ishingiro n'Umwami mu buzima bwawe uyu munsi?

  2. Mbese urareka Yesu abe umuyobozi w'ubuzima bwawe uyu munsi?

*Gutuza ugatekereza ku kuri kutari kumwe tumenya mu kwiga Bibiliya kwacu kwa buri munsi bidufasha kumenya Imana.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 61 5/16/2011 12:29:23 PM

7. Nimusome/Muganire ku kuri kutari kumwe gusangwa aha: **Ikomereze k'Uwiteka** (Urupapuro 33-36). Bibutse gusubira kuri uku kuri no kugutekerezaho (**BBB**) kenshi.

    ***Ibisobanuro:*** N'umara gusoma amagambo yavuzwe na Charles Swindoll ku Rupapuro 36, batekerereze iyi nkuru:

    ***Inkuru:*** Imyaka myinshi ishije uruganda rukora inkweto rwohereje umukozi warwo muri Afurika ushinzwe kugurisha. Uyu mugabo avuye mu bwato abona nta muntu wa mbara inkweto. Ako kanya " Atumaho iwabo ati munyohererereze itike ntahe ino nta muntu wambara inkweto." Uyu mucuruzi yabonye imibereho idashobotse.

    Igihe gito gishize uruganda rwo hereza undi ushinzwe kugurisha inkweto , muri Afurika. Uyu wakabiri asohotse mu bwato abona abantu bose nta wambaye inkweto.ako kanya atuma ku ruganda ati, "ni munyoherereze ubwato bw'uzuye inkweto; hano nta muntu wambaye inkweto." Uyu mucuruzi wa kabiri yabonaga amahirwe yo gucuruza.

    Aba bagabo bombi babonye ikintu kimwe, ariko umwe ya bonye imibereho idashobotse kandi mugenziwe abona amahirwe menshi.

    - Ese hari ubwo tubona mubuzima hari imibereho idashobotse cyangwa bwuzuye amahirwe menshi?
    - Twese dukeneye gukomezwa mu buzima bwacu mugihe runaka; nuko rero , "wikomereze mu mwami" bya shyizweho kugirango:
        - Tuzakomezwa no kwisuzuma kandi tugatekereza kuri uku kuri igihe dukeneye gukomezwa.
        - Dushobora kwigira hamwe ibi byanditswe kandi tugakomeza inshuti zacu n' abandi baremerewe cyangwa bacitse intege.

    ***Icyo Usabwa:*** Komera! **Tuzengurutswe** n'amahirwe menshi kandi yiyoberanije nk'ibintu bidashoboka.

    *Nitwihatira gutekereza kenshi kuri uku kuri kudukomeza, bizadufasha kumenya Imana.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 62 5/16/2011 12:29:23 PM

8. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

   ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

9. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 247-248).

   ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 241, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

   ***Bahugurire abigishwa bawe*** guhura n'Imana buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.

   > ***...Mana, ni wowe Mana yanjye; nzagushakashakana umwete kare mu gitondo...*** (Zaburi 63:1). (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible*, "Hebrew and Chaldee Dictionary," Urupapuro 114, nimero 7836)

10. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 63 5/16/2011 12:29:23 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 64 5/16/2011 12:29:23 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi.........................Isomo rya 5

1. Tangira usenga.

   *Icyitegererezo*: Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana. Mu byumweru bike bitaha uzajye usaba abigishwa ko basenga abahumirije ku maso yabo, bagenda, bahagaze, batwara cyangwa bari mu kinyabiziga, n'ibindi..., ariko ubu bwo icyo ushaka ni uko basobanukirwa ko ari ikintu k'ingenzi ko bagira igihe cyo gupfukamisha amavi yabo bagasenga igihe cyose babishoboye.

2. Saba ko buri wese ajye ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 276).

3. Subira mu **Kumaramariza Guhinduka no Guhindura Abigishwa** (Urupapuro 11).

   *Hugura*: Bwira abigishwa bawe bashyire umukono n'itariki kuri iri sezerano niba batarabikora.

   - Abo bigishwa bazarangiza *Imbona Nkubone n'Imana* nibashyira umukono ku rupapuro ruriho isezerano.
   - Imigisha yagahebuzo izabonwa n'abo bigishwa bazitabīra amasomo yose iminsi yose kandi bagakora bakarangiza imikoro buri munsi.

4. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9-10). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho bafite y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe ryo Kuramya, Kwatura, Gushimira, cyangwa Kwinginga. Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu (Abaheburayo 12:2).

   ***Umurimo:*** Mbere yuko umwe mu bigishwa asoma cyane ibiri ku Rupapuro 9, abigishwa bose bakore ibi bikurikira:

   - Ca akarongo ku magambo ***We, Ye, Kwe, Rwe*** aho uyasanze hose mu Bafilipi 3:10 (AMP).
   - Noneho bamwe mu bigishwa bawe nibasome Abafilipi 3:10 (AMP) cyane, basimbuza izina Yesu ahari amagambo ***We, Ye, Kwe***, cyangwa ***Rwe***.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 65 5/16/2011 12:29:23 PM

- Hanyuma umwe mu bigishwa Yibwire, Ashushanye mu Bitekerezo, kandi Asenge Imana akoresheje amagambo amwe y'uyu murongo nk'isengesho.

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 248).

   ***Ibisobanuro:***

   - Ifashishe ikibazo cya 4 kiri ku Rupapuro 248 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
   - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

6. Nimuganire ku **Ngingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) abigishwa bakoze icyumweru gishize. Saba bamwe muri bo:

   a. **Bavuge** imwe muri izo ngingo bakoze.

   b. **Batekereze cyane** kuri iyo ngingo.

   c. **Bashushanye mu bitekerezo** iyo ngingo.

   ***Ibutsa*** abigishwa ko kugira ishusho y'ingingo mu bitekerezo byabo bidasobanuye gusobanura iyo ngingo mu magambo. Basabe gutangira bavuga bati, **"Iyi ni yo shusho mbona."**

   d. **Senga** Imana uvuga iyo ngingo nk'isengesho ryawe ryo **KU—KWA—GU—KWI**. Abigishwa nibamara kubwirana uko babona, bakomeze; ubahugure.

   ***Sobanurira*** abigishwa ko icyo basabwa atari ukukubwira uko bagasenze ahubwo ko basenga nyagusenga naho abandi basigaye bo mu itsinda mutege amatwi igihe musenga.

   *Gutekereza ku Ngingo Twanditse mu Isoma Bibiliya Ryacu rya Buri Munsi bidufasha kumenya Imana.*

7. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Kwemerera Yesu Kristo kuba Ishingiro n' Umwami w' Ubugingo Bwanjye** (Urupapuro 91-97). Uko usoma ukaganira, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

   ***Urupapuro 98:***

   ***Ihame rikomeye cyane:*** Riboneka muri Matayo 6:11, kandi



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 66 5/16/2011 12:29:23 PM

iryo ni ihame ryo kwiga *kubaho umunsi umwe buri gihe.*

**Ni kuki** Yesu yatwigishije gusenga tuti, “Uduhe none ibyokurya byacu by’uyu munsi”? Ni kuki atatwigishije gusaba ibyokurya by’icyumweru cyose, ukwezi, umwaka, cyangwa iminsi yose y’ubuzima bwacu?

***Igisubizo:***

- Imana ishaka ko dusobanukirwa ko idukunda kandi ishaka ko tuyiringira kuri buri kintu cyose buri munsi. Ni yo yonyine ibasha kuduha ibyo dukeneye byose.
- Imana yifuza ubusabane bwacu na yo buri munsi, kandi isobanukiwe ko benshi muri twe tutakwigera dushaka gusabana na yo iyaba, tukimara guhinduka, yaraduhaye buri kintu cyose dukeneye mu buzima. Twajyaga kubura burundu ubuzima busendereye turi hano ku isi. Ubwo buzima bukubiyemo kwiringira Yesu kubyo dukeneye byose buri munsi.
- Imana ntishimishwa no kudukura ahantu hamwe ngo itugeze ahandi gusa cyangwa kudukura aho turi ubu ngo itugeze ku kugero cy’abakuze byonyine. Yaturemeye kwishimira gusabana na yo akanya-ku-kanya, kandi turi muri urwo rugendo rwo kuva aho turi ubu ngo tugere ku kigero cy’abakuze. Ubu ni ubusabane bw’umunsi-ku-munsi, akanya-ku-kanya.

***Icyitegererezo:*** Ni buryo ki warya inzovu? Urumaho gato buri mwanya.

- Ni buryo ki ubaho ubuzima bwa Gikristo? Umunsi umwe buri gihe.

***Shimangira:*** Ntakidashobokera uwizera Imana, akayoborwa na yo, kandi agakoresha amahame yayo.

- Tugomba kwiga kugabanyamo ubuzima bwacu mo uduce tw’umunsi, noneho buri munsi tukawuberaho Yesu.

**Ahagana hepfo ku rupapuro** mu gasanduku karimo ya nzira hari **amagambo abiri y’ingenzi yo kuzirikanwa**:



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 67 5/16/2011 12:29:23 PM

1. ***Kuyoborwa:***

    - Kuyoborwa kuvugwa hano si nka bya bindi umupolisi ushinzwe ibigendera mu muhanda arambura ukuboko akavuga ati, “Ca hano, kandi nyura hano.” Kandi si nk’uko uyobora ibinyabiziga kuri mudasobwa ahamagara umushoferi akamubwira ahantu agomba kwerekera.
    - Kuyoborwa tuvuga hano twakugereranya n’ugutangwa ujyanye n’umuhigi cyangwa ukuyobora mu rugendo ajyana nawe kandi abana nawe.
    - Yesu atuyobora kandi ari kumwe natwe. Ntajya adusiga cyangwa ngo aduhane (Yesaya 41:10).

2. ***Amahirwe:***

    - Nta guhirwa kuruta **kuba mu bushake bw’Imana rwagati uyu munsi, umwanya-ku-mwanya**.

***Urupapuro 99:***

- Kuri uru rupapuro tuhabona rimwe mu mahame y’ingenzi yigishwa mu Ijambo ry’Imana:

    ***Ihame****—“Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera.”*

    - *“Ariko umuntu ukora ikintu ashidikanya ko gikwiriye mu maso y’Imana aba yiciriye urubanza, kuko akiriye binyuranye n’ibyo umutima we umwemeza. Icyo umuntu akora cyose kinyuranye n’ibyo umutima we umwemeza kimubera icyaha”* (Abaroma 14:23 AMP).

        - Tugomba kubaho ubuzima bwacu tudashidikanya kuko tuzi ko Imana ibyemera iyo dushingiye ibitekerezo byacu, amatwara yacu, n’ibikorwa byacu ku mahame ari mu Ijambo ryayo.

    - Iyo Bibiliya ivuze ihame iryo ari ryo yose rimwe risa, ibyo biba bisobanuye ko iryo hame rikomeye cyane. Kuri uru rupapuro turabona ko Bibiliya ivuga kuri iri hame inshuro enye; nuko rero, nta kabuza ko ari ingenzi cyane ku Mana ko dusobanukirwa iri hame.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 68 5/16/2011 12:29:23 PM

***Urupapuro 100:***

- Nyuma yuko hagira umwe uvuga ibisubizo bikurikira Yohana 15:4-5, tanga igitekerezo ko igisubizo nta cyo gisobanuye ko tutari muri Yesu nta cyo twabasha gukora cy'umumaro mu bugingo buhoraho. Kibasha guhimbara umuntu—ariko ntigishimishe Imana.

***Urupapuro 101:***

- Nyuma yuko usoma Yohana 10:28, ukuzuza igisubizo mu gasanduku, ari cyo A G A K I Z A., babwire iyi nkuru:

  ***Inkuru:*** Akana k'agahungu kakiniraga mu mugezi hagati, amazi yakageraga nko mu rukenyerero. Muri ako gace hari haguye imvura, amazi hanyuma amazi y'imvura atangira gutembera mu mugezi, bituma amazi y'umugezi atangira kuba menshi vuba. Mbere y'uko uyu mwana w' umuhungu agera ku nkombe, amazi yari amaze kumugera k'umutwe, kandi ntiyari azi kwoga. Hanyuma undi mwana mukuru wari ku nkombe abona ko mugenzi we ari mu kaga hanyuma aroga kugira ngo amukize. Afashe mu kuboko kumwe aka gahungu gato, atangira kwoga asubira ku nkombe. Ariko kuko amazi yatembaga yihuta kandi arushaho kugenda aba maremare, ka gahungu gakuru ntikari kakibasha kwoga gafashe agato. Noneho amufata ukuboko aramubwira, ati "Fata umukandara wanjye hanyuma nkukururure nkugeze ku nkombe." Byasabye uyu muhungu mukuru imbaraga nyinshi kwoga, ageze ku nkombe, ahindukiye ngo afate ka gahungu gato, ntiyakabona. Umuraba ukomeye wari wamutwaye, kandi yarengewe n'amazi.

  - Urakoze, Mwami, kuko agakiza kanjye kadashingiye ku gushobora kwanjye kukwikomezaho, ahubwo kuko wansezeranije ko ufite imbaraga zihagije zo kumbumbatirira mu biganza byawe.

  - Mbega gukomera n'imbaraga by' Imana dufite kuko igihe twarimo kurengerwa mu byaha yaje ku dukiza, ntabwo yatubwiye iti, "Ibigeragezo, ibikomeye, n' ingorane by'ubuzima bizatuma bibakomerera cyane, ariko munkomerereho nzagerageza kubakiza."

    - *"Nziha ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka na hato iteka ryose, kandi nta ubasha kuzivuvunura mu kuboko kwanjye*" (Yohana 10:28).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 69 5/16/2011 12:29:23 PM

- Kuko ikintu cyangwa umuntu kutuvana mu kuboko kw' Imana, cyaba ikintu cyangwa ibintu bigomba kuba bukomeye kurusha Imana, kandi tuzi yuko nta na kimwe kirusha Imana imbaraga.

***Ikibazo:*** Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kugira ubugingo n'ubugingo busendereye?

***Amabwiriza:***

- Munsi y'agasanduku karimo igisubizo aho wujuje mu ijambo AGAKI__A, tangirira ibumoso ku musozo w'urupapuro ushushanye umurongo ugororotse wambukiranyije urupapuro ugana iburyo.
- Iburyo bw'urwo rupapuro, ku murongo umaze gushushanya, wandikeho aya magambo akurikira:

***Umurongo wa Yohana 10:10***


- Ku ruhande rw'iburyo bw'urwo rupapuro shushanyaho umwambi ureba hejuru nk'aho uva muri uwo murongo n'undi ureba hepfo nk'aho uva mu murongo.
- Ku mutwe w'umwambi ureba ejuru, andika ijamb

***UBUGINGO***

- Hepfo y'umwambi ureba hepfo, andikaho aya magambo

***UBUGINGO BUSENDEREYE***

***Urugero:***




***Ibisobanuro:***

- Yesu yaravuze ati, *"...Ariko jyeweho nazanywe*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 70 5/16/2011 12:29:23 PM

*no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi"* (Yohana 10:10).

- Abiringira ko ari Yesu Kristo ubaha agakiza bose bafite **ubugingo**.
- Abiringira ko ari Yesu Kristo ubaha byose, buri munsi bafite **ubugingo bwinshi**. Biringira Yesu buri munsi ko ari we ubaha agakiza, ubatabara, ubaha imbaraga, ubahumuriza, ubaha ibyo bakeneye, ubayobora kandi ubaha imbabazi
- Umukristo yiringira ko Yesu ari we umuha **agakiza mu bihe bitatu byose**, ni ukuvuga mu**:**
    - **Mpitagihe—Twakijijwe** igihano giterwa no gukora icyaha.
    - **Ndagihe—Dukizwa** imbaraga z'icyaha iyo twizeye Yesu buri munsi kandi tukamwegurira kuyobora ubuzima bwacu.
    - **Nzagihe—Tuzakizwa** no kubana n'icyaha nitugera mu ijuru.

***Urupapuro 102:***

- Nyuma yuko usoma Abafilipi 4:19, abigishwa bace akarongo ku ijambo bwose riri muri uwo murongo. Noneho ubabwire iyi inkuru ikurikira.

    ***Inkuru**:* Gary Smalley yarwanye ni icyaha cy' uburakari igihe cy'imyaka ibiri mbere yuko ashobora kukinesha. Yasengaga cyane kugirango atsinde iki cyaha, hanyuma Imana imwereka impamvu yi kibazo afite cy'uburakari. Iteka yateganyaga ko hari umuntu cyangwa ikintu uretse Imana cya mukemurira ibibazo, igihe ibyo bibazo bitakemukaga, akarakara.Imana imuha gahunda mu bitekerezo y'ukuntu yanesha icyo cyaha, kuva icyo gihe atangira gukoresha iyo gahunda y'Imana yamuhaye. Ubu afite ubutsinzi ku cyaha cy'uburakari. Iyo amenye ko arakaye, asenga atya:

    ***Isengesho***—"Nyagasani, ndagushima kuko mbizi ko ndakaye. Natekerezaga ko hari undi umuntu wankemurira ibibazo kuruta ku kwiringira gusa."

    - Ikintu gitangaje kiri sengesho nuko rishobora



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 71 5/16/2011 12:29:23 PM

gukoreshwa ku bintu byinshi; nuko rero, niba uburakari atari ikibazo cyawe, icyo wakora ni ugusimbuza uburakari irindi jambo. Niba urwana no gutinya, ubwigunge, gusharira, kurekwa, cyangwa ikindi cyaha cyangwa ikibazo, gusa simbuza iryo jambo uburakari mu isengesho ryawe.

***Urupapuro 103:***

***Ibisobanuro:***

- Imyaka myinshi uwafatanije nanjye kwandika *Imbona Nkubone n'Imana* yasomaga Luka 17:5-9 agatangazwa n'icyatumye Yesu adasubiza ikibazo gikomeye cyavuye mu mitima y'abigishwa be. Noneho umunsi umwe asobanukirwa ko Yesu yasubirije icyo kibazo mu mugani w'umugaragu uvuye guhinga.

    ***Byibazeho***—Umugaragu avuye guhinga cyangwa kuragira, afite icyokere, arushye, yahindanye, ashonje, kandi afite inyota. Afite ibyifuzo byinshi bimureba ubwe, ariko mbere yuko yika ku byifuzo bye ubwe, arabanje ategura ifunguro rya shebuja aramufungurira.

    ***Nta yobera igisubizo, kiragaragara nta rujijo***—Niba dushaka ko ukwizera kwacu kwiyongēra, tugomba **guhora tubanza Imana**, nibwo ukwizera kwacu kuzakura.

***Urupapuro 105:***

- Nyuma yuko usoma igika cya mbere cy'igice cya III.D, soma iyi nkuru:

    ***Inkuru****:* Icyaha si intambamyi gusa ikomeye yo "Kwemerera Yesu Kristo kuba Ishingiro n' Umwami w' Ubugingo Bwanjye" ariko **iteka ikiguzi kiruta uko twa biteganyaga**. Umuvugabutumwa ukomeye Dr. R.G. Lee avuga iyi nkuru munyigisho ye izwi cyane "uzishyura umunsi undi munsi." Igihe Dr. Lee yari Pasitoro muri New Orleans, yabwirizaga kuri radiyo. Nyuma yaburi nyigisho yakiraga telefoni umuhamagaye akamubwira amagambo nyandagazi kandi ashishana. Akarangiza ku muhamagara avuga ati "Uyu ni umwami wa kangaroo court."



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 72 5/16/2011 12:29:23 PM

Ijoro rimwe Dr. Lee amaze kuryama, yakira telefoni iturutse mu bitaro. Umuganga (Nurse) asaba Dr.Lee niba yaza ku ibitaro. Aravuga ati, hari umwana w' umusore ugiye gupfa, kandi yadusabye ko tuguhamagara. Icyo atubwira gusa nuko ar' umwami wa kangaroo court." Dr. Lee arabyuka, arambara, hanyuma ajya kubitaro ako kanya.

Ahageze, umuganga abwira Dr. Lee ati "Ntumukoreho kuko tutazi indwara arwaye."

Uko Dr. Lee yegeraga igitanda, uyu musore yara murembuzaga ngo amwegere kuko atashoboaga kuvuga keretse kongorera. Aramubwira ati, "Dr. Lee, ugenda igihugu cyose ubwira urubyiruko ibya Yesu, ntubikora?"

Dr. Lee ati, "Yego."

Uwo musore, mucyongorero kitumvikana aravuga ati, "Ubambwiririre uti satani ahemba amafaranga ya amiganano." Murayo magambo ye ya nyuma, uwo musore ajyakubaho iteka, adafite Yesu kandi adafite ibyiringiro.

***Ibyitegererezo:*** Kwatura icyaha no kwegurira Imana kutuyob ora

- Icyaha cyitatuwe mu buzima bwacu gituma Imana itagenga ubuzima bwacu. Nuko rero, **ikintu cya mbere dukwiye gukora ni ukwatura icyaha cyacu**.
    - Ni kuki tugomba kwatura icyaha? Kuko icyaha cyangiza ubusabane bwacu n'Imana.

      ***Ibisobanuro***: Aha ni ahantu heza wagera ugasobanura itandukaniro riri hagati y'isano yacu n'Imana n'ubusabane hagati yacu n'Imana.

        - Iyo twizeye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wacu, Imana iradufata ikadukomeza cyane, ku buryo nta ubasha kutuvuvunura mu kuboko kwe (Yohana 10:28). Isano yacu n'Imana ni iy'iteka (Yohana 1:12). Nta mbaraga mu isi yose zibasha kudukura mu kuboko kwe kuko Imana ari yo munyambaraga urusha byose mu ijuru no mu isi (Matayo 28:18). **Bityo mu by'isano, Imana ni yo itugundīriye** tukimara kwakira agakiza (Yohana 5:24).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 73 5/16/2011 12:29:23 PM

- **Mu by'ubusabane, ni twe tugundīriye Imana**. Iyo dukoze icyaha, twitandukanya n'Imana, maze ubusabane bwacu n'Imana bukangirika (Yesaya 59:2). Ibuka, Imana ni yo *"yabahamagaye [yaduhamagaye] ngo mugirane [tugirane] ubumwe n'Umwana wayo Yesu Krsito Umwami wacu"* (1 Abakorinto 1:9). Ntishaka ko ubwo bumwe bucīka; bityo, iyo dukoze icyaha, tugomba **kwatura icyo cyaha uwo mwanya** (1 Yohana 1:9) tukongera tukegurira Imana kuyobora ubuzima bwacu (Abaroma 6:13).

***Icyitegererezo:***Tekereza Imana n'amaboko yayo abiri arambuye. Ukuboko kw'Imana kw'iburyo kuvuga isano yacu na yo, n'ukw'ibumoso kukavuga ubumwe bwacu n'Imana. Mu kuboko kwayo kw'iburyo twibonamo turuhukiye mu mahoro n'umutekano kuko tuzi yuko nta kintu kibasha kutuvuvunura mu kuboko kwayo. **Isano yacu na yo irahamye kuko idufashe idukomeje**. Mu bumwe turabona ukuboko kwayo kw'ibumoso kurambuye, turibonamo nk'umwana muto ufashe akomeje urutoke rw'Imana. Iyo ducumuye, tuba turekuye bityo ubumwe bugacīka. **Ubumwe bwacu n'Imana ntibuhamye nk'uko isano yacu n'Imana ihamye kuko ubumwe bwacu nayo butureba, kandi rimwe na rimwe tukananirwa**.

***Ingero:***

- Dufite abana b'abahungu babiri. Babasha gufata icyemezo cy'uko badashaka ko mbabera se, bakajya mu rukiko guhinduza amazina yabo, cyangwa bakavuga ko ntari se wa bo. Ariko ndi se wa bo, kandi nta kintu na kimwe gishobora kubihindura. Ndetse na wa mwana w'ikirara yari akiri umwana wa se (Luka 15:11-32). Ni nako, **iyo tubaye umwana w'Imana, duhora turi umwana wayo** (Yohana 5:24). U**ru ni urugero rugaragaza isano**.

- **Isano** iri hagati yanjye n'abahungu bacu babiri ntibasha gucika, ariko iyo bagomaga, ubumwe bwacu bwaracikaga. Nyamara, iteka imbabazi ni zo zakurikiraga kwatura kwabo (1 Yohana 1:9). Kuri jye, se, nubwo ibyaha byabo byajyaga kuba



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 74 5/16/2011 12:29:23 PM

bitukura nk'umuhemba, Iyo byāturwaga, bikababarirwa, byareraga bigasa nka sheregi (Yesaya 1:18). Ubumwe bwacu bwarasubiranye. **Uru ni urugero rugaragaza ubumwe**.

- **Icyo dukwiye gukurikizaho ni ukongera kwegurira Imana ukugenga ubuzima bwacu.** Mbikora ntya. Mu gihe cyanjye cyo guturiza imbere y'Imana buri gitondo nibona nicaye mu igare rikururwa n'indogobe. Natangiye umunsi nicaye mu cyicaro cy'uyitwara, mfashe imigozi mu ntoke zanjye nyikomeje. Yesu yicaye iruhande rwanjye, nuko nkamuhereza imigozi nyoboza indogobe maze nkamubwira nti, "Mwami, guhera nonaha nguhaye iyi migozi, 'akīra,' ugenge ubuzima bwanjye nta mupaka, uyu munsi wose usigaye. Ndakwinginze, mbera umuyobozi mu buzima bwanjye uyu munsi." Uwo mwanya Umwuka Wera, ni ukuvuga Umwuka wa Yesu Kristo, yicara ku ntebe ye ya cyami mu mutima wanjye. Iyo mu bushake bw'umutima wanjye mpisemo kwegurira Umwuka Wera intebe ya cyami y'umutima wanjye, haba hasigaye ahantu hamwe gusa kamere yanjye ya kera ijya, kandi aho nta handi ni ku musaraba. Iyo nkoze ntyo, mba niyihakaniye uburenganzira bwo kuba umuyobozi w'ubuzima bwanjye, nkanyoborwa n'Umwuka Wera. Ni cyo muri Luka 9:23 hasobanura havuga ngo, *"Abwira bose ati: Umuntu n'ashaka kunkurikira,* ***niyiyange****, yikorere umusaraba we iminsi yose, ankurikire."*

- Ubu noneho tugomba guhangana n'ikindi kibazo. Natangiye umunsi mpa Imana ubuzima bwanjye ngo ibuyobore, ariko biramera bite uwo munsi nincumura? **Iyo ncumuye, mba nongeye guhubuza ya migozi iyobora, ubutware ku buzima bwanjye, mbukura mu kuboka kw'Imana, mba nongeye gutwara intebe ya cyami y'umutima wanjye, nshaka gusubirana ubutware bwo kwiyobora.** Iyo bimeze bityo, ni ngombwa ko nkora ibintu bibiri bikurikira:

  1. **Atura icyo cyaha uwo mwanya.**
  2. **Ongera wegurire Imana kukuyobora.**

  - Tugomba kwibuka ko tudakeneye kubabarirwa ibyaha byacu gusa, ahubwo tunakeneye ko Imana iyobora ubugingo bwacu umwanya-ku-mwanya kandi buri munsi, kandi ibyo abikora iyo tumweretse ko tubishaka.

*Gutekereza cyane ku kuri kuri muri Bibiliya bidufasha kumenya Imana.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 75 5/16/2011 12:29:23 PM

8. Nimusome/Muganire kandi mutekereze cyane ku kuri kutari kumwe dusanga **Nibutswa Guhora Maramaje** (Urupapuro 31-32).

   ***Ibisobanuro:*** Ku Rupapuro 104 mwasabwe Gufata **Icyemezo Kidasubirwaho k' Ubuzima Bwawe Bwose** cyo kwemerera Yesu Kristo kuba ishingiro n'Umwami w'ubuzima bwawe. Hanyuma usabwa kuvugurura icyo cyemezo kidasubirwaho ku buzima bwawe bwose buri munsi. Ushobora guhindura iki cyemezo nk'igice cy'ingenzi cy'ubuzima bwawe bwa buri munsi n'ukora ibintu bibiri bikurikira:

   1. Nyuma yo gusubira mu isomo ryiswe **Nibutswa Guhora Maramaje**, shakashaka kubona iminota mike uri iwawe ubyibwire: Zirikana, Urebe icyo Bishushanya, noneho usenge Imana ukoresha amagambo ari muri uko kuri nk'isengesho ryawe ubwawe.

   2. Buri gitondo mu isaha yawe yo guturiza imbere y'Imana, n'usoma Urupapuro 31, uzibuka ineza y'Imana n'ibyo iduha buri munsi. Usome ibiri ku Rupapuro 32, ubivugamo isengesho—isengesho ryawe ryo kumaramaza buri munsi.

   ***Icyitegererezo:*** Mu isomo soma Urupapuro 31 cyane maze ugire icyo uvuga ku neza Imana itugirira no ku byo iduha buri munsi. Noneho abigishwa bagutege amatwi nawe, umuyobozi, usome usenga Imana ukoresha ibyanditse ku Rupapuro 32 nk'isengesho ryo kumaramaza kwawe ku Mana.

   *Gutekereza kuri uku kuri cyane bizadufasha tumenye Imana.*

9. Nimuganire kuri **Gahunda yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi—mu Kwezi kwa Kabiri** (Urupapuro 50). Hugurira abigishwa gutangirira kuri iyo gahunda nibasoza **Gahunda yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi mu Kwezi kwa Mbere** y'iminsi 30**.**

   ***Ibisobanuro:*** Aha ni ho dutangiza abigishwa umurimo uzamara iminsi yose y'ubuzima bwabo wo gusoma Bibiliya yose buri mwaka kumara igihe cyose gisigaye cy'ubuzima bwabo.

   *Kwiyemeza gusoma Ijambo ry'Imana ryose rimwe mu mwaka no gutekereza ku byo twasomye bidufasha kumenya Imana.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 76 5/16/2011 12:29:23 PM

10. Babwire mu burambure kuri **Ingengabihe yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi** n'uko ikoreshwa (Urupapuro 51-62). Abigishwa bazatangira gukoresha ino ngengabihe iminsi mirongwitatu ya **Gahunda yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi—mu Kwezi Kwa Kabiri.**

***Ibisobanuro:***

- Iki ni igikoresho tuzashishikariza abigishwa gukoresha kugira ngo basome Bibiliya yose rimwe mu mwaka kumara iminsi y'ubuzima bwabo yose.
    - Iyo dusomye Ijambo ry'Imana buri munsi, tuba twihaye Imana ngo ivugane natwe.
    - Igitondo gitaha mu masaha yacu yo gutuza, nyuma yo gusoma imirongo yose ya Zaburi 119, tuzatangira gusoma kwacu mu **Ingengabihe yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi**. Iyo turangije Zaburi 119 ku munsi wa 10, dutangira gusoma Bibiliya kwacu mu Ngengabihe yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi ku munsi wa 11.

11. Baganirire umumaro wo gusoma igice kimwe mu Migani buri munsi.

***Ibisobanuro:***

- Igitabo cy'Imigani cyuzuye ubwenge bwo kubaha Imana.
- "Imigani iduha amabwiriza Imana yahaye abantu bayo kugira ngo bahirwe mu byo bakora mu buzima bwabo buri munsi: imikoranire tugomba kugirana n'Imana, ababyeyi, abana, abaturanyi, n'abategetsi." (Aya magambo yavanywe mu cyegeranyo *The Open Bible*)

*Gusoma igice kimwe buri munsi mu gitabo cy'Imigani no gutekereza ku byo twasomye bidufasha kumenya Imana.*

12. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 77 5/16/2011 12:29:23 PM

13. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora Imikoro yabo (Urupapuro 249-250).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 249, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    - ***Bahugurire kuba abizerwa imbere y'Imana no guhura na yo buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.***

14. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 78 5/16/2011 12:29:23 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi.........................Isomo rya 6

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 277).

   ***Imurika:*** Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12. Kandi wowe nk'umuyobozi wabo bigufasha kumenya niba abigishwa bawe:

   - Bakora neza umurimo bagomba gukora bari bonyine kandi bagendera muri iyo mibereho, cyangwa
   - Bakeneye ko ubahwitura.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9-10). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   Saba abigishwa bandike ibi bitekerezo ku Rupapuro 9:

   - Yeremiya 9:23-24—*"...Ahubwo, uwirata yirate ibi, yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka..."*
   - 2 Timoteyo 1:12—*"...kuko nzi uwo nizeye uwo ari we..."*

   ***Ndakwibutsa:*** Dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

   1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
   2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by'Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** ku giti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 79 5/16/2011 12:29:23 PM

3. **Gutekereza ku kuri gufite imbaraga** kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura kugira ngo duse na Yesu**.

4. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 250).

***Ibisobanuro:***

- Ifashishe ikibazo cya 5 kiri ku Rupapuro 250 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
    - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

5. Sobanura uko **Ifishi y'Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** zikoreshwa (Urupapuro 21-24).

***Ni kuki*** ari ingenzi kwandika ingingo twumva inyigisho cyangwa ikibwirizwa cya Bibiliya?

***Ibisobanuro:***

- Benshi muri twe bumvise ukuri guhagije (Ijambo ry'Imana) kubwirizwa kandi ryigishwa ngo tube Abakristo bazira inenge, ariko kuko nta ngingo twanditse ngo tuzitekerezeho (Tuzirikane kandi tugire Ishusho yazo mu bitekerezo, hanyuma Dusenge Imana dukoresha izo ngingo nk'isengesho ryacu bwite), byatumye Satani atwiba ugukura mu mwuka twakabaye twaragize.
- ***Inkuru:*** Umuntu wagiraga inama ibigo by' ubucuruzi yaganiriye uburyo rimwe na rimwe tujya tuza tutiteguye kujyana amahirwe dufite. Yatubwiye uko yasuye urusengero kugirango yumve inyigisho. Ngo aricara yitegura kumva ubutumwa afite ikaramu n' impapuro mu ntoki, yiteguye kwandika ibyigishwa. Murako kanya abonako mu bantu bamwegereye ntawufite ikaramu cyangwa impapuro. Iki gitekerezo ki muzamo:*Bagomba kuba nta bintu byinshi biteze….*
- **Tugomba kujya mu materaniro twiteguye ko Imana iri buvugane natwe**. Yavugana natwe dukwiriye kuba twiteguye kwandika ibyo itubwira, iyo tubyanditse, noneho dushobora kubibika kugeza igihe tubonye amahirwe yo gutekereza kuri uku kuri. Iyo dutekereje (**T**ekereza cyane, **G**ira Ishusho Ubwenge kandi **U**Senga Imana ukoresha amagambo y'uku kuri



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 80 5/16/2011 12:29:23 PM

nk'isengesho ryanjye bwite), tuvana uku kuri mu mitwe yacu tuka gushyira mu mitima yacu, aho gushobora gushyirwa mu bikorwa.

*Iyo twumva Ijambo ry'Imana ribwirizwa, tujye twandika, kandi dutekereze ku kintu Imana itubwiye, bidufasha kumenya Imana.*

6. Nimuganire ku **Ngingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) abigishwa bakoze icyumweru gishize. Saba babiri cyangwa batatu muri bo:

    a. **Bavuge** imwe muri izo ngingo bakoze.

    b. **Batekereze cyane** kuri iyo ngingo.

    c. **Bashushanye mu bitekerezo** iyo ngingo.

    ***Ibutsa*** abigishwa ko kugira ishusho y'ingingo mu bitekerezo byabo bidasobanuye gusobanura iyo ngingo mu magambo. Basabe gutangira bavuga bati, **"Iyi ni yo shusho mbona."**

    d. **Senga** Imana uvuga iyo ngingo nk'isengesho ryawe ryo **KU—KWA—GU—KWI**. Abigishwa nibamara kubwirana uko babona, bakomeze; ubahugure.

    - Bwira abigishwa ko icyo basabwa atari ukukubwira uko bagasenze ahubwo basenge naho wowe n'abandi bo mu itsinda mutege amatwi uko bavugana n'Imana.

    *Igihe duteze amatwi icyo Imana yaba itubwira dusoma Ijambo ryayo, andika ingingo zabyo, hanyuma utekereze cyane kuri izo ngingo, bizadufasha kumenya Imana.*

7. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana** (Urupapuro 107-119). Uko usoma ukaganira, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

    ***Urupapuro 107:***

    ***Erekanisha*** imbaraga z'Imana gusoma inkuru ebyiri zikurikira nyuma yo gusoma ibiri ku Rupapuro 107:

    ***Inkuru #1:*** Don Milam, yari ikigomeke atari umukristo igihe yari mu mashuri yisumbuye.Ijoro rimwe yari asohotse murugo ajya kunywa inzoga no kwidagadura. Nyina yari umukristo udasanzwe, hanyuma ahagarara



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 81 5/16/2011 12:29:23 PM

mu muryango aramwinginga ngo atagenda.Aryama mu muryango, amwingingira kutajya hanze mu byaha, ariko Don aherako aramutambuka, yikomereza ajya mu myidagaduro.

Amanuka mu muhanda, anyura kunzu ibikwamo ibitabo, amaso ye anyuze mwidirishya agwa kuri Bibiliya ifunguye. Akururwa na Bibiliya nuko soma Imigani 1:22-33. [Ikitonderwa:reka umwe mubigishwa asomere abandi iyo mirongo aranguruye.] Amaze gusoma iyimirongo, Imana yemeza umutima we. Aremera akirizwa aho ku muhanda, asomye Ijambo ry' Imana.

Bamwe mu nshuti ze baraza baramubwira bati, "Ngwino, Don. Reka tujye mu myidagaduro."

Ariko Don ati, "Oya ngiye murugo."

Ageze murugo jya ku muryango w' imbere, yumva nyina mu cyumba cyo hejuru asenga yiherereye, amusengera. Nyuma gato yuko ibyo bimubayeho, Imana ihamagara Don mu murimo kuba Umushumba n'umuvugabutumwa.

Mbega inkuru itangaje y'imbaraga z'Ijambo ry'Imana no gusenga! Don J Milam yapfuye mu mwaka wi 1995 afite imyaka mirongwinani ni tanu-mirongwitandatu nitanu yiyo myaka ye ya yikoresheje nk'umushumba, umuvugabutumwa, n'umushumba wa gateganyo amaze ku jya mu kiruhuko cy'izabukuru.

***Inkuru #2:*** Umukobwa muto witwa Gloria yatubwiye iyi nkuru. Mucyaro kiri ku mupaka wa Texas na Mexico, habaye umwuzure mubi cyane. Nta Mukristo numwe wabaga muri icyo cyaro, ariko nyuma yuwo mwuzure agahungu gato ko muri Mexico kabona Bibiliya y' umwuzure wari wa size. Nta muntu numwe wari uhari wo kumufasha gusobanukirwa ibyo asomye muri bibiliya,ariko binyuze mubyo asomye acumitwa mu mutima ni byaha bye hanyuma yakira yesu mu mutima nku' umwami n' umucunguzi we. Yashakaga kuba intumwa ku bantu be, rero amaze kurangiza amashuri yisumbuye, ajya muri kaminuza hanyuma ajya muri Seminari. Amaze kurangiza asubira muri cya cyaro kuba umukozi w' Imana mu bantu be , kandi benshi baje kumenya Kristo binyuze mu murimo we. Gloria yaravuze ati, "Ndabizi iyi nkuru n' ukuri, kuko ako gahungu gato ni Data." Iyi nayo ni inkuru nziza y' Ijambo ry' Imana.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 82 5/16/2011 12:29:23 PM

## **Ni kuki ngomba kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana**
(Urupapuro 108, Igice II—Urupapuro 119)

***Urupapuro 109:***

- Yesaya 40:8—*"Ubwatsi buraraba, uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose."*
    - Uyu murongo ubyutsa ikibazo gikomeye. Ni iki gihoraho kandi kizahoraho iteka ryose? Ibintu bitatu biravugwa muri Bibiliya:

        1. Ijambo ry'Imana rihoraho kandi rizahoraho iteka ryose.
            - Yesaya 40:8—*"... Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose."*
            - 1 Petero 1:25—*"ARIKO IJAMBO RY'UWITEKA RYO RIZAHORAHO ITEKA. Kandi iri ni ryo Jambo ry'ubutumwa bwiza mwabwirijwe."*
            - Zaburi 119:89—*"Uwiteka, iteka ryose Ijambo ryawe rihora mu ijuru rihamye."*
        2. Imana ihoraho kandi izahoraho iteka ryose.
            - Gutegeka 33:27—*"Imana ihoraho ni ubuhungiro bwawe…"*
            - Zaburi 48:14—*"Kuko iyi Mana ari Imana yacu iteka ryose…"*
            - Tito 2:13—*"…Yesu Kristo, ni we Mana yacu ikomeye n'Umukiza"*
            - Abaheburayo 13:8—*"…uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose."*
            - Ibyahishuwe 15:7—*"…Imana ihoraho iteka ryose."*
        3. Imyuka y'abantu ihoraho kandi izahoraho iteka ryose.
            - Yohana 3:16—*"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 83 5/16/2011 12:29:23 PM

        - Matayo 25:46—*“Abo bazajya mu ihaniro ry’iteka, naho abakiranutsi bazajya mu bugingo buhoraho.”*

- Yesaya 40:8 ashimangira uburyo ubuzima bwo ku isi ari bugufi.

    - Zaburi 90:10—*“Iminsi y’imyaka yacu…ishira vuba, natwe tukaba tugurutse.”*

    - Zaburi 102:11—*“Iminsi yanjye ihwanye n’igicucu kire-hutse: kandi numye nk’ubwatsi.”*

    - Zaburi 103:15-16—*“Iby’umuntu, iminsi ye imeze nk’iy’ubwatsi, nk’ururabyo rwo ku misozi, ni ko ashisha. Kuko umuyaga urunyuraho; rugashira; ahantu harwo ntihazarumenya ukundi.”*

    - Yakobo 4:14—*“…Mbese ubugingo bwanyu ni iki? Muri igihu kiboneka umwanya muto, kigaherako kigatamuka.”*

- Hano rero hari amashirakinyoma:

    - Iminsi yacu hano ku isi ishiraho vuba cyane.

    - Tuzabaho iteka mu ihaniro ry’iteka, dupfa iteka nyamara tutaba intumbi, cyangwa mu bugingo buhoraho, tubane n’Umwami n’abizera by’ukuri iteka mu ijuru, ahataba umubabaro ukundi, ntihabe agahinda.

    - Tukiri hano ku isi, tugomba gufata ibyemezo bibiri biko-meye bizaduhindura ubwacu ndetse n’abandi benshi, mu by’ubugingo buhoraho.

        1. Tugomba guhitamo: ubugingo buhoraho cyangwa igihano cy’iteka. Ingaruka z’iki cyemezo zirakomeza kugeza iteka ryose.

        2. Tugomba guhitamo: kumarira ubuzima bwacu mu by’igihe gito (ibyifuzo byacu bya nyamwigendaho) cyangwa gukoresha ubuzima bwacu mu bihoraho. Wibuke ibintu Bibiliya itubwira ko bihoraho:

            - **Ijambo ry’Imana rihoraho**—Dukwiriye kuzuza Ijambo rye mu buzima bwacu.

            - **Imana ihoraho**—Dukwiriye gushorera imizi mu kumenya Imana ku giti cyacu, no mu kuba inkoramutima zayo. Iyi ni yo ikwiye kuba intego yacu idakuka.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 84 5/16/2011 12:29:24 PM

- **Imyuka y'abantu ihoraho**—Tugomba gutumikira Kristo ku bagabo n'abagore, tukabigisha guhinduka abigishwa nyakuri.

***Icyitegererezo:*** Ubuzima bwawe bwa hano ku isi ni nk'akadomo kari ku murongo udafite aho uherera. Akadomo gashushanya igihe tumara hano ku isi. Naho umurongo ubwawo ugashushanya ubuziraherezo. Ku isi tuhafite igihe gito bene ako kageni, ariko dushobora gukora itandukaniro rihoraho niba dukomeje gutumbīra, tukamaramariza ibyo bizahoraho.

Ahantu handitswe ngo ingingo iburyo bw'inyuguti G ahagana hepfo ku Rupapuro 109, uhashushanye umurongo uhereye iburyo ukageza ibumoso bw'urupapuro, hanyuma kuri uwo murongo ushyireho akadomo gato cyane kandi kamwe. Noneho ibwire ko uwo murongo wambukiranya urupapuro kandi udafite aho ugarukiye ugana iburyo n'ibumoso. Aka kadomo ni nko guhumbya kw'ijisho ugereranije n'ubuziraherezo. Biragaragara ko ubuzima bwa hano ku isi ari ubwo kwitegura ubuziraherezo. Igihe cya hano ku isi ni kigufi cyane; kubera iyo mpamvu, ni ngombwa ko dukomeza gutumbira no kumaramariza ikizahoraho iteka ryose, bitaba ibyo ntituzasohoza umugambi w'Imana ku buzima bwacu.

***Igishushanyo:*** Ku rupapuro umurongo umeze utya:



***Icyitonderwa:*** Ugomba gukora umurongo muremure ukawugeza aho urupapuro ruherera maze ukibwira ko ukomeza ubuziraherezo, udafite iherezo.

***Urupapuro 112:***

- 1 Petero 2:2—*"Mumere nk'impinja zivutse vuba, mwifuze amata y'Umwuka adafunguye, kugira ngo abakuze, abageze ku gakiza."*

***Inkuru:*** Umumisiyoneri ku basangwa butaka b' Abanyamerika muri Leta zunz' ubumwe z' Amerika yabwirije umutware wabo amugeza kuri kristo. Nka nyuma y'umwaka umumisiyoneri asubira gusura wa mutware. Umumisiyoneri amubaza iby'ubuzima bwe kuva abaye umukiristu.

Umutware ara musubiza ati "bimeze nk' imbwa y'umukara n' imbwa y'umweru bihora birwanira muri jye."



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 85 5/16/2011 12:29:24 PM

Umumisiyoneri aramusubiza ati, “Nibyiza, arikose niyihe inesha?”

Umutware aramusubiza ati, iyo ngaburira cyane.”

- Muri twe hahoramo intambara z’ Umwuka hagati yakamere ya kera na kamere nshya. Tugomba kugaburira kamere nshya twiyuzuzamo Ijambo ry’ Imana, bitihise tuzatsindwa mu ntambara z’ Umwuka duhura nazo buri munsi.


***Urupapuro 113:***

***Icyitegererezo:*** Igishushanyo kiri ku Rupapuro 113 cyerekana uko Imana ikoresha Ijambo ryabo mu buzima bwabo. Cyerekana ko n’iyo duteshutse inzira y’Imana, iyo tugumye mu Ijambo ryayo, izatubwira amagambo yo kuducyaha no kudukosora kugira ngo idusubize mu nzira yayo.

***Icyitonderwa:***Ni inshingano yacu gukora uko dushoboye kugira ngo tudateshuka inzira y’Imana. Tuguma mu Ijambo ry’Imana buri munsi kugira ngo idufashe aho dukeneye inyigisho, gucyahwa, gukosorwa, cyangwa amabwiriza y’uko tuguma mu nzira yayo.

- Iyo duteshutse inzira y’Imana, uburyo bwo kuyigarukamo vuba ni ugusubira mu Ijambo ryayo maze tugashyira mu bikorwa amahame twize mu Isomo rya 5. Ayo mahame ni aya:
    - Atura icyaha cyawe uwo mwanya.
    - Ongera uwo mwanya wegurire Imana kukuyobora bikurikirane no kwatura icyaha kwawe.
- Nidushyira mu bikorwa uku kuri, ibihe tumara mu guteshuka inzira y’Imana kubera icyaha bizaba bigufi kandi bizajya birushaho kubaho gake.

***Igishushanyo:*** Ku rupapuro umurongo umeze utya:





LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 86 5/16/2011 12:29:24 PM

- Reka abigishwa bashushanye umurongo uri haruguru mu bitabo byayo ku Rupapuro 113, muri kolone yagenewe ingingo iburyo bwa 2 Timoteyo 3:16. Hanyuma bandike ibi bintu bitatu munsi y'icyo bamaze gushushanya:
    1. **Guma mu Ijambo ry'Imana buri munsi.**
    2. **Atura icyaha cyawe uwo mwanya.**
    3. **Ongera uwo mwanya wegurire Imana kukuyobora bikurikirana no kwatura icyaha cyawe.**

***Urupapuro 116:***

***Ibisobanuro:***Yosuwa 1:8 ni ahantu hakomeye washimangirira ko kwibwira ku Ijambo ry'Imana ari ingenzi k'ushaka gushyira mu bikorwa. Niba dushaka gushyira ibyanditswe mu bikorwa, tugomba kubanza kubyibwiraho. Gutekereza bisobanuye Kuzirikana icyo Imana itubwira, noneho tukagira Ishusho yabyo mu bitekerezo, hanyuma noneho Tugasenga dukoresha ibyo yavuganye natwe nk'isengesho ryacu. Igihe cyose tugifite ubumenyi bwo gufata mu mutwe konyine, nta gushyira mu bikorwa nyakuri kwahesha Imana ikuzo kwabaho. Uretse gusa ubwo uku kuri kuzinjirira mu mitima yacu, igihe dutekereje ku Ijambo ry'Imana, ni bwo tuzabona gukora ubwako mu mitima yacu kukajya mu bikorwa.

***Impapuro 117-118:*** Imigani 2:1—10 (LIV) n'inzira yatanzwe kuri urwo rupapuro bigomba kuba iby'umumaro munini ku bigishwa. Ni igice gikundwa na benshi. Hano tuhabona urutonde rw'imigisha isezeranywa abashakashakana Ijambo ry'Imana umwete bose, bategа Imana amatwi, bakitonera ibyo itwigisha. Iri ni isezerano rya mpa-nguhe. Ni dukora ibyo Imana itubwira, tuzahabwa ibyo idusezeranya.

***Ibisobanuro:*** Tugomba kuba mu Ijambo ry'Imana umunsi ku munsi, dushakashaka kandi turindiriye ko Imana ivugana na twe. Tugomba gushakana Ijambo ry'Imana umwete nk'uko twaba dushaka amafaranga twabuze cyangwa ubutunzi bw'agaciro gakomeye buhishwe.

***Icyitegererezo:*** Nk'ubu dufite ikarita iyobora umugenzi yerekana ahantu umutungo w'agaciro gakomeye wahishwe, kandi icyo dusabwa gukora akaba ari ugufata iyo karita iyobora umugenzi, hanyuma tugacukura, tugacukumbura ubwo butunzi kugira ngo bwibere ubwacu, nzi neza yuko:



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 87 5/16/2011 12:29:24 PM

- Twagenda n'ingoga, nta kuzarira tugacukura uwo mutungo, kandi ntitwakwemera ko hagira ikitubuza.
- Twagenda dufite ibyishimo bitavugwa n'ibyiringiro by'amaronko.
- Twatanga igitambo cyose kugira ngo tubone uwo mutungo vuba cyane kuko ari bwo twaha umwanya w'ibanze mu bindi byose.
- Niba twakora ibi byose kugira ngo turonke ubutunzi bw'isi bumara igihe gito, ntitwari dukwiye kurushaho cyane gushimishwa n'ubutunzi bw'iby'umwuka, buzahoraho iteka ryose? Tekereza kuri icyo kintu!

***Ibisobanuro:***

- *Ubwenge bw'Imana,* ari bwo nimero 1 ku Rupapuro 118, busobanurwa mu Migani 4:11 (AMP) ko ari *"gusobanukirwa n'ubushishozi mu nzira z'Imana n'imigambi yayo."*
- *Ugusobanukirwa* (nimero 8 ku Rupapuro 118), nk'uko bisobanurwa mu Migani 4:7, bisobanuye "gukorana ubwenge," ni ukuvuga kumeya uko ukoresha ubwenge bw'Imana. (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible,* "Hebrew Dictionary of the Old Testament," Urapapuro 20, nimero 995).

***Inkuru Ishimishije:***

- Imigani 2:9 (LIV)—*"(Uwiteka) abereka uko batandukanya ikiza n' ikibi, uko bafata icyemezo gitunganye buri gihe."*
    - Ibi bikabije kuba byiza nk'aho atari ukuri! Bishoboka bite? Igisubizo kiri mu Migani 2:10 (LIV)—*"Nuko ubwenge n'ukuri bizinjira mu mutima wawe, kandi kumenya kuzanezeza ubugingo bwawe."* Bitekerezeho:
        - Yesu ni Ukuri kwambaye umubiri. Yohana 14:6—*"Yesu aramubwira ati, 'Ni jye nzira, n'ukuri, n'ubugingo; nta ujya kwa Data, ntamujyanye.'"*
        - Yesu ni Ubwenge bw'Imana bwambaye umubiri. 1 Abakorinto 1:30—*"...Yesu Kristo, waduhindukiye ubwenge buva ku Mana..."*
        - Yesu ni Umunezero wambaye umubiri. Umwuka



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 88 5/16/2011 12:29:24 PM

Wera avugira mu kanwa k'umuririmbyi muri Zaburi, atwigisha ko Imana ubwayo ari Umunezero—*"Maze nzajya ku gicaniro cy'Imana, ku Mana, ni yo munezero n'ibyishimo byanjye…"* (Zaburi 43:4).

- Noneho urufunguzo rwo gushobora gutandukanya ikiza n'ikibi, no guhitamo neza igihe cyose, no kubaho ubuzima bwuzuye umunezero ni uruhe? Igisubizo kiroroshye cyane. Ubwenge n'ukuri bigomba kwinjira mu buzima bwawe imbere. Yesu ni ubwenge, ukuri, n'umunezero biri mu mubiri. Bityo, iyo ushyize mu bikorwa, ugakoresha ukuri kw'Ijambo ry'Imana kandi ukegurira Yesu ubuzima bwawe kugira ngo abuyobore, akubera ishingiro ry'ubuzima, buri kintu cyose mu buzima bwawe kikazenguruka kuri we. Iyo Yesu ari ishingiro ry'ubuzima bwawe, uzashobora gutandukanya ikiza n'ikibi, guhitamo neza igihe cyose, no kugira ubuzima bwuzuye umunezero.

- Bitekerezeho:

    - Igihe Yesu yari hano ku isi, iteka yashoboraga gutandukanya ikiza n'ikibi maze agahitamo neza igihe cyose. Rero igihe cyose ari we uyobora ubuzima bwacu, azatugirira atyo natwe.

      ***Umwanzuro***: Ikintu kimwe gifite umumaro ni ugushakashakana Ijambo ry'Imana umwete, gutega Imana amatwi, kumvira Imana no kwakira imigisha idufitiye. Ikibivamo si ubuzima butagira amagorwa ahubwo ni ubuzima bwuzuye umunezero, ndetse no mu bibazo rwagati.

      ***Urugero:*** Dushakashaka mu Ijambo ry'Imana, tukabonamo ihame ritwigisha ko dukwiye kwemerera Yesu Kristo akaba ishingiro n'Umwami w'ubuzima bwacu kandi ko tugomba kumwegurira ubuzima bwacu kugira ngo abuyobore. Twumvira Imana, maze nk'igikorwa kivuye k'ubushake bwacu tugatangira kumuha ubuzima bwacu ngo abuyobore buri munsi. Hanyuma tubona ko igihe Imana ari yo muyobozi w'ubuzima



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 89 5/16/2011 12:29:24 PM

bwacu, dushobora gutandukanya ikiza n'ikibi, maze tugahitamo neza. Iyo rero atari yo ituyobora, turacumura, tukananirwa, ntidushyike, kandi tugatana; ntitubone n'imigisha idufitiye.

- Ubuzima bwacu bwuzura umunezero iyo imitima yacu yuzuye Umwuka Wera, igihe tweguriye Imana ubuzima bwacu kugira ngo ibuyobore.
- Kuyoborwa n'Umwuka no kuzura umunezero ntibisobanye ko tutazahura n'ikibazo mu buzima. Tugira umunezero kuko dufite Yesu, kandi Yesu ni umunezero wihinduye umuntu. Ntituzuzura umunezero byonyine, ahubwo tuzanashobora gutandukanya ikiza n'ikibi kandi duhitemo neza igihe cyose amahitamo aje.

*Turushaho kumenya Imana iyo dutekereje cyane ku kuri kutari kumwe tubonera mu kwiga Bibiliya.*

8. Kora isubiramo mu **Ntego z'Ubuzima** (Urupapuro 12-13).

   ***Ibisobanuro:*** Umuyobozi w'itsinda agomba gusubiramo kenshi ingingo zatanzwe n'umwanditsi w'iki gitabo kuri uyu mutwe mu Isomo rya 1 ry'iki gitabo cy'umuyobozi. Noneho wemeranye n'abigishwa ibyo mutekereza ko bikwiye gusubirwamo. Nta gihe kinini muzaba mufite; bityo, ushobora guhitamo kubabaza ibibazo bicye bibakangurira kongera gutekereza ku **Ntego z'Ubuzima**, ni ingenzi cyane.

9. Kora isubiramo ry' **Ibintu Bitatu Biranga Abigishwa Nyakuri** (Urupapuro 19).

   ***Ibisobanuro:*** Umuyobozi w'itsinda agomba gusubiramo kenshi ingingo zatanzwe n'umwanditsi w'iki gitabo kuri uyu mutwe mu Isomo rya 2 ry'iki gitabo cy'umuyobozi. Noneho usubirane n'abigishwa ibyo utekereza ko bikwiye gushimangirwa. Nta gihe kinini muzaba mufite; bityo, ushobora guhitamo kubabaza ibibazo nk'iki ngiki: *Ni iki wumvise Imana ishimangira mu mutima wawe igihe twaganiraga ku bintu biranga abigishwa nyakuri turi mu isomo?*

10. Nimusubire ku kintu cyose mwaganiriyeho kugeza aha muri, mbese aho utekereza ko abigishwa bakeneye gufashwa cyangwa gushishikazwa.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 90 5/16/2011 12:29:24 PM

*Ibisobanuro:* Ushobora kubaza gusa niba hari ibibazo bafite mu byo bamaze kwiga kugeza ubu.

11. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    *Ibisobanuro:* Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

12. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 251-252).

    ***Soma uranguruye mu isomo**:* Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 251, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Impamvu ebyiri zo kugirana igihe cy'umutuzo n'Imana mu gitondo cya kare buri munsi:

    1. **Yesu yaduhaye urugero rwabyo.**

       ***Bukeye bwaho Yesu abyuka kare*** mu rucyerera, ***ajya ahantu hiherereye arasenga*** (Mariko 1:35).

    2. **Ibyanditswe birabishimangira.**

       Aya magambo ***gushaka*** no ***kuzinduka*** asangwa muri Yesaya 26:9 no ***kuzinduka*** muri Zaburi 63:1 akomoka mu ijambo ry'Igiheburayo ***shachar***, risobanurwa ngo ***"gushakana umwete mu gitondo cya kare."*** (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible*, "Hebrew and Chaldee Dictionary," Urupapuro 114, nimero 7836)

       Nuko rero, iyi mirongo ishobora guhindurwa itya:

       > ***..ngushakashana umwete kare mu gitondo...*** (Yesaya 26:9).
       >
       > ***...Mana, ni wowe Mana yanjye; nzagushakashakana umwete kare mu gitondo...*** (Zaburi 63:1).

13. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 91 5/16/2011 12:29:24 PM

LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 92 5/16/2011 12:29:24 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi.........................Isomo rya 7

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 277).

   ***Imurika:*** Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12. Kandi wowe nk'umuyobozi wabo bigufasha kumenya niba abigishwa bawe:

   - Bakora neza umurimo bagomba gukora bari bonyine kandi bagendera muri iyo mibereho, cyangwa
   - Bakeneye ko ubahwitura.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9-10). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

   1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
   2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by'Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** ku giti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 93 5/16/2011 12:29:24 PM

3. **Gutekereza ku kuri gufite imbaraga** kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura kugira ngo duse na Yesu**.

4. Saba umwe mu bigishwa kubwira abandi **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Urupapuro 21-24), hanyuma Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, kandi Asenge akoresha amagambo ari muri izo ngingo nk'isengesho rye ubwe.

***Subiramo ibi:***

- Benshi muri twe bumvise ukuri guhagije (Ijambo ry'Imana) kubwirizwa kandi ryigishwa ngo tube Abakristo bazira inenge, ariko kuko nta ngingo twanditse ngo tuzitekerezeho (Tuzirikane kandi tugire Ishusho yazo mu bitekerezo, hanyuma Dusenge Imana dukoresha izo ngingo nk'isengesho ryacu bwite), byatumye Satani atwiba ugukura mu mwuka twakabaye twaragize.
- Tugomba kujya mu materaniro yo gusenga twiringiye ko ko Imana ivugana natwe. Iyo ivuze, tugomba kuba twiteguye kwandika icyo ivuze. Iyo tucyanditse, ubwo dushobora kubika izo ngingo kugeza ubwo tuzabona uburyo bwo gutekereza kuri uko kuri. Iyo dutekereje (Twibwira, Dushushanya, kandi Dusenga Imana dukoresha uko kuri nk'isengesho ryacu bwite), twimura ukuri tukakuvana mu mitwe yacu tukakujyana mu mitima yacu aho kwishakira inzira yo kujya mu bikorwa.

*Iyo dutuje kugira ngo dutekereze ku ngingo twandika duteze Imana amatwi nayo ivugana natwe mu nyigisho, bikadufasha kuyimenya.*

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 252).

***Ibisobanuro:***

- Ifashishe ikibazo cya 4 kiri ku Rupapuro 252 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
    - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 94 5/16/2011 12:29:24 PM

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Ni buryo ki nakwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana?** (Urupapuro 120-128). Uko usoma ukaganira, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

***Urupapuro 120:***

- Sobanura Urugero rw'Ikiganza—Uru rugero rwerekana uko ubasha gusobanukiwa Ijambo ry'Imana. Rwerekana kandi uko "…ukomeza inyigisho Zayo kandi ukazikurikiza" (Yohana 8:31).

- Rwerekana uko dukoresha inzira enye zo gutunga Ijambo ry'Imana mu mitwe yacu: ukumva, ugusoma, ukwiga, n'ugufata mu mutwe.

- Hanyuma rukerekana ukuntu igikumwe, ni ukuvuga gutekereza ku Ijambo, ari ingenzi niba ushaka gufata Ijambo ry'Imana iyo gifatanije n'ukumva, ugusoma, ukwiga, n'ugufata mu mutwe. Hatari igikumwe, gutekereza ku Ijambo, nta gutunga Ijambo ry'Imana mu mutima kwabaho, kunabayeho kwaba guke cyane.

- Iyo ukuri kucyinjira mu bitekerezo byacu, guherako kukajya mu mitima yacu kuko turitekerejeho kugira ngo *"kugira ngo turikurikize,"* bisobanuye ngo "gushyira mu bikorwa" uko kuri.

- Uko Urugero rw'Ikiganza rwerekanwa:

    1. Fata Bibiliya yawe mu kiganza cyawe iburyo. Rambūra ikiganza cyawe cy' ibumoso ukigaritse. Ushyire uburemere bwa Bibiliya ku rutoke rw'agahera k'ikiganza cy'ibumoso, ariko rwo ruvuga ukumva Ijambo ry'Imana, maze uhereko ukurure Bibiliya kugira ngo werekane ko agahera katabasha gufata Bibiliya.

    2. Wongere noneho utereke Bibiliya yawe kuri za ntoke zishushanya kumva no kwiga, hanyuma vuba nta rutangīra, byerekana ko nazo zonyine zitabasha gukomeza Ijambo ry'Imana.

    3. Noneho utereke Bibiliya yawe ku ntoke zishushanya ukumva, ugusoma, n'ukwiga, hanyuma uyirambure vuba nta



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 95 5/16/2011 12:29:24 PM

rutangīra, byerekana ko nazo zonyine zitabasha gukomeza Ijambo ry'Imana.

4. Wongere utereke Bibiliya yawe ku ntoke zishushanya ukumva, ukwiga, no gufata mu mutwe, hanyuma uy-irambure vuba nta rutangīra, byerekana ko nazo zonyine zitabasha gukomeza Ijambo ry'Imana.

5. Subiramo izi ntambwe zose utangirane n'urutoke rw'agahera, ariko werekane ikibaho iyo wongeyeho urutoke rw'igikumwe, rushushanya gutekereza ku Ijambo ry'Imana byimbitse, rufatanije na buri rumwe muri za ntoke zindi.

6. Hanyuma ya byose werekane ikibaho iyo intoke zose n'igikumwe zikoreye hamwe mu gukomeza Ijambo ry'Imana.

*Iyo twuzuza Ijambo ry'Imana mu buzima bwacu dukoresheje tu-ryumva, turisoma, turyiga, turifata mu mutwe, kandi rutekerezaho byimbitse tubishikamyemo, dutangira gukomeza Ijambo ry'Imana.*

***Urupapuro 120-127:***

- Uko uyobora abigishwa mu masomo ari kuri izi mpapuro, utuze kugira ngo ureke batekereze kenshi gashoboka, nkuko igihe bafite kingana. Ku rupapuro rwose emerera umwigishwa umwe byibuze guhitamo umurongo uwo ari wo wose maze awutekerezeho byimbitse, ashushanye ibirimo, maze asenge Imana akoresheje amagambo y'uwo murongo nk'isengesho rye bwite, ariko wowe n'abasigaye mumutege amatwi asenga.

  ***Ibutsa*** abigishwa ko kugira ishusho y'ingingo mu bitekerezo byabo bidasobanuye gusobanura iyo ngingo mu magambo. Basabe gutangira bavuga bati, **"Iyi ni yo shusho mbona."**

***Urupapuro 125, igice cyaho cya B:***

- Bwira abigishwa ushimangire ukuntu ari ikintu cy'ingenzi kwiha gahunda y'iminsi y'ubuzima bwose yo kumenya Bibiliya.

  > ***Inkuru***: Akiri umusore, inshuti yaci Hallock Preacher (w'umubwiriza butumwa), yihaye intego yo kumenya Bibiliya rwose, ariko yavuze ko bidatinze yasanze Bibiliya ariyo imumenye.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 96 5/16/2011 12:29:24 PM

- Uko Ijambo ry'Imana ritangira kugutegeka, rizaduhindurisha kuvugurura ibitekerezo byacu n'imitima yacu.
- Imana ikoresha Ijambo ryayo guhindura ibitekerezo byacu imbere muri twe.

***Pages 125-126, igice cyaho cya C:***

- **Hatari ukwitoza, nta byiringiro ko twazigera duhinduka abigishwa nyakuri Imana ishaka ko tuba.**

- 1 Abakorinto 9:24-27 (LIV) Pawulo avuga k'ubuzima bwa Gikristo bufite kwitoza (kwirinda) kandi atanga amabwiriza yo kuba abigishwa nyakuri:

    - Umurongo 24—*"…Namwe abe ari ko mwiruka, kugira ngo mugororerwe."* Tugomba gukoresha buri gice cyose cy'umubiri uburetwa kugira ngo ahāri tube abigishwa batagira inenge, ntacyo twizigamiye.

    - Umurongo 25—*"…Ugomba kwifata muri byose byatuma utaba uw'imbere."* Kenshi tugomba kwiyibutsa ko abandi bashobora, ariko ntidushobora—niba dushaka kuba abigishwa batagira inenge dushobora kuba bo ku bwa Kristo.
        - *"...twebwe tugenzereza dutyo, kugira ngo duhabwe iritangirika."*
            - Noneho se izi ngororano zo mu ijuru tuzazikoresha iki? Tuzazirambika ku birenge bya Yesu. *"Ba bakuru makumyabiri na bane bikubita imbere y'Iyicara kuri iyo ntebe, bakaramya Ihoraho iteka ryose, bakajugunya amakamba yabo imbere y'iyo ntebe, bavuga bati: 'Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho, kandi icyatumye biremwa, nuko wabishatse"* (Ibyahishuwe 4:10-11).
        - Uku ni ugushōra m'ubuziraherezo.
    - • Umurongo 26—*"Nuko nanjye ndiruka, ariko si nk'ūtazi aho ajya; nkubitana ibipfunsi, ariko si nk'ūhusha."* Ibi biratubwira k'ukubaho nk'umwigishwa witōza wuzuwemo intego n'ishyaka ryo kumenya, gukunda, no gukorera Imana.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 97 5/16/2011 12:29:24 PM

- Umurongo 27—*"...Mbabaza umubiri wanjye, nywukoza uburetwa, nywigisha gukora ibyo ugomba gukora, atari ibyo wo ushaka gukora..."*
    - Ibi bisobanuye ko Pawulo atemereraga umubiri we kugenga ubuzima bwe. Pawulo yahariye uwo murimo Umwuka Wera.

      ***Urugero:*** Iyaba imibiri yacu yayoboye ubuzima bwacu, ntitwakabyutse mu gitondo cya kare guha Imana igihe cy'indobanure mu gutuza kwacu. Kuki? Imibiri yacu yakatubwiye iti, "Cecekesha ayo majwi washyiriyeho kugira ngo akubyutse, wongere usinzire. Ndacyakeneye kuruhuka."

  **Andika** ahagenewe ingingo uko J.B.Phillips yatanze incamake y' 1 Abakorinto 9:24-27 mu buryo bukurikira:

  1. **Shyiraho intego zawe zo gutsinda.**
  2. **Itoze cyane.**
  3. **Maramaza.**
  4. **Irinde kandi wiyange.**

***Urupapuro 127, igice cyaho cya D:***

- Iri ni rimwe mu mahame akomeye yigishwa mu Ijambo ry'Imana: Baho umunsi umwe buri gihe. Kora ibishoboka byose ugire Ijambo ry'Imana ryinjira mu mutima wawe.
    - Amayeri ya Satani ni ukudutera gusubika. Ni umunyabwebge cyane bituma atatubwira ko kwakīra Ijambo ry'Imana mu buzima bwacu uyu munsi ari ubuswa. Arabizi ko tutabyemera ubwo buryo. Icyo we akora, atwongorera mu matwi yacu ati, "Ye! Icyo ni igitekerezo cyiza cyane, ariko reba ufite ibyo gukora byinshi uyu munsi, kandi dore, igihe cyagushiranye. Ni kuki utategereza umunsi w'ejo?" Bitekerezeho!

*Kwibwira ku kuri twiga muri Bibiliya bidufasha kumenya Imana.*

7. Nimuganire ku **Ngingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) abigishwa bakoze icyumweru gishize. Saba babiri cyangwa batatu muri bo:

   a. **Bavuge** imwe muri izo ngingo banditse.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 98 5/16/2011 12:29:24 PM

b. **Batekereze cyane** kuri iyo ngingo.

c. **Bashushanye mu bitekerezo** iyo ngingo.

d. **Basenge** Imana bavuga iyo ngingo nk'isengesho ryabo ryo **KU—KWA—GU—KWI**. Abigishwa nibamara kubwirana uko babona, ubahe impuguro.

*Gusoma Ijambo ry'Imana, kwandika ingingo zirirmo, no gutekereza kuri izo ngigo bidufasha kumenya Imana.*

8. Nimusome/Muganire k' **Ugufata Ibyanditswe mu Mutwe** (Urupapuro 235).

   ***Ibisobanuro:*** Uko abigishwa bafata mu mutwe bagatekereza kuri iyi mirongo, bazarushaho gukomerera aha hakurikira:

   - Kwiringira Imana kuri buri kintu cyose
   - Kuguma muri Kristo
   - Guhamya
   - Guha agaciro Ijambo ry'Imana
   - Kumaramariza gukunda Imana
   - Komera
   - Kwiyegurira kugengwa n'Imana

   *Uko dutekereza ku mirongo twafashe mu mutwe, bidufasha kumenya Imana.*

9. Nimusome/Muganire kuri **Gahunda yo Gufata Ibyanditswe mu Mutwe** (Urupapuro 236).

   ***Ibisobanuro:*** N'ukora iyo gahunda, iyo gahunda izakora.

   - Gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu mutwe. Gutekereza kuri uwo murongo bituma ujya mu mutima, kandi iyo uri mu mitima yacu, dushobora kuwukoresha mu buzima bwacu.

   ***Inkuru:*** Mu gihe cyashize, natangajwe n'ukuntu nafataga mu mutwe umurongo nyuma y'icyumweru kimwe nkaba nta ki w'ibuka. Namenye ko icyakamfashije ari agace ka 2 f) kari k'urupapuro rwa 236, kaduhwiturira gusubira m' umurongo ako kanya tukimara kuwufata mu mutwe uvuga igice,umurongo incuro 30. Ikindi kintu gifasha n'ukuwuvugaho kenshi igihe wigisha cyangwa uganira na bandi Ijambo ry'Imana. Ibijyanye n'imirongo turayikoresha cyangwa bitaba ibyo tukayibagirwa.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 99 5/16/2011 12:29:24 PM

10. Nimuganire ku **Inzitwazo Zacu n' Ibisubizo Bibiliya Iduha** (Urupapuro 237).

***Ibisobanuro:***

- Iyi ni imirongo y'ingenzi inkwiriye gufatwa mu mutwe kubera ko ari ibisubiza bitangwa n'ibyanditswe cyangwa imirongo yabwirwa abantu bazimiye iyo bagize urwitwazo batanga ku gituma badahinduka Abakristo.

- Ahantu hatanditswe harasizwe kugira ngo abigishwa bahandike:

    - Urwitwazo, rutari ku rutonde twanditse, baba barumvise umuntu utizera atanga nk'impamvu imutera kutaba Umukristo.

    - Igisubizo gitangwa mu byanditswe, ni ukuvuga umurongo basanga muri Bibiliya utanga igisubizo cy'urwitwazo uru n'uru.

- Hari igisubizo gitangwa n'ibyanditswe, umurongo, ku rwitwazo urwo ari rwo umuntu yatanga ku mpamvu ituma adahinduka Umukristo.

    - Dawson Trotman, watangije "Navigators ministry," yahigiye Imana ko atazigera afatirwa ku rwitwazo rumwe inshuro ebyiri. Iyo yumvuga urwitwazo, yashakaga igisubizo cy'urwo rwitwazo muri Bibiliya maze akarufata mu mutwe, nuko akaba afite umurongo, ni ukuvuga igisubizo avanye mu byanditswe, cyo kubwira umuntu yumvanye rwa rwitwazo.

11. Ni muganire ku **Igitabo (Register) cyo Cyandikwamo Imirongo Ifashwe mu Mutwe** (Urupapuro 238).

***Ibisobanuro:***

- Bwira abigishwa bandike itariki bafatiyeho mu mutwe muri kolone twise "Itariki wafatiye mu Mutwe" bakimara gufata umurongo mu mutwe kandi bavuze irangamurongo, umurongo, basubiremo irangamurongo inshuro 30.

- Bitwara nk'iminota 5 kugeza ku minota 8 kuvuga irangamurongo, umurongo, usubiramo irangamurongo inshuro 30 iyo wafatshe umurongo mu mutwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 100 5/16/2011 12:29:24 PM

- Ni igishoro cy'ubwenge gutanga igihe cyacu ngo dufate imirongo mu mutwe kugira ngo umwanya uwo ari wo wose, Imana iyigarure mu bitekerezo byacu ngo iduhe umugisha cyangwa iwuhe abandi.

- Umwe muri iyi mirongo ushobora kuba ikintu wowe cyangwa inshuti yawe mukeneye kubona mu gihe kiruhije.

12. Ereka abigishwa uko bashyira **Yohana 5:24** na **Yohana 10:28** mu gatabo kabugenewe (verse card.

***Ibisobanuro:***

- Reba mu gafuka gafashe ku gifuniko cy'iki gitabo mu ruhande rw'imbere, maze uvanemo agapapuro katanditsweho ka buri murongo ushaka gufata mu mutwe muri iki cyumweru.

- Andika irangamurongo *Yohana 5:24* hagati ya kamwe mu dupapuro twagenewe kwandikwaho imirongo.

    - Irangamurongo ni nk' aderesi.

- Fatisha ako gapapuro intoke ebyiri, igikumwe na marere, hanyuma ukubike maze wandike icyanditswe ku rundi ruhande rw'ako gapapuro.

- Ugomba kwandika irangamurongo y'icyanditswe ku ruhande rumwe rw'agapapuro maze ukandika umurongo cyangwa uwandike ku rundi ruhande kugira ngo ushobore kubona icyanditswe maze urebe ko wavuga irangamurongo yacyo—cyangwa se witegereze irangamurongo maze urebe ko ushobora kuwuvuga mu mutwe.

- Subira mu ntambwe zo haruguru ku kandi gapapuro ukoresheje Yohana 10:28.

- Numara gufata umurongo mu mutwe kandi ukavuga irangamurongo ryawo, n'uko umurongo uvuga, mu mutwe, ukawuvuga inshuro 30, andikaho itariki uwufatiyeho mu mutwe ku ruhande rw'agapapuro rwanditsweho irangamurongo.

***Ikintu k'ingenzi:***

- Fata igihe cyo kwandika ino mirongo ku dupapuro muri mu



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 101 5/16/2011 12:29:24 PM

isomo kugira ngo abigishwa badutahane batumarane icyumweru cyose, badufate mu mutwe, igihe bafite uwo bategereje, bafashe akaruhuko, n'ikindi gihe bafite umwanya. N'utabikora igihe cy'isomo, Satani azashyira ibisitaza byinshi imbere y'abigishwa, atume gufata imirongo mu mutwe mbere yuko mwongera guhura bibakomerera.

- Kandi wibuke ko gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu bwenge bwacu. Naho gutekereza cyane kuri wo bituma ujya mu mitima yacu. Bityo, dufata imirongo mu mutwe iminsi mike ya mbere y'icyumweru kugira ngo dusigaze iminsi ihagije mu cyumweru yo gutekerezamo iyo mirongo mbere yuko mwongera guhura. Ni kuki muyitekerezaho? Ni uko dushaka ko Imana ikoresha iyo mirongo mu buzima bwacu kugira ngo iduhindurire gusa na Yo.

*Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

13. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

14. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 253-254).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 253, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    - ***Bahugurire kuba abizerwa imbere y'Imana no guhura na yo buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.***

15. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 102 5/16/2011 12:29:24 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi.........................Isomo rya 8

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 278).

   ***Imurika:*** Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Imwe mu mpamvu zikomeye ituma dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru ni:

   - **Ukugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.

4. Saba umuntu umwe ababwire **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Impapuro 21-24) yanditse maze azitekerezeho, agire ishusho y'ibyo zivuga maze asenge Imana akoresheje amagambo yazo nk'isengesho rye ubwe.

   ***Subiramo ibi:***

   - Tugomba kujya mu materaniro yo gusenga twiringiye ko ko Imana ivugana natwe. Iyo ivuze, tugomba kuba twiteguye kwandika icyo ivuze. Iyo tucyanditse, ubwo dushobora kubika izo ngingo kugeza ubwo tuzabona uburyo bwo gutekereza kuri uko kuri. Iyo dutekereje (Twibwira, Dushushanya, kandi Dusenga Imana dukoresha uko kuri nk'isengesho ryacu



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 103 5/16/2011 12:29:24 PM

bwite), twimura ukuri tukakuvana mu mitwe yacu tukakujyana mu mitima yacu aho kwishakira inzira yo kujya mu bikorwa.

*Iyo dutuje kugira ngo dutekereze ku ngingo twandika duteze Imana amatwi ngo nayo ivugane natwe mu nyigisho, bidufasha kuyimenya.*

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 254).

   ***Ibisobanuro:***

   - Ifashishe ikibazo cya 4 kiri ku Rupapuro 254 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
     - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Kwiyuzuzamo Gusenga** (Urupapuro 129-135). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga**.**

   **Ni kuki ngomba kwiyuzuzamo gusenga?** (Urupapuro 130, igice II)

   ***Urupapuro 130:***

   - Yeremiya 33:3—*"Ntabaza, ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije, utamenya."*

     ***Inkuru**:* Ubwo nigishaga umupasitoro n' itsinda rito rya abagabo bo mu itorero rye muri Romania. Umunsi umwe uyu mu pasitoro ambaza niba nshaka kumva uko yatangiye urusengero rushya kuko umwe muri abo bagabo bagize itsinda yabigizemo uruhare, uwo turi bwite Joe. Nari mfite amashyushyu yo kumva, noneho ambwira inkuru.

     Umunsi umwe Joe ahamagarwa n' inshuti ye y'ihebye, itemeraga ko Imana ibaho wo turi bwite Mike. Mugihe cyashize , Mike nta kintu yarazi kubijyanye n'Imana hanyuma azakwemeranya no kwizera kwa Joe, ariko noneho uyu munsi yari yihebye. Mike yari yatakaje agafuka ke, kandi kari karimo amabanga yabantu benshi



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 104 5/16/2011 12:29:24 PM

kuburyo byajyaga guteza akaga iyo ayo mabanga amenyekana hanze. Yari yagashatse umunsi wose nti yakabona. Nyuma ahamagara Joe, barajyana banyura aho Mike yiriwe ashakira uwo munsi. Burira, barekeraho gushaka, yari yihebye Mike abaza Joe niba ashobora gusenga mbere yuko batandukana agasenga asaba Imana ko ya mufasha agafuka ke kakaboneka.

Joe aravuga ati ashobora gusengera Mike niba Mike ya musezeranya ko baza jyana Kurusengero Imana nimusubiza agafuka ke. Mike aremera arataha, hari nkurugendo rw' isaha imwe uvuye Bucharest aho yari yataye agafuka ke. Joe yasenze iryo joro asaba Imana ko ya fasha Mike kubona agafuka ke. Bukeye bwaho umugore araza akomanga k' urugi rwa Mike afite ka gafuka muntoki. Avuga ko yari Bacharest mugitondo cyakare kandi abona ako gafuka gateretse kuruhande rw' umuhanda aho abantu bagendera mu masangano y' umuhanda. Bacharest ni umuji utuwe n' abantu hafi miliyoni eshatu, imihanda ihora yuzuye ibihumbi by' abantu kandi hari ba mayibobo bazwiho kwiba buri kintu cyose babonye. Joe na Mike bari banyuze aha hantu uyu mugore yatoye aka gafuka, kandi nti kari gahari ijoro ryose mbere,. Imana yari yakoze igitangaza igarurira Mike agafuka ke.

Mike yakomeje isezerano rye hanyuma ajyana na Joe kurusengero. Mike arakizwa atangira kuzana abantu k' urusengero bavuye mu mujyi yari atuyemo. Akomeza kujya atumir' abantu akazana nabo kugez' ubwo yavuze ati, " Pasitori, sinzi icyo nakora. Hari imodoka ebyeri zuzuye abantu baje k' urusengero zivuye mu mujyi wacu, kandi turi bukenere indi modoka." Pasitoro abwira Mike ko urusengero rwabo rwari rwiteguye gutangira irindi torero kandi ko bari babonye n' ikibanza ariko noneho dushobora ku byimura ahubwo tugatangira urwo mu mujyi wa Mike.Bahindura imigambi yabo batangira itorero aho Imana ikorera. Ubwo twavaga Romania, hari hashize nk' umwaka umwe itorero ritangiye. Bari bamaze kubatiza nka bantu cumi na bane kandi abantu bazaga gusenga bari nka mirongo itanu.

*Ni kuki ngomba kwiyuzuzamo gusenga? Imana ikora ibintu bikomeye iyo dusenze.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 105 5/16/2011 12:29:24 PM

***Urupapuro 130:***

***Ibisobanuro**:* Yohana 14:14—*"Ni mugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye, nzagikora."*

- Iyi nteruro ngo *mu izina Ryanjye* isobanuye iki?

    - Gusaba mu izina rya Yesu ntibisobanuye gusa gusozesha amasengesho yacu aya magambo ngo "mu izina rya Yesu"—nubwo kubivuga atari ikosa igihe bivuye mu mitima yacu. Nizera ko dusenga mu izina rya Yesu iyo tumenye neza ko tudakwiriye kwegera Data ku bwacu, ariko ko dufite ubwo uburenganzira kubera ko Yesu yapfuye urupfu rwo ku musaraba kubw'ibyaha byacu. Bityo, dushobora noneho kuza mu maso ya Data dushije amanga kandi nyamara twicishije bugufi. Ntituza mu mazina yacu ahubwo tuza mu izina ry'Umwana wayo, twibuka icyo Yesu yakoze ku bwacu ari ku musaraba.

      ***Icyitegererezo:*** Ni uruhe rugero mu ngero ebyiri zikurikira rwerekana igihe warushaho gukorwaho ku byerekeranye no gufasha?

        ***Urugero rwa 1***—Umuntu umwe uri ku nzira araje agusanga, agusaba akayabo k'amafaranga.

        ***Urugero rwa 2***—Umuntu wundi nawe araje aragusanga, maze arakubwiye, ati "Ndi inshuti y'umwana wawe. Mfite ikibazo kinkomereye cyane, kandi nakibwiye umwana wawe. Maze ambwira ko ni nkusanga nkakubwira ikibazo cyanjye, uzamfasha."

      Ni nde muri aba bantu babiri utekereza ko byarushaho gushimisha umuntu kumufasha? Uwaje mu izina ry'umwana wawe.

***Urupapuro 131:***

***Ibisobanuro**:* Abafilipi 4:6 (JBP) haravuga ngo, "***Ntimukagire ikibahagarika umutima, icyo ari cyo cyose****; ahubwo mubwire Imana ibyo mukeneye byose muyisaba, muyinginga kandi muyishimira."*

- Hano turahabona ihame rikomeye cyane kandi ry'ingenzi—**Ntimukagire ikibahagarika umutima; musengere buri kintu cyose**.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 106 5/16/2011 12:29:24 PM

- Guhagarika umutima ni icyaha kuko bigaragaza kubura ukwizera n'ibyiringiro muri Yesu.

- Kenshi na kenshi ibintu twiganyira bikaduhagarika imitima biba bishingiye ku myumvire mibi y'ubwenge bwacu.

    ***Inkuru***: Iteka mu gihe cy' impeshyi, inyoni zitukura zikunze kuza zikarika ibyari inyuma y' urugo rwacu. Rimwe na rimwe inyoni y' ingabo, idakunda kuvogerwa , ikibona mukirahure cyinini cy' idirishya ry'inzu yacu ikaza iteka kurwana n'idirishya, igerageza kwirukana ishusho yayo ubwayo. Umwaka umwe inyoni y'ingabo yari yihebye cyane ibitewe n'ubwoba bwinshi ubwo yaripfuye izize kuguruka ikagonga ikirahure. Uyu mwaka inyoni y' ingabo itukura yazaga kurwana bugicya. Ikagaruka kurwana n' idirishya umunsi wose hanyuma ikaza kurwana inshuro yanyuma mbere yuko bwira. Ubu bwihebe, butewe n' imyumvire mibi, bwangizaga ubuzima bwayo. Nigihe cyi cyi, cyari igihe cyo kunezererwa isi nziza Imana yaremye. Kwiheba kwinshi gushingiye ku imyumvire itariyo. **Ntukemerere ubwihebe bwangiza ubuzima bwawe. Ntukihebeshwe ni ikintu icyaricyo cyose; sengera ikintu icyaricyo cyose**. Imana iragukunda, kandi niyo igenga byose.

***Ibisobanuro:*** 1 Abatesalonike 5:18 Pawulo aravuga ngo, *"Mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu."*

- Noneho ubu itegereze interuro yenda gusa mahwi n'iyo mu murongo ukurikira ku Rupapuro 132.

***Urupapuro 132:***

- Abefeso 5:20 (RSV) haravuga ngo, *"Mujye mushima Imana, Data wa twese, kubw'ibintu byose, mubiyishimira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo."*

    ***Mbishimangire:*** 1 Abatesalonike 5:18 ku Rupapuro 131 Pawulo aravuga atya, ati: *"**Mu** bibaho byose,"* naho mu Befeso 5:20 (RSV) ku Rupapuro 132 hakavuga ngo, *"**kubw'** ibintu byose"* mubiyishimira.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 107 5/16/2011 12:29:24 PM

- Twese dushobora gutekereza ibihe bimwe mu buzima ubwo gukora ibi bitoroshye na hato. Noneho se ni iki gituma Imana idusaba gukora ibintu nk'ibi?

- 1 Abatesalonike 5:18 haravuga hati, *"kuko ari byo Imana ibashakaho muri Yesu Kristo."*
- 1 Petero 1:6-7 (NIV) haravuga ngo, *"…nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibibagerageza byinshi; kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igiciro cyinshi, (kandi izahabu, nubwo ishira, igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabaheshe ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro, ubwo Yesu Kristo azahishurwa."*

- Umuntu wizera by'ukuri ntajya abura IBYIRINGIRO kuko Yesu ari we byiringiro byacu (Zaburi 71:5), kandi yasezeranije ko atazigera adusiga cyangwa ngo aduhāne (Abaheburayo 13:5). Mu Mwami wacu Yesu Kristo tunafite ukunesha urupfu (1 Abakorinto 15:55-57).

- 1 Abatesalonike 4:13-14, 17-18 (JBP) haravuga ngo, *"Ariko bene Data, ntidushaka ko mutamenya, mutababara nka ba bandi badafite ibyiringiro. Ubwo twemeye yuko Yesu yapfuye, akazuka, abe ari ko twizera yuko Imana izazanana na Yesu 'abasinziririye' muri we…Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. Nuko mumaranishe imibabaro kubwirana ayo magambo."*

***Urupapuro 133:***

- Yakobo 5:16 kuri uru rupapuro haravuga hatya, *"…Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete."* Isengesho risenganywe umwete ni iki?

  ***Amasengesho abiri asenganywe umwete ariko ahabanye:***

  ***Inkuru #1***—Igihe umwana wacu, Steve, yari afite nk' imyaka itanu, pasitoro wacu yari afite ikibazo cy' umugongo. Kumara igihe cy' ibyumweru bitatu nti yari ya gashoboye guhagara yemye kandi yagombaga kwifashisha inkoni kugirango abashe kugenda. Uwa gatandatu umwe nijoro dupfukamye iruhande rw' igitanda cya Steve dusenga, Steve asaba Imana gukiza pasitoro we. Ryari isengesho rituje, isengesho ryoroheje ritarimo amarangamutima. Mugitondo cya kurikiyeho twinjira murusengero, tubona pasitoro wacu ahagaze yemye kandi



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 108 5/16/2011 12:29:25 PM

agenda nta nkoni agenderaho. Steve we yavuze ijambo risanzwe rimwe: “reba” Steve yari yasenze isengesho rikomeye kandi ry’ ukuri rivuye mu mutima we kandi yizera ko Imana iri busubize, rero ntibyamutunguye abonye ko Imana yasubije isengesho rye. Twizera ko isengesho rya Steve ryari rikomeye.

***Inkuru #2***—Imyaka mike nyuma igihe umwana wacu w’ umuhungu muto Don, yari afite nk’ imyaka itanu cyangwa itandatu, yarafite agafi gato. Indobo y’ amafi yagombaga kwozwa, ariko Marilyn yarihutaga ahitamo kuyoza vuba vuba, nuko ashyira indobo irimo yafi munsi y’ isoko(robine yamazi) afungura amazi atangira kujya mundobo arasendera arameneka, kugeza ubwo n’ ivuyemo igwa mumuhora ujyana amazi hanze. Marilyn afunga amazi yihutira no gufunga umuhora watwaraga amazi kugirango ifi itagenda. Igiti ya fungishaga amazi gifata yafi imera nkipfuye. Yari itagifite ubuzima.

Murako kanya Don arahagera. Abonye ibyari bimaze kuba, atangira kurira cyane nijwi rirenga, “ Unyiciye agasamake! Unyiciye agasamake!” kandi byari ukuri. Don akomeza kurira yinginga Imana ngo agasamake ke kadapfa.akomeza kongera kwinginga Imana mwisengesho, “ Mana, ndakwinginze ntureke agasamake kanjye ngo gapfe.” Hanyuma igihe cyo kujya kuryama cyari kigeze Marilyn asubiza isamake mundobo kugirango ashimishe Don. Don yari ababaye cyane akomeza kandi y’inginga Imana, “Ndakwinginze ntiwemere ko agasamake kanjye gapfa.”Ariko kari katagifite ubuzima , kareremba hejuru yamazi inda yako iri hejuru (nk’ikimenyetso cy’uko ifi yapfuye). Twese twagiye kuryama, nubwo Don yari agikomeje kurira yinginga Imana.

Mugitondo cyakurikiyeho tubyutse, ka gafi ka Don ntikari ka kimeze nk’ akapfuye karogaga mu ndobo nkaho ntacyo kari kabaye! Aya masengesho ya Don yari mw’ ijwi ryumvikana, kandi ryuzuyemo amarangamutima. Twizera ko isengesho rya Don ryari isengesho risenganywe umwete.

> ***Tuyagereranye**:* : Isengesho rimwe ryari ry’amarangamutima cyane naho irindi si amarangamutima, ariko yombi yari avuye ku mitima yabo bahungu kandi ari nta buryarya. Bizeraga ko Imana ibumva kandi igasubiza amasengesho yabo. Bityo, yombi yari amasengesho asenganywe umwete.

*Gutekereza cyane ku kuri kutari kumwe twize muri Bibiliya bidufasha kumenya Imana.*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 109 5/16/2011 12:29:25 PM

7. Wowe, umuyobozi wabo, babwire **Ngingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) wakoze iki cyumweru gishize:

   a. **Bavuge** imwe cyangwa ebyiri muri izo ngingo banditse.

   b. **Batekereze** cyane kuri iyo ngingo.

   c. **Bashushanye** mu bitekerezo iyo ngingo.

   ***Wibuke*** ko kugira ishusho y'ingingo mu bitekerezo bidashatse kuvuga ko basobanura iyo ngingo mu magambo. Bityo, n'ubwira abandi uko ubibona, utangire uvuga uti, **"Iyi ni yo shusho mbona."**

   d. **Musenge** Imana muvuga izo ngingo nk'amasengesho bwite yo **KU—KWA—GU—KWI**.

   ***Senga***—Abigishwa bo batege amatwi naho wowe usenge Imana isengesho ryawe ryo **Ku**ramya, **Kwa**tura, **Gu**shimira, cyangwa **Kwi**nginga.

   ***Ibisobanuro:***

   - Zana urupapuro rwawe rwanditsweho **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** mu isomo, maze usome ingingo imwe cyangwa ebyiri.

   - Kwerekana uko ukoresha ibi mu buzima bwawe bishobora gufasha abigishwa kubona no gusobanukirwa icyo batumvise ubwo wabibasobanuriraga inshuro ya mbere.

   ***Ubuhamya**:* Aha ni ahantu heza wowe, nk'umuyobozi wabo, wababwirira ibyishimo ufite k'ukuntu gusoma Ijambo ry'Imana buri munsi, kwandika ingingo, no kuzitekerezaho byazanye impinduka mu buzima bwawe ubwawe.

   ***Kwandika ingingo ntibihagije ubwabyo***; ni ibigufasha kwibuka ibyo Imana yatubwiye kugira ngo dushobore gutekereza kuri uko kuri bityo kumenya Imana.

8. Saba buri umwe mu bigishwa ko avuga icyanditswe cyo muri Yohana 5:24, hanyuma Agitekerezeho, Ashushaye icyo havuga kandi Asenge Imana akore-



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 110 5/16/2011 12:29:25 PM

sheje amagambo arimo nk'isengesho rye bwite.

9. Saba buri umwe mu bigishwa ko avuga icyanditswe cyo muri Yohana 10:28, hanyuma Agitekerezeho, Ashushaye icyo havuga kandi Asenge Imana akoresheje amagambo arimo nk'isengesho rye bwite.

10. Kora isubiramo rya **Gahunda yo Gufata Ibyanditswe mu Mutw**e (Urupapuro 236).

    ***Subiramo ibi:*** N'ukora iyo gahunda, iyo gahunda izakora.

    - Gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu mutwe. Gutekereza kuri uwo murongo bituma ujya mu mutima, kandi iyo uri mu mitima yacu, dushobora kuwukoresha mu buzima bwacu.

    ***Inkuru**:* Mugihe cyashize, natangajwe n'ukuntu nafataga mu mutwe umurongo nyuma y'icyumweru kimwe nkaba nta ki w' ibuka. Namenye ko icyakamfashije ari agace ka 2 f) kari k'urupapuro rwa 236, kaduhwiturira gusubira m' umurongo ako kanya tukimara kuwufata mu mutwe uvuga igice,umurongo incuro 30. Ikindi kintu gifasha ni ukuwuvugaho kenshi igihe wigisha cyangwa uganira na bandi Ijambo ry'Imana. Ibijyanye n'imirongo turayikoresha cyangwa bitaba ibyo tukayibagirwa.

    *Gufata ibyanditswe mu mutwe bidufasha kumenya Ijambo ry'Imana, kandi kuritekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

11. Subiriramo abigishwa **Igitabo (Register) cyo Cyandikwamo Imirongo Ifashwe mu Mutwe** (Urupapuro 238).

    ***Subiramo ibi:***

    - Bwira abigishwa bandike itariki bafatiyeho mu mutwe muri kolone twise "Itariki wafatiye mu Mutwe" bakimara gufata umurongo mu mutwe kandi bavuze irangamurongo, umurongo, basubiremo irangamurongo inshuro 30.
    - Bitwara nk'iminota 5 kugeza ku minota 8 kuvuga irangamurongo, umurongo, usubiramo irangamurongo inshuro 30 iyo wafatshe umurongo mu mutwe.
        - Ni igishoro cy'ubwenge gutanga igihe cyacu ngo gufata imirongo mu mutwe kugira ngo umwanya uwo ari wo



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 111 5/16/2011 12:29:25 PM

wose, Imana iyigarurire mu bitekerezo byacu kuduhesha umugisha no kuwuhesha abandi.

- Umwe muri iyi mirongo ushobora kuba ikintu wowe cyangwa inshuti yawe mukeneye kubona mu gihe kiruhije.

12. Abigishwa nibashyire iyi mirongo ikurikira mu gatabo kabugenewe (verse card) (Urupapuro 235):

**• 1 Abakorinto 10:13 • 2 Abakorinto 12:9**

***Subiramo ibi:***

- Reba mu gafuka gafashe ku gifuniko cy'iki gitabo mu ruhande rw'imbere, maze uvanemo agapapuro katanditsweho ka buri murongo ushaka gufata mu mutwe muri iki cyumweru.

- Andika irangamurongo *1 Abakorinto 10:13* hagati ya kamwe mu dupapuro twagenewe kwandikwaho imirongo.

  - Irangamurongo ni nk' aderesi.

- Fatisha ako gapapuro intoke ebyiri, igikumwe na marere, hanyuma ukubike maze wandike icyanditswe ku rundi ruhande rw'ako gapapuro.

- Ugomba kwandika irangamurongo y'icyanditswe ku ruhande rumwe rw'agapapuro maze ukandika umurongo cyangwa uwandike ku rundi ruhande kugira ngo ushobore kubona icyanditswe maze urebe ko wavuga irangamurongo yacyo—cyangwa se witegereze irangamurongo maze urebe ko ushobora kuwuvuga mu mutwe.

- Subira mu ntambwe zo haruguru ku kandi gapapuro ukore-sheje 2 Abakorinto 12:9.

- Numara gufata umurongo mu mutwe kandi ukavuga iranga-murongo ryawo, n'uko umurongo uvuga, mu mutwe, ukawu-vuga inshuro 30, andikaho itariki uwufatiyeho mu mutwe ku ruhande rw'agapapuro rwanditsweho irangamurongo.

***Ikintu k'ingenzi:***

- • Fata igihe cyo kwandika ino mirongo ku dupapuro muri mu isomo kugira ngo abigishwa badutahane batuma-



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 112 5/16/2011 12:29:25 PM

rane icyumweru cyose, badufate mu mutwe, igihe bafite uwo bategereje, bafashe akaruhuko, n'ikindi gihe bafite umwanya. N'utabikora igihe cy'isomo, Satani azashyira ibisitaza byinshi imbere y'abigishwa, atume gufata imirongo mu mutwe mbere yuko mwongera guhura bibakomerera.

- Kandi wibuke ko gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu bwenge bwacu. Naho gutekereza cyane kuri wo bituma ujya mu mitima yacu. Bityo, dufata imirongo mu mutwe iminsi micye ya mbere y'icyumweru kugira ngo dusigaze iminsi ihagije mu cyumweru yo gutekerezamo iyo mirongo mbere yuko mwongera guhura. Ni kuki muyitekerezaho? Ni uko dushaka ko Imana ikoresha iyo mirongo mu buzima bwacu kugira ngo iduhindurire gusa na Yo.

*Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

## 13. Shishikariza abigishwa, ubahugurire kubwira Imana urukundo bayikunda byibuze inshuro eshatu buri saha, igihe badasinziriye, kumara iki cyumweru: *"Uwiteka, ndagukunda, ni wowe mbaraga zanjye"* (Zaburi 18:1).

***Ibisobanuro:***

- Iyo tuvuze tuti, "Mwami, ndagukunda," tuba dusenga isengesho ryo kuramya Imana.
- Turashaka kubiba ukugaragariza Imana uko tuyikunda kumara umunsi wose kandi buri munsi. Iki gikorwa ni igice cy'ingenzi, kimwe mu ihame rya Bibiliya rihindura ubuzima—tuziga iby'iri hame mu byumweru bibiri bitaha.

***Ndakwibutsa**:* Abigishwa bazakenera ikintu cyo kubibutsa kuvuga bati, "Mwami Uwiteka, ndagukunda," kumara umunsi wose.

- Niba bigushobokera, ha buri mwigishwa utumenyetso duto duto cyangwa akantu afatisha ku isaha ye, indorerwamo, mudasobwa, cyangwa ikindi—mbese igihimbano icyo ari cyose gikoma imbarutso cyikivuza ubwacyo kugira ngo cyibutse umwigishwa kubwira Umwami Yesu, ati "Ndagukunda" umunsi wose.

## 14. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 113 5/16/2011 12:29:25 PM

*Ibisobanuro:* Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

15. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 255-256).

*Soma uranguruye mu isomo:* Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 253, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

- ***Bahugurire kuba abizerwa imbere y'Imana no guhura na yo buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.***

16. Sozanya isengesho.

*Icyitegererezo:* Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 114 5/16/2011 12:29:25 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi.........................Isomo rya 9

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 280).

   ***Imurika***: Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Imwe mu mpamvu zikomeye ituma dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru ni:

   > **Ukugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.

4. Saba umuntu umwe ababwire **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Impapuro 21-24) yanditse maze azitekerezeho, agire ishusho y'ibyo zivuga maze asenge Imana akoresheje amagambo yazo nk'isengesho rye ubwe.

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 256).

   ***Ibisobanuro:***

   - Ifashishe ikibazo cya 5 kiri ku Rupapuro 256 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 115 5/16/2011 12:29:25 PM

- Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Ni buryo ki nakwiyuzuzamo Gusenga?** (Urupapuro 136-147). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga**.**

***Impapuro 136-140:*** Muri iki gice "Ni buryo ki nakwiyuzuzamo gusenga?" hihishemo ibintu bitandandatu isengesho rigomba kuba ryujuje.

- Ni ukuri koko Imana ibasha gukora ikintu icyo ari cyo cyose ishatse gukora; bityo, ishobora gusubiza isengesho iryo ari ryo ryose igihe icyo ari cyo cyose nubwo tuba tutujuje ibyo idusaba. Ibi ishobora kubikorera gusa ko ari Imana.

- Mbese hari ikintu twe dushobora gukora kugira ngo Imana yumve kandi isubize amasengesho yacu nk'uko twifuza ko iyasubiza?

  - Mu byanditswe, tubonamo ibintu **bitandatu** bikurikira **amasengesho asubizwa agomba kuba yujuje**:

    1. Mariko 11:25 ku Rupapuro 38—
       ***<u>BABARIRA ABANDI</u>:***

       - Niba dushaka kubabarirwa, tugomba kubabarira abandi. *Kubabarira* bisobanuye "kureka, gutera umugongo, no kuzibukīra." Niba tubītse inzīka, ntabwo twamenya neza ko Imana yumva igasubiza amasengesho yacu.

    2. 1 Yohana 1:9 ku Rupapuro 138—
       ***<u>TWATURE IBYAHA BYACU</u>:***

       - Imana ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kubitwezaho iyo tubyatuye. Umurongo twabonye, ni ukuvuga Yesaya 59:2, usobanura ko dukeneye kubabarirwa kuko icyaha cyangiza ubumwe bwacu n'Imana; kitubuza kuba mu busabane n'Imana twaremewe kwishimiramo.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 116 5/16/2011 12:29:25 PM

***Subiramo ibi***: Aha ni ahantu heza wagera ugasobanura itandukaniro riri hagati y'isano yacu n'Imana n'ubusabane hagati yacu n'Imana.

- Iyo twizeye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wacu, Imana iradufata ikadukomeza cyane, ku buryo nta ubasha kutuvuvunura mu kuboko kwe (Yohana 10:28). Isano yacu n'Imana ni iy'iteka (Yohana 1:12). Nta mbaraga mu isi yose zibasha kudukura mu kuboko kwe kuko Imana ari yo munyambaraga urusha byose mu ijuru no mu isi (Matayo 28:18). **Bityo mu by'isano, Imana ni yo itugundīriye** tukimara kwakira agakiza (Yohana 5:24).

  **Mu by'ubusabane, ni twe tugundīriye Imana.** Iyo dukoze icyaha, twitandukanya n'Imana, maze ubusabane bwacu n'Imana bukangirika (Yesaya 59:2). Ibuka, Imana ni yo *"yabahamagaye [yaduhamagaye] ngo mugirane [tugirane] ubumwe n'Umwana wayo Yesu Krsito Umwami wacu"* (1 Abakorinto 1:9). Ntishaka ko ubwo bumwe bucīka; bityo, iyo dukoze icyaha, tugomba **kwatura icyo cyaha uwo mwanya** (1 Yohana 1:9) tukongera tukegurira Imana kuyobora ubuzima bwacu (Abaroma 6:13).

  ***Icyitegererezo***: Tekereza Imana n'amaboko yayo abiri arambuye. Ukuboko kw'Imana kw'iburyo kuvuga isano yacu na yo, n'ukw'ibumoso kukavuga ubumwe bwacu n'Imana. Mu kuboko kwayo kw'iburyo twibonamo turuhukiye mu mahoro n'umutekano kuko tuzi yuko nta kintu kibasha kutuvuvunura mu kuboko kwayo. **Isano yacu na yo irahamye kuko idufashe idukomeje**. Mu bumwe turabona ukuboko kwayo kw'ibumoso



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 117 5/16/2011 12:29:25 PM

kurambuye, turibonamo nk'umwana muto ufashe akomeje urutoke rw'Imana. Iyo ducumuye, tuba turekuye bityo ubumwe bugacīka. **Ubumwe bwacu n'Imana ntibuhamye nk'uko isano yacu n'Imana ihamye kuko ubumwe bwacu nayo butureba, kandi rimwe na rimwe tukananirwa**.

***Ingero:***

- Dufite abana b'abahungu babiri. Babasha gufata icyemezo cy'uko badashaka ko mbabera se, bakajya mu rukiko guhinduza amazina yabo, cyangwa bakavuga ko ntari se wa bo. Ariko ndi se wa bo, kandi nta kintu na kimwe gishobora kubihindura. Ndetse na wa mwana w'ikirara yari akiri umwana wa se (Luka 15:11-32). Ni nako, **iyo tubaye umwana w'Imana, duhora turi umwana wayo** (Yohana 5:24). **Uru ni urugero rugaragaza isano**.

- **Isano** iri hagati yanjye n'abahungu bacu babiri ntibasha gucika, ariko iyo bagomaga, ubumwe bwacu bwaracikaga. Nyamara, iteka imbabazi ni zo zakurikiraga kwatura kwabo (1 Yohana 1:9). Kuri jye, se, nubwo ibyaha byabo byajyaga kuba bitukura nk'umuhemba, Iyo byāturwaga, bikababarirwa, byareraga bigasa nka sheregi (Yesaya 1:18). Ubumwe bwacu bwarasubiranye. **Uru ni urugero rugaragaza ubumwe**.

3. Yohana 14:13 ku Rupapuro 139—
   ***<u>SENGA MU IZINA RYA YESU</u>***:

   ***Subiramo ibi***—Gusaba mu izina rya Yesu ntibisobanuye gusa gusozesha amasengesho yacu aya magambo ngo "mu izina rya Yesu," nubwo kubivuga atari ikosa igihe bikuvuye ku



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 118 5/16/2011 12:29:25 PM

mutima. Nizera ko dusenga mu izina rya Yesu iyo tumenye neza ko tudakwiriye kwegera Data ku bwacu, ariko ko dufite ubwo uburenganzira kubera ko Yesu yapfuye urupfu rwo ku musaraba kubw'ibyaha byacu. Bityo, dushobora noneho kuza mu maso ya Data dushije amanga kandi twicishije bugufi. Ntituza mu mazina yacu ahubwo tuza mu izina ry'Umwana wayo, twibuka icyo Yesu yakoze ku bwacu ari ku musaraba.

***Icyitegererezo:*** Ni uruhe rugero mu ngero ebyiri zikurikira rwerekana igihe warushaho gukorwaho ku byerekeranye no gufasha?

> ***Urugero rwa 1***—Umuntu umwe uri ku nzira araje agusanga, agusaba akayabo k'amafaranga.
>
> ***Urugero rwa 2***—Umuntu wundi nawe araje aragusanga, maze arakubwiye, ati "Ndi inshuti y'umwana wawe. Mfite ikibazo kinkomereye cyane, kandi nakibwiye umwana wawe. Maze ambwira ko ni nkusanga nkakubwira ikibazo cyanjye, uzamfasha."

Ni nde muri aba bantu babiri utekereza ko byarushaho gushimisha umuntu kumufasha? Uwaje mu izina ry'umwana wawe.

4. Yakobo 1:6-7 ku Rupapuro 139—***<u>SABA UFITE UKWIZERA; WIZERE KO UHABWA</u>:***

   - Umuntu ushidikanya ko abona igisubizo kivuye ku Mana ahari ntacyo yabona. Mbere yuko Yesu akiza umuhungu ufite dayimoni, Yesu yabwiye se w'uwo muhungu, ati: *"Byose bishobokera uwizeye."* Uwo mwanya, se w'uwo muhungu avuga cyane, ati: *"Ndizeye; nkiza kutizera"* (Mariko 9:23-24). *"Kandi ibyo muzasaba mwizeye, muzabihabwa byose"* (Matayo 21:22). *"Kugeza none ntacyo mwasabye mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa, ngo umunezero wanyu ube wuzuye"* (Yohana 16:24).

     ***Imvugo:*** "Kwizera ko Umwami Yesu azumva



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 119 5/16/2011 12:29:25 PM

isengesho ryanjye byubahiririza ukuba umu-
nyakuri kwe, imbaraga ze, urukundo rwe, gutanga kwayo, n'ubwenge bwayo."

—Charles Haddon Spurgeon

5. Matayo 26:39 ku Rupapuro 139-140—***SABA KO IBYO IMANA ISHAKA ABA ARI BYO BIKORWA***:

- Iki ni cyo kintu gikomeye kuruta ibindi twakora niba dushaka kumenya tudashidikanya ko Imana iri bwumve, igasubiza amasengesho yacu. Nta kintu kerekana ukwizera kwacu kuruta ko tugira ibyiringiro mu Mana kugera ubwo dushaka ubushake bwayo kuburutisha ubwacu. Bihamya ko tuzi ko turi hano ku isi kugira ngo tubeho mu mugambi yaduhamagariye.

  ***Subiramo ibi:***

  ***Ubushake bwacu***—Iyo tugeze aho tugira ibyiringiro byinshi mu Mana bituma turutisha ubushake bwacu ubwayo, tugira gushaka kwayo nk' ukwacu.

  - Muri Matayo 26:39, tubona ishusho nziza cyane, Yesu asenga asaba Se, agira ati, *"...Niba bishoboka, iki gikombe kindenge, ariko bye kuba uko jyewe nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka."*

    - Ahāri iki ni cyo gihe gikomeye mu byo Yesu yanyuzemo kuko "iki gikombe" cyashushanyaga umugayo, gukorwa n'isoni, no kurekwa (gutandukanywa) na Se kubw'ibyaha byacu, kandi ibi bisobanuye ko:

      - Yesu yagombaga kwishyiraho icyaha cyacu cyose kugira ngo abyishyurire. Tekereza kuri ibi. Nta cyaha yari yarakoze, nta n'umujunya wa Se uzanwa n'icyaha yari yarigeze.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 120 5/16/2011 12:29:25 PM

- Kuko Yesu yari afite ubushake bwo kumvira no kwishyiraho icyaha cyacu, icyaha cyacu cyamutandukanije na Se. Tekereza kuri ibi: Yesu ntiyari yarigeze gutandukana na Se.

- Ubwo Yesu yavugaga ati, *"…ariko bye kuba uko jyewe nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka,"* yaduhaye icyitegererezo cyo guhora twifuza ubushake bw'Imana tukaburutisha ubushake bwacu, icyo byaba bisaba cyose.

6. 1 Yohana 3:22 ku Rupapuro 140—<br>***<u>KORESHA AMATWARA YO KUMVIRA</u>:***

    - Kumvira kuzana imigisha, kandi ingeso yo kumvira by'umwihariko ishimisha Imana. Ingeso yo kumvira iza iyo dufite amatwara yo kumvira. **AMATWARA YO KUMVIRA ni amatwara atuma uvuga uti, "Mwami, ndakumvira; wowe mbwira."** Icyemezo cyo kumvira gifashwe mbere yuko tumenya icyo Imana ishaka ko dukora.

        - ***Urugero***: Petero aduha urugero rukomeye rw'aya **MATWARA YO KUMVIRA i**yo avuga ati, *"Data-buja, twakesheje ijoro dukora cyane, nyamara nta cyo twafashe: ariko kuko ubivuze, reka nzijugunye"* (Luka 5:5). Kuva Petero akivuga, ati: ***"Kuko ubivuze, ndabikora,"*** dufite gihamya ko yari yamaze gufata icyemezo cyo kumvira icyo yari kumubwira gukora cyose. Yakoresheje ya MATWARA YO KUMVIRA.

**Mu magambo magufi, hano hari ibintu bitandantu twabonye mu byanditswe amasengesho asubizwa agomba kuba yujuje:**

1. **Babarira abandi.**
2. **Atura ibyaha byawe.**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 121 5/16/2011 12:29:25 PM

3. **Senga mu izina rya Yesu.**
4. **Saba ufite ukwizera; izere ko uri buhabwe.**
5. **Saba ibyo Imana ishaka aba ari byo bikorwa.**
6. **Koresha amatwara yo kumvira (gira umutima wumvira).**

***Urupapuro 143, igice B***: Gukomeza ubumwe bwihariye n'Imana mu gusenga ni umushinga w'iminsi yose y'ubuzima.

***Urupapuro 144-145, igice C:*** Ubuzima butatojwe ni bwa buzima bw'imbura-mumaro kandi butumvira. Kwitoza ni igice gikomeye kigize ukumvira, kandi kumvira ni urufunguzo rwo gukura mu buryo bw'umwuka no kugera ku rugero rushyitse. Ntiwibwire ko uzabona ugukura mu buryo bw'umwuka nyako nta kwitoza.

***Urupapuro 145-146, igice D:*** Shimikira gusa umunsi umwe buri gihe.

***Subiramo ibi:***

- Iri ni rimwe mu mahame akomeye yigishwa mu Ijambo ry'Imana: **Baho umunsi umwe buri gihe**. Vugana n'Imana uyu munsi mu buryo bwo gusenga.

- Amayeri ya Satani ni ukudutera gusubika. Ni umunyabwebge cyane bituma atatubwira ko kwakīra Ijambo ry'Imana mu buzima bwacu uyu munsi ari ubuswa. Arabizi ko tutabyemera ubwo buryo. Icyo we akora, atwongorera mu matwi yacu ati, "Gusenga none! icyo ni igitekerezo cyiza cyane, ariko reba ufite ibyo gukora byinshi uyu munsi, kandi dore, igihe cyagushiranye. Ni kuki utategereza umunsi w'ejo?" Bitekerezeho!
- Igihe cyose tunaniwe kubwira Imana ibintu bitureba, Satani aratunesha.

*Kwibwira ku kuri twiga muri Bibiliya bidufasha kumenya Imana.*

7. Nimuganire ku ***Ngingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi*** (Urupapuro 65-72) abigishwa bakoze icyumweru gishize. Saba babiri cyangwa batatu muri bo:

   a. **Bavuge** imwe muri izo ngingo banditse.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 122 5/16/2011 12:29:25 PM

b. **Batekereze cyane** kuri iyo ngingo.

c. **Bashushanye mu bitekerezo** iyo ngingo.

d. **Basenge** Imana bavuga iyo ngingo nk'isengesho ryabo ryo **KU—KWA—GU—KWI**. Abigishwa nibamara kubwirana uko babona, ubahe impuguro.

*Gusoma Ijambo ry'Imana, kwandika ingingo zirirmo, no gutekereza kuri izo ngigo bidufasha kumenya Imana.*

8. Saba buri umwe mu bigishwa ko avuga icyanditswe gikurikira, hanyuma undi Agitekerezeho, Ashushaye icyo havuga kandi Asenge Imana akoresheje amagambo arimo nk'isengesho rye bwite

   - 1 Abakorinto 10:13.

9. Saba buri umwe mu bigishwa ko avuga icyanditswe gikurikira, hanyuma undi Agitekerezeho, Ashushaye icyo havuga kandi Asenge Imana akoresheje amagambo arimo nk'isengesho rye bwite

   - 2 Abakorinto 12:9.

10. Nimusome/muganire kandi mutekereze cyane ku kuri kutari kumwe dusanga aha: **"Wirinde…Wirinde… Wirinde"** (Urupapuro 25-27).

***Urupapuro 25:***

- Kimwe mu bintu dushaka twigira muri "Wirinde…Wirinde… Wirinde" ni umumaro wo kubona ubuzima nk'uko Imana na yo ibubona, dufite umutima utunganye.

  ***Urugero**:* Umuhengeri ni ikibazo gikomeye k'uwoga. Nyamara ni umunezero ku nyogaruzi. Biterwa n'uko ubibona.

- Andika uno murongo mu gitabo cy'umwigishwa, munsi y'umutwe "Wirinde…Wirinde…Wirinde": "*Bakundwa, mwē gutangazwa n'ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu, ngo mumere nk'abagushije ishyano"* (1 Petero 4:12).

  ***Urugero**:* Niba tutabona ubuzima nk'uko Imana ibubona, ngo tubikorane umutima utunganye, dushobora kurenga



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 123 5/16/2011 12:29:25 PM

ingabano tubaye tubabajwe n'ibigeragezo bitari bimwe, nuko tukisanga tubaza ikibazo nk'icyo Gideon bajije mu gitabo cy'Abacamanza 6:13: *"Mutware, niba Uwiteka ari kumwe natwe, ni iki gituma ibyo byose bitubaho? N'imirimo ye yose itangaza irihe..."*

- Itegereze uruhererekane ruri mu gitabo cy'Abaroma 5:3-4:
    - Amakuba n'ibigeragezo
    - Iga kwihangana
    - Gukura, gukomera kw'ingeso
    - Iringire Imana
    - Ibyiringiro no kwizera bigakomera kandi ntibicogore; ugukura

***Urupapuro 26:***

- Itegereze uruhererekane ruri mu gitabo cy'Abaroma 1:13-14:
    - Amakuba araza.
    - Ukwizera kukageragezwa.
    - Ukwihangana kugakura.
    - Ugukomera mu ngeso nziza
    - Ukaba witeguye icyo ari cyo cyose; ugukura

***Urupapuro 26-27:***

- Itegereze muri Yakobo 1:13-14 ukuntu Imana itajya igira na hato uwo yoshya.

***Incamake ya "Wirinde…Wirinde…Wirinde" (Urupapuro 25-27):***

**Imibabaro igomba guteganywa mu buzima bwa Gikristo.** Ni ikintu gisanzwe (Reba 1 Petero 4:12).

**Muri ibi bice** tubonamo ukuntu Imana yo ibona ibigeragezo, ibirushya, amakuba, n'ibihe bikomeye mu buzima bwacu. **Ibibona nk'amahirwe yo gukura mu buryo bw'umwuka kwacu no kugera ku kigero gishyitse.** Niba dushaka guhirwa



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 124 5/16/2011 12:29:25 PM

mu buzima bwacu bwa Gikristo, tugomba gukuza amatwara atunganye kandi tukabona ibi bintu nk'Imana na Yo ibibona atari uko twebwe tubibona.

> ***Icyitegererezo:*** Ubwo natwaraga imodoka nzamuka umusozi ngenda inyuma y'igikamyo kinini kandi kirekire, kandi kigenda buhoro cyane nk'urugendo rwa kilometero umunani gusa mu isaha yose, nuko mfata icyemezo cyo kuvuduka ngo nkyinyureho. Nkyikinyuraho, mba nsohoye ku kanunga k'umusozi maze ngongana n'iyindi kamyo inturutse imbere. Ikibazo cyanjye cyari ikihe? Igisubizo ni uko nabuze ukwihangana no kureba imbande zose. Mu ruhande ndebamo byasaga n'aho ari amahoro masa; naho mu kureba kw'Imana yo yabonaga ko atari amahoro. Iyaba narayibajije icyo gukora nkategereza ko insubiza, mba narabaye amahoro masa. Iteka ujye ugerageza kubona ibintu urugero nk'ibihe biruhije, ibigeragezo, no kugeragezwa gukarishye nk'uko Imana na Yo ibibona. Uko Yo ibibona, Imana iravuga ko ari byo byiza kuri twe. Nuko rero, mu kwizera, emera ibyo Imana ivuga kuko Imana itabasha kubeshya.
>
> > ***Urugero mu bigaragara***: Curika igitabo wongere ugicurukūre kiri ku meza cyangwa ugifate mu kiganza cyawe ku buryo gihagarara kigasa n'aho ari ikinyampande-eshatu cyangwa se umusozi. Noneho reba icyo gitabo nk'ureba umusozi maze utekereze ko utwara imodoka uzamuka uruhande rumwe rw'uwo musozi, udashobora kureba ikiri mu rundi ruhande rw'umusozi. Ibwire ko Imana ihagaze hejuru y'umusozi ireba mu mpande zose z'uwo musozi. Ni nde ureba ibintu neza—ni twe cyangwa Imana?
> >
> > - Ikintu kimwe kiza cyabaye kubw'imibereho mibi mu buzima bwacu ni uko iyo mibereho yatugejeje kure mu maboko ya Yesu, Umwami wacu udukunda kandi n'Umukiza.

- Imirongo tumaze gusoma muri iki gice itwereka ko hari uruhererekane rukubiye m'ugukura mu buryo bw'umwuka. **Nta byiringiro byo kugera ku ntego yo gukura mu buryo bw'umwuka utanyuze mu bigeragezo, amagorwa, ibihe birushya, no kugeragezwa bikomeye—no kwiga kubyitwaramo uburyo butunganye**.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 125 5/16/2011 12:29:25 PM

- Dukwiriye kwiga *"kwihanganira imibabaro, nk'uko bikwiriye umusirikare mwiza wa Kristo Yesu"* (2 Timoteyo 2:3).
- Nidukomeza guhanga amaso kuri Yesu tukamwiringira, intege nke zacu zishobora guhinduka imbaraga—*"…Ubuntu bwanjye buraguhagije; kuko aho intege nke ziri, ari ho imbaraga zanjye zūzura…"* (2 Abakorinto 12:9). Kenshi mu buzima bw'Umukristo, iyo umuntu yagendanye n'Imana kumara igihe cy'imyaka myinshi, tubona imbaraga ntitumenye neza ko bihe byashije izo mbaraga ze zari intege nke mu buzima bw'uwo muntu. Ariko, yeguriye ubuzima bwe kuyoborwa n'Imana buri munsi maze akabaho ayoborwa na Yo, Imana yasimbuje imbaraga ahari intege nke ze.
- Rimwe na rimwe dushobora gutangazwa n'impamvu ituma ukwihangana bigaragara ko ari ikintu kinini ku Mana bene aka kageni. Birashoboka ko byaba ari ingenzi kubera ko uko dutegerezanya Imana kwihangana, Yo n'abantu bareba ibyiringiro byacu tuyifitemo no kwizera kwacu gushyizwe mu bikorwa?
- Biradukomeye gusobanukirwa ukuntu Yesu atagombaga kugira icyo yiga kubera ko we nk'Imana yari azi byose, ariko nk'umuntu, *"Yigishijwe kumvira kubw'imibabaro yihanganiye"* (Abaheburayo 5:8). Bityo, tuzi ko imibabaro ishobora kudufasha kwiga kumvira Imana.
- Imana ntijya igira uwo yoshya.
- Koshywa si icyaha, ariko ukwemera ibyo woshywa ni icyaha.

***Dukwiriye kwiga kubona ibintu nk'uko Imana ibibona (rebera ubuzima mu ruhande Imana ibureberamo), usobanukiwe ko Imana izi byose. Mu ruhande Imana iboneramo tubona ko:***

**Satani ADUSHUKIRA kuturimbura**. Ubu ni uburyo bwa Satani bwo gushotōra Imana. Ntabwo agenzwa no kutubabaza; agenzwa no kuturimbura.

**Imana yemera IBIGERAGEZO mu buzima bwacu kudukomeza**. Imana ishaka kubaka kamere y'ubumana muri twe kugira ngo mu buryo bw'umwuka dukure tugere ku kigero gishyitse, twiteguye icyo ari cyo cyose, dushikamye kandi tutanyeganyezwa mu byiringiro no mu kwizera.

**Imana yemera ko DUPIMWA kugira ngo itwereke aho tugeze ugeresheje igipimo cyayo**. Ni ikihe gipimo Abakristo bageresha intambwe zo gukura mu buryo bw'umwuka kwabo? Ijambo ry'Imana mu buryo bwanditse ni Bibiliya, kandi mu mubiri ni Yesu. Muri ubwo buryo bwombi ni Ijambo ry'Imana



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 126 5/16/2011 12:29:25 PM

kandi ni cyo gipimo cyonyine twageresha ubuzima bwacu. Nuko rero, iyo mpimwe, ni bwo nshobora kubona uko ntera intambwe, mbona niba ibitekerezo byanjye, amatwara yanjye, n'ibikorwa byanjye byumvira amahame yigishwa mu Ijambo ry'Imana, ni ukuvuga Bibiliya, cyangwa niba nkurikiza urugero Yesu yaduhaye ubwo yabaga hano ku isi, akadusigira icyitegererezo cy'ukubaho ubuzima bwa Gikristo.

***Ingero eshatu zikurikira zitwereka ukuntu Imana ikoresha ibihe bidukomereye, ibigeragezo, no kugeragezwa k'uburyo buteye ubwoba mu buzima bwacu kubw'inyungu zacu:***

1. ***Imibereho ikandamiza***—Hariho umubavu ukorwa mu guhondagura indabyo. Uko izo ndabyo zihondagurwa, impumuro nziza ni ko itama.

    ***Mu buzima***—Iyo Umukristo anyuze mu mibereho imukandamiza ariko agakomeza guhanga amaso ye kuri Yesu kandi agakomeza kwiringira Imana, impumuro nziza iratama, iyo izamukira gushimisha Imana kandi igakwira hose kugira ngo iheshe umuntu umugisha (2 Abakorinto 2:14-16).

    - Kenshi dutekereza ko tutazashobora guhagarara mu kindi gihe cy'iyi mibereho idukandamiza, ariko wibuke: *"Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi, ariko, Uwiteka amukiza [adukiza] muri byose"* (Zaburi 34:19).

    - Mu kureba kw'Imana, ibona iyi mibereho idukandamiza nk'uburyo bwo gukura mu mwuka kwacu no kumuhesha ikuzo.

    - Ibuka ko mu mibereho ikandamiza:

        - Intego ya Satani ari ukuturimbura.

        - Intego y'Imana iyo ibyemereye ni ukutugeza ku kigero cy'abakuze kugira ngo dushobore kuyihesha ikuzo.

2. ***Imibereho ivunanye***—Ibuye ry'agaciro ryitwa diyama ritangira rimeze nk'ikara, ariko iyo rikandakanzwe bikomeye kumara imyaka, rihinduka diyama inogeye ijisho.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 127 5/16/2011 12:29:25 PM

***Mu buzima***—Kenshi imvune ziba nyinshi mu buzima bwacu bituma dutangara niba tuzashobora guhagarara mu kindi gihe nka cyo, ariko ibuka: *"...ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye"* (Abaroma 8:28). Bityo, nta kibasha gukora ku buzima bwacu uretse Imana icyemereye, kandi iyo yemeye ko tugira imvune, ireba mu buryo bwayo inzira iyo mvune yatuzanira ibyiza nuko yayihesha [Imana] ikuzo.

    - Tuzi yuko Yesu ari *"...umucyo w'isi"* (Yohana 9:5) kandi umucyo wa diyama uva werekera impande zose. Bityo rero, iyo Imana itwemereye kunyura mu mibereho ituvuna, iduha uburyo bwo guhindurwa ngo duse na yo. Maze, mbese nka diyama, dushobora kugaragaza umucyo wayo kuri buri wese duhuye.

- Wibuke ko mu mibereho ituvuna:

    - Intego ya Satani ari ukuturimbura.

    - Intego y'Imana iyo ibyemereye ni ukutugeza ku kigero cy'abakuze kugira ngo dushobore kuyihesha ikuzo.

3. ***"Kunyura mu" mibereho imeze nk' "umuriro"***—Ifeza itunganijwe ituruka mu ifeza idatunganye yashyizwe mu muriro ushyushye cyane no kuyengeshwa, hanyuma noneho inkamba, imyanda yose, bigakurwamo.

    ***Mu buzima***—Icyaha mu buzima bwacu ni nk'inkamba mu ifeza. Bityo, Imana itwemerera kunyura mu mibereho twakwita nko "kunyura mu muriro" kugira ngo tumenye icyaha cyacu, imyanda, dukeneye kwatura tukareka.

    ***Umuriro w'umucuzi***
    —Umwanditsi ntazwi

    Mu gihe cyashize, abategarugori bakeya bahuriye mu mugi umwe kugira ngo basome ibyanditswe babiganireho. Ubwo basomaga igice cya gatatu mu gitabo cya Malaki, babona ahantu habateye amashyushyu mu murongo wa gatatu waho: *"Azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaramo inkamba."*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 128 5/16/2011 12:29:25 PM

Umutegarugori umwe agira igitekerezo ko hashaka gusobanura ukwezwa kuzanwa n'ubuntu bwa Kristo. Maze yiyemeza gusura umucuzi w'ifeza hanyuma akazanira iryo tsinda raporo y'ibyo umucuzi w'ifeza yavuze kuri iyo ngingo. Yahereyeko aragenda, ntiyamubwira impamvu y'urugendo rwe, ahubwo aramwinginga kugira ngo amenye ukuntu batunganya ifeza, nawe abimurondorera byose uko bikorwa.

Uwo mutegarugori aramubaza ati, "Ariko mutware, uricara igihe umurimo wo gutunganya ifeza ukorwa?"

"Umucuzi w'ifeza amusubiza akomeje cyane, ati "Yego rwose, **ngomba kwicara amaso yanjye nkayahanga mu itanura, kuko igihe gikwiriye cyo kuyitunganya kirenzeho na gato, ifeza yaherako ikangirika."**

Uwo mutegarugori yahereye ko abona igikundiro ndetse no guhumurizwa kuri muri iyi mvugo, ngo "*Azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaramo inkamba."* Kristo abona ko ari ikintu gikenewe gushyira abana be mu itanura; ijisho rye ntirihuga, arihanga ku murimo wo gutunganya, maze ubwenge bwe n'urukundo rwe bigakoreshwa ku bwabo. Ibigeragezo byabo ntibazaho nk'impanuka, kuko *"n'imisatsi yo ku mitwe yanyu irabazwe yose."*

Ubwo uwo mutegarugori yasohokaga mu iduka, umucuzi w'ifeza aramuhamagara amugarura, maze amubwira ko afite ikindi cyo kongera ku byo yari yamubwiye. **Yamenyaga ko ifeza yamaze gutunganywa rwose ari uko areba ishusho ye iboneranira mu ifeza.** Mbega urugero rwiza rufite igikundiro! Ubwo Kristo azabona ishusho ye mu bantu be, umurimo we wo kubatunganya uzaherako usojwe.

- Tu *"geragerezwa…mu ruganda rw'imibabaro" ku bwe (Yesaya 48:10-11). Ni "dutumbira Yesu wenyine"* (Abaheburayo 12:2) igihe tunyura mu muriro, *"Tuzahora turushaho guhindurwa (mu mwuka) ngo duse na we…"* (Abafilipi 3:10 AMP).



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 129 5/16/2011 12:29:25 PM

- Wibuke ko iyo tumaze “Kunyura mu” mibereho imeze nk’ “umuriro”:
    - Intego ya Satani ari ukuturimbura.
    - Intego y’Imana yo kuyitunyuzamo ni ukutugeza ku kigero cy’abakuze kugira ngo dushobore kuyihesha ikuzo.

***Ibuka***—Imana ntishaka gusa kuduha uburyo bwo gukura binyuze mu nzira yo kugeragezwa kwacu n’ibihe byacu byo gupimwa, ahubwo iranadukunda kandi ishaka kutugaragariza urukundo rwayo. Iyo **ubwenge** bwacu **bwose bwazindutse** tukamutakira dufite ukwizera, azadusanganira, aturishe uwo muyaga w’ishuheri, maze atuyobore.

> *Barazamukaga, bakajya mu ijuru, bagasubira bakamanuka bakajya ikuzimu: imitima yabo ikayagishwa n’umubabaro. Bakazunga mugunga, bakadandabirana nk’umusinzi, **ubwenge bwabo bwose bukazinduka**. Maze batakira Uwiteka bari mu byago, abakiza imibabaro yabo. Aturisha uwo muyaga w’ishuheri, umuraba uratuza. Maze bishimishwa n’uko utuje. Kandi abajyana mu mwaro bashakaga. Abo bashimire Uwiteka kugira neza kwe, n’imirimo itangaza yakoreye abantu!”* (Zaburi 107:26-31)

***Igikenewe***—Reka ibishuko, ibigeragezo, ibihe byose byo gupimwa, n’ibindi bihe biruhije byose by’ubuzima *birusheho kudusunikira mu maboko y’Imana*. Iragukunda, kandi ni iyo kwizerwa.

11. Nimusubire muri **Gahunda yo Gufata Ibyanditswe mu Mutwe** (Urupapuro 236).

    ***Subiramo ibi:*** N’ukora iyo gahunda, iyo gahunda izakora.

    - Gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu mutwe. Gutekereza kuri uwo murongo bituma ujya mu mutima, kandi iyo uri mu mitima yacu, dushobora kuwukoresha mu buzima bwacu.

12. Nimusubiremo **Igitabo (Register) cyo Cyandikwamo Imirongo Ifashwe mu Mutwe** (Urupapuro 238).

    - Abigishwa bamaze gufata mu mutwe umurongo bakavuga irangamurongo, umurongo ubwawo, irangamurongo inshuro



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 130 5/16/2011 12:29:25 PM

30, babwire bandike itariki z'uwo munsi ku Rupapuro 238, muri kolone yiswe "Itariki Wafatiye mu Mutwe."

13. Nibashyire iyi mirongo ikurikira mu gatabo kabugenewe (verse card) (Urupapuro 235):
    - **1 Petero 5:7**
    - **Abafilipi 4:19**

    ***Subiramo ibi:***

    - Reba mu gafuka gafashe ku gifuniko cy'iki gitabo mu ruhande rw'imbere, maze uvanemo agapapuro katanditsweho ka buri murongo ushaka gufata mu mutwe muri iki cyumweru.

    - Numara gufata umurongo mu mutwe kandi ukavuga irangamurongo ryawo, n'uko umurongo uvuga, mu mutwe, ukawuvuga inshuro 30, andikaho itariki uwufatiyeho mu mutwe ku ruhande rw'agapapuro rwanditsweho irangamurongo.

    *Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

14. Nimuganire kuri **Gahunda yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi—mu Kwezi kwa Gatatu** (Urupapuro 50). Shishikariza abigishwa gutangira ino gahunda ejo mu gitondo.

    ***Ibisobanuro:***

    - Iki ni igikoresho tuzashishikariza abigishwa gukoresha kugira ngo basome Bibiliya yose rimwe mu mwaka kumara iminsi y'ubuzima bwabo yose.

    *Kwiyemeza gusoma Ijambo ry'Imana ryose rimwe mu mwaka no gutekereza ku byo twasomye bidufasha kumenya Imana***.**

15. Shishikariza abigishwa, ubahugurire kubwira Imana urukundo bayikunda byibuze inshuro eshatu buri saha, igihe badasinziriye, kumara iki cyumweru: *"Uwiteka, ndagukunda, ni wowe mbaraga zanjye"* (Zaburi 18:1).

    ***Ibisobanuro:***

    - Iyo tuvuze tuti, "Mwami, ndagukunda," tuba dusenga isengesho ryo kuramya Imana.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 131 5/16/2011 12:29:26 PM

- Turashaka kubiba ukugaragariza Imana uko tuyikunda kumara umunsi wose kandi buri munsi. Iki gikorwa ni igice cy'ingenzi, kimwe mu ihame rya Bibiliya rihindura ubuzima—tuziga iby'iri hame mu isomo ry'icyumweru gitaha.

16. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

17. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 255-256).

    ***Soma uranguruye mu isomo**:* Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 253, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    - ***Bahugurire kuba abizerwa imbere y'Imana no guhura na yo buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.***

18. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 132 5/16/2011 12:29:26 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n’Ingingo z’Umwanditsi.......................Isomo rya 10

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw’ **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 278).

   ***Imurika:*** Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z’Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12.

3. Soma **“Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye”** (Urupapuro 9). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y’igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk’ isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

   1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
   2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by’Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** ku giti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.
   3. **Gutekereza ku** kuri gufite imbaraga kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura **kugira ngo duse na Yesu**.

4. Saba umwe mu bigishwa kubwira abandi **Ingingo z’Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Urupapuro 21-24), hanyuma Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, kandi Asenge akoresha amagambo ari muri izo ngingo nk’isengesho rye ubwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 133 5/16/2011 12:29:26 PM

***Subiramo ibi:***

- Tugomba kujya mu materaniro yo gusenga twiringiye ko Imana ivugana natwe. Iyo ivuze, tugomba kuba twiteguye kwandika icyo ivuze. Iyo tucyanditse, ubwo dushobora kubika izo ngingo kugeza ubwo tuzabona uburyo bwo gutekereza kuri uko kuri. Iyo dutekereje (Twibwira, Dushushanya, kandi Dusenga Imana dukoresha uko kuri nk'isengesho ryacu bwite), twimura ukuri tukakuvana mu mitwe yacu tukakujyana mu mitima yacu aho kwishakira inzira yo kujya mu bikorwa.

*Iyo dutuje kugira ngo dutekereze ku ngingo twandika duteze Imana amatwi ngo ivugane natwe mu nyigisho, bidufasha kuyimenya.*

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 258).

***Ibisobanuro:***

- Ifashishe ikibazo cya 5 kiri ku Rupapuro 258 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu amwigisha.
    - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

6. Babaze niba impapuro zigisha ngo **Wirinde...Wirinde…Wirinde…** (Urupapuro 25-27) zarabafashije. Kuki?

***Incamake ya Wirinde…Wirinde…Wirinde:***

- Imibabaro igomba kuboneka mu mibereho ya Gikristo. Ni ikintu gisanzwe (1 Petero 4:12).
    - ***Imvugo***—Ari mu myaka mirongwirindwi, Reverand Don J. Milam yabajijwe, ati "Iyaba ikindi gihe cy'ubuzima bwawe ngo ubeho, ni iki wagasabye Imana kuguha?" Arasubiza,

        > Nasaba Imana ***gukuba kabiri amakuba nanyuzemo*** kuko ari muri ibyo bihe biruhije by'ubuzima *narushijeho kujya imuhengeri mu maboko y'Imana*. Ni muri ibyo bihe nasobanukiwe ko
        >
        > - Imana yonyine ari yo impagije ku byo nkeneye.
        > - Nta kintu kibasha kuntandukanya n'urukundo rw'Imana.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 134 5/16/2011 12:29:26 PM

- Nta kintu kibasha kumvuvunura mu kuboko kwayo.
- Habanza kuza umusaraba noneho hakabona kuza ikamba.
- Habanza kuza umurima noneho hakabona kuza bwiza bwa Pantekote.
- Habanza kuza uburibwe bwinshi noneho hakaza ibyishimo by'agahebuzo.

Ubwo bamwe babeshwaho n'uburyo butanu bw'imikorere y'umubiri—ibyo bareba, bafata, bumvisha amatwi, baryoherwa ku rurimi, banukirwa/bahumurirwa—twebweho tubeshwaho no kwizera. Kandi kugeragezwa ko kwizera kurusha agaciro ukw'izahabu igeragereshejwe umuriro kubw'ukuntu itwihishurira muri iyi mibereho.

Ni kubw'uku kwizera, kugeragerezwa mu muriro, tugira ibyiringiro mu Mana ko iyo ivuganiye natwe muri Bibiliya, twizera kandi tugakora.

- Muri ibi bice tubonamo ukuntu Imana yo ibona ibigeragezo, ibirushya, amakuba, n'ibihe bikomeye mu buzima bwacu. Ibibona nk'amahirwe yo gukura mu buryo bw'umwuka no kugera ku kigero gishyitse kwacu. Kandi niba dushaka guhirwa mu buzima bwacu bwa Gikristo, tugomba gukuza amatwara atunganye kandi tukabona ibi bintu nk'Imana na Yo ibibona atari uko twebwe tubibona.
- Imirongo tumaze gusoma muri iki gice itwereka ko hari uruhererekane rukubiye m'ugukura mu buryo bw'umwuka. Nta byiringiro byo kugera ku ntego yo gukura mu buryo bw'umwuka utanyuze mu bigeragezo, amagorwa, ibihe birushya, no kugeragezwa bikomeye—no kwiga kubyitwaramo uburyo butunganye.
- Dukwiriye kwiga *"kwihanganira imibabaro, nk'uko bikwiriye umusirikare mwiza wa Kristo Yesu"* (2 Timoteyo 2:3).
- Nidukomeza guhanga amaso kuri Yesu tukamwiringira, intege nke zacu zishobora guhinduka imbaraga—*"…Ubuntu bwanjye buraguhagije; kuko aho intege nke ziri, ari ho imbaraga zanjye zūzura…"* (2 Abakorinto 12:9). Kenshi mu buzima



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 135 5/16/2011 12:29:26 PM

bw'Umukristo, iyo umuntu yagendanye n'Imana kumara igihe cy'imyaka myinshi, tubona imbaraga ntitumenye neza ko bihe byashije izo mbaraga ze zari intege nke mu buzima bw'uwo muntu. Ariko, yeguriye ubuzima bwe kuyoborwa n'Imana buri munsi maze akabaho ayoborwa na Yo, Imana yasimbuje imbaraga ahari intege nke ze.

- Rimwe na rimwe dushobora gutangazwa n'impamvu ituma ukwihangana bigaragara ko ari ikintu kinini ku Mana bene aka kageni. Birashoboka ko byaba ari ingenzi kubera ko uko dutegerezanya Imana kwihangana, Yo n'abantu bareba ibyiringiro byacu tuyifitemo no kwizera kwacu gushyizwe mu bikorwa?
- Birakomereye gusobanukirwa ukuntu Yesu atagombaga kugira icyo yiga kubera ko we nk'Imana yari azi byose, ariko nk'umuntu, *"Yigishijwe kumvira kubw'imibabaro yihanganiye"* (Abaheburayo 5:8). Bityo, tuzi ko imibabaro ishobora kudufasha kwiga kumvira Imana.
- Imana ntijya igira uwo yoshya.
- Koshywa si icyaha, ariko ukwemera ibyo woshywa ni icyaha.

7. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Kwiyuzuzamo Urukundo Rwinshi** (Urupapuro 148-154). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga**.**

***Urupapuro 148:***

- Itegereze uko **Yesu Kristo ari hagati** muri uru ruziga, rushushanya ubuzima bwa buri muntu. Yesu agomba kuba ishingiro ry'ubuzima bwacu ibintu bindi mu buzima bizengurukaho. Iyo bimeze bityo mu buzima bwacu, urukundo rwacu ruzamuka ku Mana mu gusenga, rugasohoka rujya kuri bagenzi baci bizera mu buryo bw'amateraniro, no ku bazimiye mu buryo bwo guhamya Yesu.

***Urupapuro 149:***

- Itegereze interuro ya mbere y'igika cya mbere kuri uru rupapuro: "Mbyihitiyemo ubwanjye nemereye Umwuka Wera kurema imbere muri jyewe ikintu kitagakozwe neza mu buryo buboneye keretse gikozwe n' Umwuka Wera nyine, kandi icyo



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 136 5/16/2011 12:29:26 PM

kintu nta kindi, ni urukundo."

- **"Mbyihitiyemo ubwanjye" muri iki gika bisobanuye ko nk'igikorwa kivuye mu bushake bwawe, ugomba guhitamo niba kwemerera Umwuka Wera kubyara urukundo rw'ukuri muri wowe, cyangwa niba utamwemerera.** Ibi byabaho gusa igihe ugengwa n'Imana mu kubaho kwawe. Bityo, bivuye mu gushaka kwawe umunsi ku munsi ugomba guhitamo kwegurira ubuzima bwawe kuyoborwa n'Imana, nuko ukamwemerera kuba umuyobozi mu buzima bwawe uwo munsi. Nibwo urukundo rwe ubwe ruzavukira kandi rukagaragarira muri wowe.

## Kuki ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana? (Urupapuro 149, igice II.A-Urupapuro 154)

***Urupapuro 152:*** Na we aramusubiza, ati *"Ukundishe Uwiteka, Imana yawe, umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose"* (Matayo 22:37).

- Ni buryo ki werekana uko ukundisha Imana umutima wawe wose? Hari uburyo bwinshi bwo kwerekana uru rukundo rurerure cyane ukunda Imana, kandi ibihe byinshi rugaragarira mu gutanga icyo wari wishingikirijeho.

  ***Inkuru #1:*** Twabonye gutanga nk' igitambo mu urusengero rwacu. Ubwo urusengero rwacu rwashyaga, Imana yakoreye mu mitima ya bantu bacu gutanga ibyongeye ku rwubaka nk' igitambo.

  ***Inkuru #2:*** Muri Romaniya, twabonye urugero rukora ku Mutima rwo gukunda Imana n'umutima wose. Hari ku cyumweru mugitondo imvura igwa, pasitoro na bantu nka mirongo itandatu bateranira gusenga no gutanga ituro bari bamaze ibyumweru byinshi basengera. Bageragezaga kubaka urusengero mur' icyo gihe byari bikomereye ababyeyi kugurira abana amakaramu ni ibitabo batangira amashuri. Mwiteraniro ririmo abantu babakene, batanga hafi $3000 akokanya, impeta enye zo bashyingiranwa, ni icyuma bakoresha kureba kure(binoculars), ni imodoka imwe. Iyimodoka yari imaze imyaka ibiri yatanzwe na Pasitoro n' umugore we. Twabonye abantu batanga birenze ibyo bashobora mubihe byo kugeragezwa bikomeye n' ubukene bwinshi.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 137 5/16/2011 12:29:26 PM

8. Gabanya iryo tsinda mo babiri babiri (abahungu ku bahungu n'abakobwa ku bakobwa). Bwira buri umwe abwire abandi hanyuma yibwire, abishushanye mu bitekerezo, asenge akoresha ibyo nk'isengesho rye bwite ibi bikurikira naho mugenzi we amutege amatwi:

    a. **Imirongo yafashwe mu mutwe** icyumweru gishize.

        - 1 Petero 5:7
        - Abafilipi 4:19

    b. **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) zakozwe icyumweru gishize.

        - Itsinda turigabanyamo babiri babiri kugira ngo buri wese abone amahirwe yo kubumbura umunwa avuge ingingo imwe cyangwa ebyiri yanditse asoma Bibiliya, avuge n'imirongo yafashe mu mutwe iki cyumweru gishize, hanyuma atekereze, ashushanye mu bitekerezo, anasenge Imana iyo mirongo n' Ingingo Yanditse mu Isoma Bibiliya Rye rya Buri Munsi nk'isengesho rye ubwe.
        - Hugurira abigishwa kuba ibisonga bikoresha iki gihe neza kandi be kugira ikindi bavugaho muri uyu mwanya. Uyu ni umwanya wo gushyira mu bikorwa no gukura mu byerekeye ugutekereza ku Ijambo ry'Imana.

9. Garura abigishwa mu mu itsinda rinini maze bandike imirongo ikurikira ku dupapuro twandikwaho imirongo (Urupapuro 235):

    - **Imigani 3:5-6**
    - **1 Yohana 1:9**

    ***Subiramo ibi:***

    - Reba mu gafuka gafashe ku gifuniko cy'iki gitabo mu ruhande rw'imbere, maze uvanemo agapapuro katanditsweho ka buri murongo ushaka gufata mu mutwe muri iki cyumweru.

    ***Ikintu k'ingenzi:***

    - Ni ingenzi cyane kwandika ino mirongo ku dupapuro twandikwaho imirongo ukiri mu isomo. Abigishwa bashobora kudutahana bakatumarana icyumweru cyose maze badukoreshe bategereje, bafashe akaruhuko, n'ikindi gihe bafite umwanya bafate imirongo mu mutwe. N'utabikora



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 138 5/16/2011 12:29:26 PM

igihe cy'isomo, Satani azashyira ibisitaza byinshi imbere y'abigishwa, atume gufata imirongo mu mutwe mbere yuko mwongera guhura bibakomerera.

- Ibuka ko gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu bwenge bwacu. Naho gutekereza cyane kuri wo bituma ujya mu mitima yacu. Bityo, dufata imirongo mu mutwe iminsi mike ya mbere y'icyumweru kugira ngo dusigaze iminsi ihagije mu cyumweru yo gutekerezamo iyo mirongo mbere yuko mwongera guhura. Ni kuki dutekereza ku byanditswe? Ni uko dushaka ko Imana ikoresha iyo mirongo mu buzima bwacu kugira ngo iduhindurire gusa na Yo.

*Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

10. Nimusome/Muganire ku kuri kutari kumwe gusangwa aha: **Ihame ryo Gusimbūza** (Urupapuro 28-29). Hugurira abigishwa gushyira mu bikorwa iri hame bagaragariza Imana urukundo bayikunda inshuro eshatu buri saha yose bari maso muri iki cyumweru bavuga bati, "Mwami Imana, ndagunda" rwose (Zaburi 18:1).

    ***Ibisobanuro:*** Ku bantu benshi Ihame ryo Gusimbūza ryababereye ihame rifite imbaraga, rihindura ubuzima ryabafashije gutsinda Satani mu rugamba rw'ibitekerezo, amatwara, n'ibikorwa.

    - Shimangira **igisobanuro cy'iri jambo ihame** haruguru ku Rupapuro 28—**Ihame ni ukuri duhabwa n' Imana ngo rihinduke umusingi cyangwa impamvu yabyutsa imitekerereze n' ibikorwa byo kwizera**.
        - **Ni ingenzi kubera ko uburyo bukoreshwa bwo burahindagurika, kenshi ariko amahame ntiyigera ahinduka. Aya mahame, igihe abonywe mu Ijambo ry'Imana, akakīrwa, kandi agakoreshwa mu buzima bwacu, akoreshwa n'Umwuka Wera guhindura ibitekerezo, amatwara, n'ibikorwa byacu.**
            - Imwe mu nyungu zo gushingira ubuzima bwacu ku mahame ya Bibiliya ni ukuntu ihame rimwe rishobora gukoreshwa mu mibereho itandukanye.
        - Dukwiriye gusobanukirwa ko iri ari ihame ryo gutera, atari iryo kwihagararaho. Mu mukino uwo ari wo wose, umukinnyi ku giti cye cyangwa ikipe y'abakinnyi ni rimwe na rimwe bakwegukana intsinzi niba umukinnyi



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 139 5/16/2011 12:29:26 PM

cyangwa abakinnyi bahora bakina bihagararaho.

- **Kenshi twebwe nk'Abakristo turatsindwa kubera ko duhora dukina kwirwanaho nyamara tugatera rimwe na rimwe cyangwa ntitwigere dutera.**

  ***Ingero:*** Kenshi turategereza kugeza ubwo Satani adutereye agerageza kumenya neza uko turi bugenze. Satani aratera, ubwo twebwe tubaye abihagararaho nyine.

- Iryo **Hame ryo Gusīmbuza** rishobora guhindura n'ingoga uko tubaheyeho ubuzima bwacu. Rizatwereka uko tubaho ubuzima bwacu dutera, tutihagararaho.

  ***Inkuru:*** Namaze imyaka myinshi, ntsindwa n'ibigeragezo nahuraga nabyo kuko nahangaga amaso ibigeragezo hanyuma ngasaba Imana kumfasha ngo ntabyiyegurira. Hari umwaka nagambiriye gusoma Bibiliya yose, Imana ivuganira nanjye mu Abafiripi 4:8 kandi inyereka ko ngiye kugwa mu mutego wa Satana. Nihagaragaho nka subiza nabi. Satana ntaba yarongeye kwishima ukundi.

  - Mbere y'uko ikigeragezo kiza, nagombye kuba narumviye Umwami Yesu ubwo yavugaga ati *"Ibi abe ari byo mwibwira."*

    - Ni ibihe bintu nakabaye ntekerezaho?

      - *"Iby'**ukuri** byose,"*
      - *"ibyo **kūbahwa** byose,"*
      - *"ibyo **gukiranuka** byose,"*
      - *"**Ibiboneye** byose,"*
      - *"iby'**igikundiro** byose,"*
      - *"**ibishimwa** byose,"*
      - Iby'***ingeso nziza***, n'iby'
      - ***Ishimwe***.

    - Ni kuki nkwiriye gushyira mu bikorwa iri hame kugira ngo *"ntekereze kuri ibi bintu"*?

    - Iri hame, kimwe n'andi mahame yose *"ari mu Ijambo ry'Imana, riva ku Mana ubwayo ritu-*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 140 5/16/2011 12:29:26 PM

*zaho."*

        - Iri hame, kimwe n'andi mahame yose "ari mu Ijambo ry'Imana, ni iry' umuntu ku giti cye rivuye ku Mana."

        - *"Kuko, uko atekereza mu mutima we, ari ko ari…"* (Imigani 23:7). Uyu murongo wigisha ko **tumera nk'ibyo gutekereza kwacu kuri**. Bityo, dukwiriye gutekereza ku byo dushaka kuba byo.

    - Ubwo natekerezaga kuri uyu murongo, nasobanukiwe neza ko ibi ari ibisobanuro bya Yesu rwose. Hari abantu n'ibintu bikwiriye gushimwa kuko hari ubwo bigaragaza izi ngeso, ariko nta na kimwe gikwiriye gushimwa nka Yesu, we Jambo rizima kandi rihoraho (Yohana 1:1). Yesu ni we kuri mu buryo bw'umubiri. Ni ukuvuga ngo, mu buryo bugaragara ni we gukiranuka, ni we kubonera, ni we gikundiro, ni we gushimwa. Ni we ngeso nziza zambaye umubiri, kandi akwiriye ishimwe rwose mu buryo budasubirwaho, nta wundi bahwanije.

- Mu bikorwa, ni buryo ki uku kuri—*"ntekereze kuri ibi bintu"* gusangwa mu Bafilipi 4:8—kwanzaniye itandukaniro mu buzima bwanjye?
    - Naratangiye nuzuza iminsi yanjye mo kugaragariza Imana urukundo mu bikorwa no mu mvugo. Aya ni amasengesho yo kuramya.

        - Kumara umunsi wose n'iminsi yose, natangiye kubwira Imana urukundo nyikunda mu kuririmba, nti "Mwami Mana, ndagukunda rwose," cyangwa nti, "Mwami, ndagukunda kubera ko uri *uwera* (cyangwa *ukiranuka*, cyangwa *ukuri*, cyangwa *urukundo*, cyangwa *uwo kwizerwa*)."

    - Natangiye kuzuza iminsi yanjye mo gushima Imana kubwo ibyo yakoze byose n'ibyo inkorera n'ibyo ikorera abandi.

    - Ntangira kuzuza iminsi yanjye mo guhimbaza Imana kubw'imbabazi zayo n'ubuntu bwayo.

        - Uko natangiraga gukora ibi bintu mu buzima



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 141 5/16/2011 12:29:26 PM

bwanjye, natangiye gusobanukiwa ko:

- Narushagaho kumenya urukundo nkunda Imana.
- Narushagaho kumenya ko Imana iri kumwe nanjye.
- Narushagaho kumenya ineza y'Imana, imbabazi zayo, n'ubuntu bwayo mu buzima bwanjye.

***Ibisobanuro:*** Igihe Imana yavuganaga nanjye ikoresheje Abafilipi 4:8, twakoreraga leta ku masezerano, dusimbuza mu gusana ikibuga cy'indege. Twakoreshaga icyuma kinini kigendera ku ihame ryo gucengezwa no gusimbura. Umutwe w'iki cyuma winjizwaga mu itafari rya sima kandi, kubera ko ntaho cyari gifite cyakwinjirira muri sima, sima yasimburwaga n'umutwe w'icyuma muri sima.

***Mu buzima:*** Ugukoresha iki gikoresho kwampaye igishushanyo cy'uko Imana ishaka ko dukoresha ihame ryo mu Bafilipi 4:8 mu buzima bwacu. **Tugomba kugenga ibyo dutekerezaho twiyinjizamo kandi tukiyuzuzamo Ijambo ry'Imana n'urukundo, amashimwe, no guhimbaza Imana, ni bwo ibindi bintu byose bizasimburwa**.

- Nitwiyumvamo ko dushukwa, tugomba guherako duhanga amaso kuri Yesu (Abaheburayo 12:2). Tera umwanzi. Iyinjizemo kandi wiyuzuzemo ibitekerezo bivuye mu rukundo, amashimwe, no guhimbaza Imana.
    - Urabyumva nyine, ntitugomba gutegereza ko dushukwa kugira ngo tubone gukoresha iri hame ryo gusimbuza. Dukoresha iri hame buri munsi, noneho igishuko cyaza, tukanesha kuko twakurikije umugambi w'igisubizo cy'Imana.
        - Ni dukoresha iri hame, tuzabona ko tukimara gushukwa, dutumbīra Yesu bityo tukisanga dukorera mu rukundo, amashimwe, no guhimbaza Imana.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 142 5/16/2011 12:29:26 PM

- Satani ntashobora kwinjiza ibitekerezo bibi cyangwa amatwara mabi mu mutima wacu niba asanze twuzuwemo n'Ijambo ry'Imana, urukundo, amashimwe, no guhimbaza Imana.

- Haba hari aho uhora ugera ukumva urahatsindiwe? Koresha iri hame intsinzi izaba iyawe.

***Isezerano:*** Iri hame rizana n'isezerano ku bantu barikoresha bose, kandi iri sezerano ni iri *"Imana y'amahoro izabana namwe rwose"* (Abafilipi 4).

- *"Ugushikamishijeho umutima, uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye"* (Yesaya 26:3).
  - Uburyo twashobora guhoza imitima yacu (tuyegamishije kandi igundiriye ) ku Mana ni ubu: *"Mutekereze kuri ibi bintu."*

- Niba dushaka kunesha Satani mu rugamba rw'ibitekerezo, amatwara, n'ibikorwa, tugomba gukoresha iri hame.

- **Umuntu ushyira iri hame mu bikorwa wese ahabwa UKUNESHA n'AMAHORO**.

11. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

12. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 259-260).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 263, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    ***Bahugurire abigishwa bawe*** guhura n'Imana buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.

    ***...Mana, ni wowe Mana yanjye; nzagushakashakana umwete kare mu gitondo…*** (Zaburi 63:1). (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible*, "Hebrew and Chaldee Dictionary," Urupapuro 114, nimero 7836)



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 143 5/16/2011 12:29:26 PM

13. Sozanya isengesho.

***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yabasanze namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 144 5/16/2011 12:29:26 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n’Ingingo z’Umwanditsi ........................ Isomo rya 11

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw’ **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 282).

   ***Imurika**:* Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z’Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12. Kandi wowe nk’umuyobozi wabo bigufasha kumenya niba abigishwa bawe:

   - Bakora neza umurimo bagomba gukora bari bonyine kandi bagendera muri iyo mibereho, cyangwa
   - Bakeneye ko ubahwitura.

3. Soma “Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye” (Urupapuro 9). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y’igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk’ isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

   1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
   2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by’Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** ku giti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.
   3. **Gutekereza ku kuri gufite** imbaraga kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagush-



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 145 5/16/2011 12:29:26 PM

yira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura kugira ngo duse na Yesu**.

4. Saba umwe mu bigishwa kubwira abandi **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Urupapuro 21-24), hanyuma Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, kandi Asenge akoresha amagambo ari muri izo ngingo nk'isengesho rye ubwe.

    *Iyo dutuje kugira ngo dutekereze ku ngingo twandika duteze Imana amatwi ngo ivugane natwe mu nyigisho, bidufasha kuyimenya.*

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 260).

    ***Ibisobanuro:***

    - Ifashishe ikibazo cya 6 kiri ku Rupapuro 260 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.

        - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Kwiyuzuzamo Urukundo Rwinshi** (Urupapuro 155-164). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

    **Kuki ngomba kwiyuzuzamo gukunda Abakristo bagenzi banjye?** (Urupapuro 155-159)

    ***Urupapuro 155:***

    - Imana yaduhaye iri bwiriza: *"Mukomeze gukundana urukundo rwa kivandimwe—ntimureke rucogora"* (Abafilipi 13:1).

        ***Inkuru:*** Gukunda bene Data n'ikintu twabonye muri Romania mu buryo bwinshi, ariko inkuru intangaza ni inkuru y'umusore w'umwe injeniyeri, wirukanywe ku kazi kuko yarafite Bibiliya ku meza. Mur'icyo gihe buri wese yakoreraga Leta, n'ukuvuga ko iyo wirukanwaga kukazi, nti



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 146 5/16/2011 12:29:26 PM

wongeraga kubona akandi. Leta yarakugenzuraga yabona udakora, ugashyirwa muburoko. Ni muri ubu buryo, Leta yabonye urwaho rwo kurenganya abizera: Birukanaga umukristo kukazi, barangiza bakamushyira muburoko kuko adakora, kandi bakavuga bati ari mu buroko kuberako adakora. Uyu mwenjeniyeri muto, yarafite umuryango kandi yari umunyamwete m'urusengero rwabo iBucharest. Buri munsi ku mara imyaka icyenda, abizera bo murusengero ba muzaniraga ibyokurya bagasangira nawe n' umuryango we. Nti byababaga bihagije kuko muri icyo gihe hari bike kuri buri wese. Buri munsi ya bikaga gusa ibihagije umuryango we agatanga ibisaga ku bandi ba bikeneye. Uyu mwenjeniyeri yaje kuba Pasitoro wiri teraniro none ubu numwe muba pasitoro bubashywe muri Romania. **Urukundo rwaba benedata rwarakomeje umunsi ku wundi. Wari umwitozo udakuka kandi ntiwigeze ubananira.**

## **Kuki ngomba kwiyuzuzamo gukunda abazimiye?** (Urupapuro 160-164)

***Urupapuro 160:***

- Imana yaratubwiye iti, *"Udakunda, ntazi Imana, kuko Imana ari urukundo"* (1 Yohana 4:8).
    - Nitudakunda abazimiye urukundo rutuma tubabwira ubutumwa bwiza, Imana ivuga ko ubwo tutayizi.

        ***Inkuru:*** Dufite abamisiyoneri b'inshuti mu burayi bw' iburasirazuba. Zimwe munshingano zabo nukugera ku mashuli yose yo mu burayi bw'iburasirazuba kandi bagakwirakwiza igitabo cyuzuye ibyanditswe kuri buri mwana. Iki gitabo kivuga ku buzima bwa Kristo kigasaba ugisoma kwakira Kristo nk'Umwami n'umukiza w' ubugingo bwe. Ku ishuri rimwe izo nshuti zacu ziha umwana w' umuhungu icyo gitabo hanyuma yo kugisoma, ahinduka umukristo.Yari afite inshuti yari imaze iminsi myinshi itiga kubera uburwayi bukomeye, yashakaga ko inshuti ye nayo igisoma ikaba umukristo. Atwara icyo gitabo ngo agishyire inshuti ye ariko nti yashobora kuyibona kuko yari irwaye. Asigira icyo gitabo ababyeyi b'inshuti ye abasaba ngo bazakimusomere. Ababyeyi buwo muhungu urwaye nawe ubwe ntibari abakristo,



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 147 5/16/2011 12:29:26 PM

ariko uko bakimusomeraga n' ijwi ryo hejuru, bose barakizwa. Iminsi mike ishize uwo mwana arapfa bamuhambana icyo gitabo cye mu biganza. Ababyeyi be batangira kubwira inkurunziza za yesu inshuti n'abaturanyi, kandi mugihe cy'amezi make abantu ijana b'inshuti n'abaturanyi bari bamaze kwizera kristo.

- Uburyo buruta ubundi bwose twakwereka abazimiye urukundo ni ukubabwira Yesu.

7. Gabanya iryo tsinda mo babiri babiri (abahungu ku bahungu n'abakobwa ku bakobwa). Bwira buri umwe abwire abandi hanyuma yibwire, abishushanye mu bitekerezo, asenge akoresha ibyo nk'isengesho rye bwite ibi bikurikira naho mugenzi we amutege amatwi:
   a. **Imirongo yafashwe mu mutwe** icyumweru gishize:
      - Imigani 3:5-6 • 1 Yohana 1:9

   b. **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) zakozwe icyumweru gishize.
      - Itsinda turigabanyamo babiri babiri kugira ngo buri wese abone amahirwe yo kubumbura umunwa avuge ingingo imwe cyangwa ebyiri yanditse asoma Bibiliya, avuge n'imirongo yafashe mu mutwe iki cyumweru gishize, hanyuma atekereze, ashushanye mu bitekerezo, anasenge Imana iyo mirongo n'Ingingo Yanditse mu Isoma Bibiliya Rye rya Buri Munsi nk'isengesho rye ubwe.

      - Hugurira abigishwa kuba ibisonga bikoresha iki gihe neza kandi be kugira ikindi bavugaho muri uyu mwanya. Uyu ni umwanya wo gushyira mu bikorwa no gukura mu byerekeye ugutekereza ku Ijambo ry'Imana.

8. Garura abigishwa mu mu itsinda rinini maze bandike imirongo ikurikira ku dupapuro twandikwaho imirongo (Urupapuro 235):
   - **Abaroma 3:23 • Abaroma 6:23 • Yohana 3:16**

   ***Subiramo ibi:***

   - Reba mu gafuka kometse ku gifuniko cy'iki gitabo mu ruhande rw'imbere, maze uvanemo agapapuro katanditsweho ka



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 148 5/16/2011 12:29:26 PM

buri murongo ushaka gufata mu mutwe muri iki cyumweru.

- Iri hame, kimwe n'andi mahame yose "ari mu Ijambo ry'Imana, ni iry' umuntu ku giti cye rivuye ku Mana.

***Ikintu k'ingenzi:***

- Ni ingenzi cyane kwandika ino mirongo ku dupapuro twandikwaho imirongo ukiri mu isomo. Abigishwa bashobora kudutahana bakatumarana icyumweru cyose maze badukoreshe bategereje, bafashe akaruhuko, n'ikindi gihe bafite umwanya bafate imirongo mu mutwe. N'utabikora igihe cy'isomo, Satani azashyira ibisitaza byinshi imbere y'abigishwa, atume gufata imirongo mu mutwe mbere yuko mwongera guhura bibakomerera.

- Ibuka ko gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu bwenge bwacu. Naho gutekereza cyane kuri wo bituma ujya mu mitima yacu. Bityo, dufata imirongo mu mutwe iminsi mike ya mbere y'icyumweru kugira ngo dusigaze iminsi ihagije mu cyumweru yo gutekerezamo iyo mirongo mbere yuko mwongera guhura. Ni kuki dutekereza ku byanditswe? Ni uko dushaka ko Imana ikoresha iyo mirongo mu buzima bwacu kugira ngo iduhindurire gusa na Yo.

*Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

9. Nimusome/muganire kandi mutekereze cyane ku kuri kutari **kumwe dusanga aha** … Amaraso ku Biganza Byacu? (Urupapuro 37-43) Ibutsa abigishwa kongera kwiga uku kuri kenshi kandi bagutekerezeho, basenga

***Ibisobanuro:***

- "… Amaraso ku Biganza Byacu?"
    - Bidukangurira:
        - Kuvuga Yesu tweruye mu biganiro byacu bya buri munsi.
        - Guhamagarira abandi kwakīra Yesu nk'Umwami n'Umukiza wabo.
- Ahari, bizaba urwibutso rwacu ruhoraho rw'ukuntu guhamya ari ingenzi kandi byihutirwa.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 149 5/16/2011 12:29:26 PM

- Biduha ibisubizo bimwe by'ibibazo bikomeye, urugero:
    - Kuki ari ikintu kihutirwa kubwira abantu ubutumwa bwe?
    - Ubutumwa bwe ni ubuhe?
    - Ese ni bande ntumwa Ze?
    - Ni ubuhe buryo akoresha?
    - Inshingano yacu ni iyihe, kandi inshingano y'Umwuka Wera ni iyihe?
    - Ni iki kidutera umwete?
    - Ni buryo ki dushobora kurushaho kugira umumaro mu ukuvuga ubutumwa bwe?
- Harangizanya Inshingano Ivuga-butumwa rya buri munsi.
- ***Inkuru:*** Nari muri Afrika ndi kumwe na data bukwe tuzamara iminsi mirongo itatu mu butumwa bwiza. Twabonye ibintu byinshi, ariko kimwe ntazibagirwa n'inkuru y'umwana w'umukobwa twasanze mu bitaro avuye mwishyamba. Mbere yuko tuzindukira iki gihugu, uyu mukobwa yagiye kuvoma ku mugezi amazi yo kunywa nibwo ingona imufashe ukuguru itangira kumukurura imujyana mu mazi hagati. Ntibyari ibidasanzwe kuko inshuro nyinshi abantu batwarwaga n'ingona, ariko iyinkuru yagize iherezo ridasanzwe. Nyirasenge yumvise ataka kandi abona ibyariho biba. Akokanya yirukira kumugezi akurura umwana amukura mu kanwa k'ingona amuzana ku nkombe amahoro. Abantu bo muri icyo cyaro ntibaribazi icyo bakora. Bagerageje gushyira umuti wica udukoko ku bikomere by'uyumukobwa, ahubwo bikarushaho kuba bibi. Umwe mu bari aho amushyira ku igare amujyana mu bitaro byatwaye amasaha menshi kugerayo. Muganga yashoboye kuvura ukugurukwe, kandi igihe uyu mwana w'umukobwa yari mubitaro, abavugabutumwa ba muyoboye kuri Kristo bamwigisha kudoda igihe atangiye gukira. Sinzi amaherezo yiy'inkuru, ariko icyonzi nuko ya gombaga gusubira iwabo mucyaro aho ariwe mukristo wenyine ufite ubushobozi bwo kwigisha abandi kudoda akana babwira ibya yesu.
    - Byajyaga kuba byoroheye nyirasenge kwihagararira ku nkombe y'umugezi hamwe n'abandi bakareba uko bongeye kubura indi nshuti cyangwa umuvandimwe azize ingona, ariko ntiyigeze yemera ko ibi biba. Ya gombaga gutsinda ubwoba bwe, ariko urukundo rwe,



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 150 5/16/2011 12:29:26 PM

impuhwe, no kwita kuri uyu mukobwa byarutaga ubwoba bwe. Ndakeka ko uyu munsi mu cyaro cya hantu muri Zimbabwe, hari abantu benshi bazi Yesu kandi bazi kudoda—kuko nyirasenge yabyitayeho bihagije kugira icyo akora igihe abandi bose batajyaga kubikora.

***Urupapuro 38, igice III:***

- Ibyakozwe 1:8 mu gika cya kabiri haravuga ngo, *"...muzaba abagabo bo kumpamya..."*
    - Mu mategeko ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika inzagihe …*za*... isobanuye "nta makenga."

***Urupapuro 39:***

- Imvugo ngo "inshingano yacu" iri ku Rupapuro 39, igice V. B iratunga urutoke buri Mukristo wese.
- Kubyitaho ni kimwe mu ntego zacu z'ibanze (reba igice VI. B). Yesu aravuga muri Yohana 10:10, *"Nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi cyane* [bwuzuye hatabuzeho na gato]."

***Inkuru:*** Nshobora kuba nari mfite imyaka nka makumyabiri nibwo umutegarugore, ufite nk'imyaka mirongo irindwi, yansanze k'urusengero ansaba ko na musurira umuntu w'umugabo. Anyihanangiriza ambwira ko bari baturanye mu mujyi yakuriyemo ariko ko yari umunyabuntu buke, umunyabyaha mubi yaba yar'igeze kumenya m'ubuzima. None yari mu buzima bubi kandi Imana yari yatumye atekereza cyane kumibereho ye mu Mwuka. Yari afite impungenge ko ashobora gupfa atakiriye Kristo akazabaho iteka ryose atandukanye n'Imana. Ndamubwira nti nshobora kugenda nka vugana nawe.

Nyuma gato yibyo, nagiye ku musura munzu yari ishaje yari yarahinduwe urugo bafashiriza abantu bakuze cyane badafite ababitaho. Muri iyo minsi ingo nkizi zabaga zidasukuye, n'umuhumuro wazo ari mubi cyane. Ninjira munzu mbaza aho ari. Abakozi banjyana inyuma y'inzu, ku urubaraza bari barafunze ngo bakore ikindi icyumba.

Abantu bafashaga uyu mugabo ntibashakaga ku mwegera kuko yari akiri umunyabugugu n'umugome, ariko nicara hasi ntangira kuvugana nawe. Ako kanya ikiganiro cyacu ngihindurira kuri Yesu. Nyuma yo kuvugana akanya, muganiriza kuri Yohana 10:10 mubwira ko Yesu yaje



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 151 5/16/2011 12:29:26 PM

agapfira k' umusaraba kubw' ibyaha byacu kugirango tubone ubugingo. Hanyuma ndamubwira nti, bityo rero, kugeza ubwo umuntu ashyize kwizera kwe muri Yesu, abatariho; abagenda ariko yarapfuye.

Umugabo areba hasi, amarira atembera ku matama ye. Hanyuma andeba mu maso aravuga ati, "none njye no kugenda singenda" aho niho namenyeye ko atakibasha kugenda. Mubwira ukuntu yakwakira kubabarira kw' Imana, agakiza, na Yesu nk'umwami n'umukiza we.

Yemera asaba Imana kumubabarira yakira yesu mu mutima we. Nasubiyeyo ku musura inshuro nyinshi nsanga ar'umuntu mushya. Imana yari yamuhaye kamere nshya, abamwitagaho bambwiye ko hari impinduka muriwe.

- Buri wese akwiriye amahirwe yo kumenya Yesu— n'umunyabugugu kurusha abandi n'abagome kurusha abandi tuzi. Niba ibyo ari ukuri, bite by' inshuti zacu, abavandimwe, n'abaturanyi?

***Urupapuro 43:***

- Mbere y'uko ubabwira Inshingano Ivuga-butumwa rya Buri Munsi, ushobora gukenera kubabwira inkuru ikurikira:

  ***Inkuru:*** Imyaka ishize twaganirijwe n'umuvugabutumwa atubwira ibintu yabonye akiri muri seminari yitwa New Orleans Seminary. Yari atwaye imodoka avuye kubwiriza mugiterane cy'ububyutse kandi rwari urugendo rurerure gusubira iwabo. Byari mwi ijoro hagati, kandi yararushye. Ari hafi kwambukiranya ikiraro kirekire cyitwa Pontchartrain kiri hafi ya New Orleans, ako kanya abona umugabo ariko akiri kure, ahagaze hagati mu muhanda, asakuza azunguza amaboko hejuru. Uyu munyeshuri yari arushye hanyuma aratekereza ko namugeraho ari bunyure kuruhande yikomereze ariko yahindura umurongo yagenderagamo umugabo akahajya, asakuza azunguza amaboko. Nyuma, uyu munyeshuri aza kugera hafi abona umugabo uzunguza ishati ye mukirere agerageza ku muhagarika. Bityo arahagarara , asohoka mu modoka ye, hanyuma asanga uwo mugabo ngo amenye ikibaye. Umugabo yari yahahamutse. Amubwira ko igice kikiraro cyaciwe n'ubwato bunini bwanyuragaho, kandi bisi(BUS) yararimo yamaze kugwa mumazi. Kandi benshi mu bari muriyo bapfuye ariko we yashoboye kurokoka arurira asubira ku muhanda kugirango abuze abantu batwaye imodoka ngo



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 152 5/16/2011 12:29:26 PM

nabo badapfa. Uyu muvugabutumwa yara tubwiye ati, “ Nara muhobeye ndamushimira nti urakoze—ndongera nda mushimira.” Ijoro risigaye ryose yafashije uwo mugabo guhagarara mu muhanda hagati, basakuza bati “HAGARARA, HAGARARA,HAGARARA bitari ibyo urapfa.”

- Iyo tuza kuba turi mu mwanya wuriya mugabo waruvuye muri bisi twari gukora iki?
- Ntibigaragara nki bidasanzwe rimwe na rimwe iyo twita cyane kubuzima busanzwe bw’abantu tukita gake ku bugingo bwabo?
- “Imana, iduhe urukundo rwo gukunda ubugingo.”

10. Shishikariza abigishwa, ubahugurire kubwira Imana urukundo bayikunda byibuze inshuro eshatu buri saha, igihe badasinziriye, kumara iki cyumweru: *“Uwiteka, ndagukunda, ni wowe mbaraga zanjye”* (Zaburi 18:1).

    ***Ibisobanuro:***

    - Iyo tuvuze tuti, “Mwami, ndagukunda,” tuba dusenga isengesho ryo kuramya Imana.
    - Turashaka kubiba ukugaragariza Imana uko tuyikunda kumara umunsi wose kandi buri munsi. Iyi ni inzira imwe yo gushyira mu bikorwa rya Hame ryo Gusimbuza.
    - Turashaka gukomeza kubikora kugeza ubwo bihindutse ibisanzwe, igice cya kamere yacu.

11. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n’ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n’ibihe byose barimo.

12. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 261-262).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 261, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    - ***Bahugurire kuba abizerwa imbere y’Imana no guhura na yo buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.***



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 153 5/16/2011 12:29:26 PM

13. Sozanya isengesho.

***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 154 5/16/2011 12:29:26 PM

## Leader's Guide With Author's Notes.......................................Isomo rya 12

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 283).

   ***Imurika:*** Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

   1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
   2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by'Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** ku giti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.
   3. **Gutekereza ku kuri gufite** imbaraga kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura kugira ngo duse na Yesu**.

4. Saba umwe mu bigishwa kubwira abandi **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Urupapuro 21-24), hanyuma Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, kandi Asenge akoresha amagambo ari muri izo ngingo nk'isengesho rye ubwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 155 5/16/2011 12:29:27 PM

*Iyo dutuje kugira ngo dutekereze ku ngingo twandika duteze Imana amatwi no ivugane natwe mu nyigisho, bidufasha kuyimenya.*

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 262).

   ***Ibisobanuro:***

   - Ifashishe ikibazo cya 4, 5 n' icya 6 biri ku Rupapuro 262 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
     - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana ibigisha.

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Kwiyuzuzamo Urukundo Rwinshi** (Urupapuro 165-170). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

   **Ni buryo ki nakwiyuzuzamo gukunda Imana?** (Urupapuro 165-170)

   ***Impapuro 166-167, agace c:*** Birashoboka ko izi ari zo mpapuro z'ingenzi mu gitabo cyagenewe umwigishwa. Izo nyigisho zirakomeye ku buryo zongera kugaragara mu nyigisho y'icyumweru gitaha iri ku Mpapuro 172-173, agace c. Ni iki kigira izi mpapuro ingenzi?

   - **Ni ingenzi kubera ko iyi mirongo itwigisha akavūro ko kwiyegurira ukuyoborwa n'Umwuka Wera no kumusaba kuba umutware mu buzima bwacu umunsi ku munsi—ibyo ni byo mfunguzo zo kubaho uri Umukristo uhora utsinda.** Igihe yari mu mubiri hano ku isi:
     - Yesu ntiyigeze akora icyaha, rero igihe ari umuyobozi w'ubuzima bwacu, natwe ni uko, ntituzacumura.
     - Yesu yahoraga afata icyemezo gitunganye igihe cyose, rero igihe ari umuyobozi w'ubuzima bwacu, natwe ni uko, tuzahora dufata ibyemezo bitunganye.
     - Yesu yarangije umurimo kandi asohoza umugambi Se yamutumye gukora. Igihe cyose ari umuyobozi w'ubuzima



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 156 5/16/2011 12:29:27 PM

bwacu, natwe ni uko bizatumerera.

    - Mu buzima bwe, Yesu yitwaye mu kibazo cyose n'ahantu hose nk'uko Se yabishakaga. Igihe ari umuyobozi w'ubuzima bwacu, natwe ni uko.

    - Yesu yagaragaje imbuto y'Umwuka Wera—urukundo, ibyishimo, amahoro, ukwihangana, kugira neza, ingeso nziza, gukiranuka, ubugwaneza, no kwirinda. Igihe ari umuyobozi w'ubuzima bwacu, natwe ni uko.

- **Ni twiga imyitozo yo mu mwuka yose ariko ntitumenye ukuyoborwa n'Umwuka Wera, nta kindi tuzaba cyo uretse abanyamategeko.**
- Reka turebe neza twitonze ibiri ku Rupapuro 166-167, agace c:

    - Ijambo *kwiyegurira* mu gika cya mbere ku murongo wa 2 w' Urupapuro 166, agace c, rikomoka mu gitabo cy'Abaroma 6:13, havuga ngo, *"…mwitange, mwihe Imana…"* Ubundi buryo bwo guhindura buvuga buti, *"…ishyire mu biganza by'Imana…"* Ubundi buryo bwo guhindura buti, *"…mwiyegamize ku Mana, mutegekwe na Yo…"*

    - Yohana 15:4 hadushimangirira ibintu byinshi:

        - Interuro *"mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe"* ni nko kugira urugo muri Yesu nk'uko nawe yagize urwe  muri twe. Muri yo ibumbatiye igitekerezo cyo gusangira ubuzima na we no kuruhukira no kugirana na we ubumwe buhamye.

        - Igice gisigaye cy'uwo murongo, *"Nkuko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha nimutaguma muri jye,"* ni umubūro kuri twe ko dukwiriye kuguma mu bumwe na we.Tugomba kugira umwete guhera ko twatura icyaha ko guha Yesu ubuzima bwacu kugira ngo ibuyobore niba dushaka kwerera Imana imbuto.

        - Igihamya ko *tuguma muri Yesu* ni ukumwumvira kwacu ni Umwuka yaduhaye.

            ***Kandi uwitondera** amategeko yayo aguma muri yo na yo ikaguma muri we, kandi ikitumenyesha ko iguma muri twe ni Umwuka yaduhaye"* (1



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 157 5/16/2011 12:29:27 PM

Yohana 3:24).

- Abafilipi 2:13 (AMP) hashimangira ko:
    - Tutagerageza gukora umurimo w'Imana mu mbaraga zacu. Nidukora dutyo, tuzananirwa.
    - Iyo tuyoborwa n'Imana:
        - Imana ikorera muri twe, bityo:
            - Idutera imbaraga.
            - Ituremamo gushobora no gukunda:
                - Gushaka kuyikorera.
                - Gukora ibyo yishimira, biyinyura, kandi biyinezeza.
            - Nitutagira ukwifuza gukorera Imana cyangwa kuyishimisha, gukora ibiyinyura, n'ibiyinezeza, tuba twihamije ko ubuzima bwacu butagengwa na yo.
- Abagalatiya 5:22-25 (LIV) harashimangira:
    - Imirongo 22-23—Nta gushidikanya ko *"...**iyo** Umwuka Wera ari we ugenga ubuzima bwacu **azatubyaramo izi mbuto**":*
        - Urukundo, ibyishimo, amahoro, , kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, gukiranuka, kugwa neza, no kwirinda.
            - Iyi ni imbuto y'Umwuka Wera, kandi **Umwuka Wera wenyine ni we ushobora kuyikora muri twe mu buryo butunganye**.
            - Iyo twizejwe bidasubirwaho ko iyo Umwuka Wera ari atuyoboye, azazana iyi mbuto muri twe.
                - Iyo abandi babonye iyi mbuto muri twe, birumvikana ko Umwuka Wera, noneho tukaba tumwemereye kuba umuyobozi.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 158 5/16/2011 12:29:27 PM

        - Iyo atari We uyobora ubuzima bwacu, nta mbuto nyakuri y'Umwuka Wera.


- Umurongo wa 24—*"Aba Kristo Yesu babambanye, n'iruba n'iraru byayo."*

    - Ni buryo ki tubamba kamere n'irari ryayo ku musaraba We?

        - Iyo tweguriye Imana kugenga imitima yacu n'intebe ya cyami mu mitima yacu, tuba tubambye kamere yacu ya kera ikora ibyaha kuko mu mutima wacu harimo imyanya ibiri yonyine—intebe ya cyami n'umusaraba wa Yesu. Iyo kamere yacu ya kera ikora ibyaha itari ku ntebe ya cyami, igomba kuba ku musaraba is not on the throne, it must be on the cross.

***Urugero mu bigaragara:***

***Ikiza*** ***Ikibi***




**UW= Umwuka Wera**
**KYK= Kamere Yacu ya Kera**

- Umurongo wa 25—"Niba tubeshwaho n'imbaraga z'Umwuka, tujye tuyoborwa n'Umwuka mu buzima bwacu bwose."

    - Ni inshingano yacu ni iyi:

        - Kwiyegurira kugengwa n'Umwuka Wera.

        - Kuguma muri uko kugengwa n'Umwuka Wera.

        - Gukora uko dushobora tukegurira ubuzima



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 159 5/16/2011 12:29:27 PM

bwacu bwose Umwuka Wera kandi ntitugire na kimwe twisigira kitagengwa na we:

- Nta twumba tw' ubwiherero twanditsweho ngo "Kirigenga" cyangwa "Ntiwinjiremo."

- Kutwemerera kuduha agaciro k'umwihariko ngo tugengwe n'Umwuka Wera ni ikimenyetso gikomeye cy'urukundo rw'Imana, imbabazi zayo, n'ubuntu itugirira.
- **Isengesho ryacu rigomba kuba iri ngo** "Mwami, ndajya aho ushaka ko njya hose, nkore icyo ushaka ko nkora cyose; icyo nshaka gukora ni iki gusa, ni ukugendera mu bushake bwawe rwagati maze nkuheshe umunezero, icyubahiro, n'ikuzo—wowe ungenge."

- Kimwe mu bintu bigaragaza ko dukunda Imana ni uko *"...amategeko yayo atarushya"* (1 Yohana 5:3).

7. Gabanya iryo tsinda mo babiri babiri (abahungu ku bahungu n'abakobwa ku bakobwa). Bwira buri umwe abwire abandi hanyuma yibwire, abishushanye mu bitekerezo, asenge akoresha ibyo nk'isengesho rye bwite ibi bikurikira naho mugenzi we amutege amatwi:

   a. **Imirongo yafashwe mu mutwe** icyumweru gishize:

      - **Abaroma 3:23**
      - **Abaroma 6:23**
      - **Yohana 3:16**

   b. **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) zakozwe icyumweru gishize.

      - Hugurira abigishwa kuba ibisonga bikoresha iki gihe neza kandi be kugira ikindi bavugaho muri uyu mwanya. Uyu ni umwanya wo gushyira mu bikorwa no gukura mu byerekeye ugutekereza ku Ijambo ry'Imana.

8. Garura abigishwa mu mu itsinda rinini maze bandike imirongo ikurikira ku dupapuro twandikwaho imirongo (Urupapuro 235):

   - **Yohana 1:12** • •
   - **Abefeso 2:8-9**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 160 5/16/2011 12:29:27 PM

***Subiramo ibi:***

- Reba mu gafuka kometse ku gifuniko cy'iki gitabo mu ruhande rw'imbere, maze uvanemo agapapuro katanditsweho ka buri murongo ushaka gufata mu mutwe muri iki cyumweru.

***Ikintu k'ingenzi:***

- Ni ingenzi cyane kwandika ino mirongo ku dupapuro twandikwaho imirongo ukiri mu isomo. Abigishwa bashobora kudutahana bakatumarana icyumweru cyose maze badukoreshe bategereje, bafashe akaruhuko, n'ikindi gihe bafite umwanya bafate imirongo mu mutwe. N'utabikora igihe cy'isomo, Satani azashyira ibisitaza byinshi imbere y'abigishwa, atume gufata imirongo mu mutwe mbere yuko mwongera guhura bibakomerera.

- Ibuka ko gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu bwenge bwacu. Naho gutekereza cyane kuri wo bituma ujya mu mitima yacu. Bityo, dufata imirongo mu mutwe iminsi micye ya mbere y'icyumweru kugira ngo dusigaze iminsi ihagije mu cyumweru yo gutekerezamo iyo mirongo mbere yuko mwongera guhura. Ni kuki dutekereza ku byanditswe? Ni uko dushaka ko Imana ikoresha iyo mirongo mu buzima bwacu kugira ngo iduhindurire gusa na Yo.

*Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

9. Shishikariza abigishwa, ubahugurire kubwira Imana urukundo bayikunda byibuze inshuro eshatu buri saha, igihe badasinziriye, kumara iki cyumweru: *"Uwiteka, ndagukunda, ni wowe mbaraga zanjye"* (Zaburi 18:1).

***Ibisobanuro:***

- Iyo tuvuze tuti, "Mwami, ndagukunda," tuba dusenga isengesho ryo kuramya Imana.

- Turashaka kubiba ukugaragariza Imana uko tuyikunda kumara umunsi wose kandi buri munsi. Iyi ni inzira imwe yo gushyira mu bikorwa rya Hame ryo Gusimbuza.

- Turashaka gukomeza kubikora kugeza ubwo bihindutse ibisanzwe, igice cya kamere yacu.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 161 5/16/2011 12:29:27 PM

10. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

11. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 263-264).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 263, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    ***Bahugurire abigishwa*** bawe guhura n'Imana buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.

    > ***...Mana, ni wowe Mana yanjye; nzagushakashakana umwete kare mu gitondo...*** (Zaburi 63:1). (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible,* "Hebrew and Chaldee Dictionary," Urupapuro 114, nimero 7836)

12. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:***Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yabasanze namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 162 5/16/2011 12:29:27 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n'Ingingo z'Umwanditsi........................Isomo rya 13

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana knees with you as you pray together and commit the time to God.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 284).

   ***Imurika**:* Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

   1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
   2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by'Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** ku giti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.
   3. **Gutekereza ku kuri gufite** imbaraga kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura kugira ngo duse na Yesu**.

4. Saba umwe mu bigishwa kubwira abandi **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Urupapuro 21-24), hanyuma Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, kandi



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 163 5/16/2011 12:29:27 PM

Asenge akoresha amagambo ari muri izo ngingo nk'isengesho rye ubwe.

***Subiramo ibi:***

- Tugomba kujya mu materaniro yo gusenga twiringiye ko Imana ivugana natwe. Iyo ivuze, tugomba kuba twiteguye kwandika icyo ivuze. Iyo tucyanditse, ubwo dushobora kubika izo ngingo kugeza ubwo tuzabona uburyo bwo gutekereza kuri uko kuri. Iyo dutekereje (Twibwira, Dushushanya, kandi Dusenga Imana dukoresha uko kuri nk'isengesho ryacu bwite), twimura ukuri tukakuvana mu mitwe yacu tukakujyana mu mitima yacu aho kwishakira inzira yo kujya mu bikorwa.

*Iyo dutuje kugira ngo dutekereze ku ngingo twandika duteze Imana amatwi ngo ivugane natwe mu nyigisho, bidufasha kuyimenya.*

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 264).

***Ibisobanuro:***

- Ifashishe ikibazo cya 4, 5 n' icya 6 biri ku Rupapuro 264 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
    - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Ni buryo ki nakwiyuzuzamo Ugukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n' abazimiye)?** (Urupapuro 171-178). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

***Urupapuro 171, igice B.1.a:*** Dushobora gukuza urukundo ku bazimiye tubaye tubabonye nk'uko Imana na yo ibabona mu ukuzimira kwabo.

- Ni buryo ki Imana ibona uzimiye?



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 164 5/16/2011 12:29:27 PM

- *"...mwari mudafite Kristo…mutandukanijwe n'Ubwisirayeli…mudafite Imana rurema kandi ari nta byiringiro mufite by' ibizaba* (Abefeso 2:12).
    - Twabasha dute kwima imitima yacu n'urukundo rwacu umuntu uri mu mibereho nk' iyo?

***Impapuro 172-173, agace c, 1-4:*** Reba ingingo zacu zose twanditse mu iyiga ry'icyumweru gishize ku Mpapuro 166-167, agace c.

- Ongera ushimangire zimwe mu ngingo z'ingenzi mu byizwe icyumweru gishize.
    - Kuki? Ukuri kwaganiriweho aho, ni gombwa niba ushaka kubaho ubuzima bwa Gikristo buhora bunesha.

***Urupapuro 178:***

***Andika*** kuri uru rupapuro ibi bintu bibiri ku rukundo rw'ukuri:

1. Ni ikikugaragaramo si ibyo ukora.
2. Ni uguhitamo. Ngomba guhitamo kwiyegurira ukugengwa n'Umwuka Wera nkamwemerera kundemamo urukundo.

7. Gabanyamo iryo tsinda mo babiri babiri (abahungu ku bahungu n'abakobwa ku bakobwa). Bwira buri umwe abwire abandi hanyuma yibwire, abishushanye mu bitekerezo, asenge akoresha ibyo nk'isengesho rye bwite ibi bikurikira naho mugenzi we amutege amatwi:
    a. **Imirongo yafashwe mu mutwe** icyumweru gishize:
        - Yohana 1:12 • Abefeso 2:8-9
    b. **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) zakozwe icyumweru gishize.
        - Hugurira abigishwa kuba ibisonga bikoresha iki gihe neza kandi be kugira ikindi bavugaho muri uyu mwanya. Uyu ni umwanya wo gushyira mu bikorwa no gukura mu byerekeye ugutekereza ku Ijambo ry'Imana.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 165 5/16/2011 12:29:27 PM

8. Garura abigishwa mu mu itsinda rinini maze bandike imirongo ikurikira ku dupapuro twandikwaho imirongo (Urupapuro 235):

   - **Luka 9:23** • **Abaroma 6:13** • **Yohana 15:4**

   ***Subiramo ibi:***

   - Reba mu gafuka kometse ku gifuniko cy'iki gitabo mu ruhande rw'imbere, maze uvanemo agapapuro katanditsweho ka buri murongo ushaka gufata mu mutwe muri iki cyumweru.

   ***Ikintu k'ingenzi:***

   - Ni ingenzi cyane kwandika ino mirongo ku dupapuro twandikwaho imirongo ukiri mu isomo. Abigishwa bashobora kudutahana bakatumarana icyumweru cyose maze badukoreshe bategereje, bafashe akaruhuko, n'ikindi gihe bafite umwanya bafate imirongo mu mutwe.
   - Ibuka ko gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu bwenge bwacu. Naho gutekereza cyane kuri wo bituma ujya mu mitima yacu.

   *Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

9. Ha abigishwa ikizamini cyo gusuzuma **Uko Namenya Imimerere y' Urukundo Rwanjye** (Urupapuro 30). Nibateranye amanota yabo hanyuma bayagabanye na 1.40 kugira ngo ku ijanisha igiteranyo cy'amanota baba bafite. Basabe batekereza cyane (Bazirikane, Bashushanye mu bitekerezo kandi Basenge Imana) k'ukuntu basobora kwiyongera aho basanze bafite intege nke biyegurira kuyoborwa n'Umwuka Wera umunsi ku munsi.

   ***Ibisobanuro:*** Iri ni isuzuma ribahwitura rikanabahishurira uko urukundo rwanyu rumeze.

   - Ahari, iri suzuma:
     - Rizatuma tumenya aho dufite icyo tubura mu buryo tugaragaza urukundo rw'Imana.
     - Rizatwibutsa ko igipimo cyonyine dushobora gupimiraho urukundo rwacu ari Ijambo ry'Imana—Yesu,



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 166 5/16/2011 12:29:27 PM

Ijambo rizima, na Bibiliya, Ijambo ryanditswe.

- Rizadufasha gusobanukirwa ukuntu nta bushobozi dufite mu mbaraga zacu bwo gukunda nkuko Imana ikunda, kandi tunīga ukuntu Imana ishaka kugaragariza urukundo rwayo muri twe igihe cyose twiyeguriye kuyoborwa na yo tukayemerera kuba umuyobozi mu buzima bwacu.

- Bwira buri muntu mu bigishwa afate urupapuro rwo kwandikwaho barugenze uburyo bukurikira:

| | A | B |
|---|---|---|
| 1. | | |
| 2. | | |
| 3. | | |
| 4-12 { | | |
| 13. | | |
| 14. | | |
| Igiteranyo | ______ | ______ |
| | ÷ | ÷ |
| | 1.40 | 1.40 |
| | = | = |
| | ______ % | ______ % |

- Mwe kwandika amazina ku rupapuro mukoresha, ahubwo inyuguti A ihagararire umuntu utekereza ko ukunda by'ukuri naho B ihagararire umuntu wibwira ko bigukomereye gukunda.
- Ku ruhande rw'ibumoso bw'urupapuro uhereye hejuru ukageza hasi, handike inimero 1 kugeza kuri 14.
- Ba bantu A na B bakuri mu bitekerezo, bakorereho isuzuma ku Rupapuro rwa 30, maze wisuzume wiha amanota kuva kuri 1 kugeza ku 10, 10 ni amanota avuga urukundo rwinshi cyane muri kolone ya A na B.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 167 5/16/2011 12:29:27 PM

- Teranya amanota ari muri buri kolone ugabanye igiteranyo cya buri muntu na 1.40 kugira ubone igiteranyo cya amanota ubonye ku ijanisha.
    - Ushobora kwitwaza akamashini kabara (calculator) mu isomo ukakabanyuzamo bose.
- Noneho shyira abigishwa mu kiganiro. N'ubishaka ubaze abigishwa ibibazo, urugero ibi bikurikira:
    - Ni iki cyagutangaje kuruta ibindi ubonye amanota y'isuzuma? Sobanura.
    - Imana yakweretse aho ufite intege nke ukwiriye kwikosora? Gira icyo ubitubwiraho.
    - Ubwo ihame rya Bibiliya *ar'ukuri duhabwa n'Imana ngo rihinduke urufatiro cyangwa impamvu ikomokwaho imitekerereze n'ibikorwa byo kwizera*, mu magambo yacu twasobanura dute ikibazo cya mbere nk' ihame (1 Abakorinto 13:4 LIV)?
        - Igisubizo: Urukundo rurihangana.
            - Noneho, kubwo kwizera, twakwemera dute uku ukuri kw'Imana ngo guhindure amatwara yacu mabi n'ibikorwa byacu bibi?
                1. **Kwemera uruhare ufite** ku matwara n'ibikorwa byacu bigoramye, maze twumvire Imana.
                2. **Menya neza** ko *"(Atari mu mbaraga zawe ubwawe) kuko ari Imana ikorera muri mwe—ibatera imbaraga kandi ibaremamo imbaraga no gushaka—gukunda no gukora ibyo yishimira, biyinyura kandi biyinezeza"* (Abafilipi 2:13 AMP).
                    - Yaba ari ukwera imbuto y'Umwuka Wera cyangwa gukora umurimo w'Imana, **ntitubasha kubikora** atari



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 168 5/16/2011 12:29:27 PM

Imana ibiduteye.

- **Imana ntizigera** iduteramo imbuto y'Umwuka Wera uretse igihe ari yo iyobora ubuzima bwacu (Abagalatiya 5:22 LIV).
- Ni ukuri kandi ko kenshi **Imana ntizakora** umurimo wayo itadukoresheje kubera ko yatoranije kudukoresha.
- Twaremewe muri Kristo Yesu gukora imirimo myiza (Abefeso 2:10), twahawe impano *"kugira ngo abera* [abantu b'Imana] *batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza* [kubakwa k'] *umubiri wa Kristo"* (Abefeso 4:12).
    - Bityo, **Imana yahisemo gukora umurimo wayo inyuze muri twe**.
    - Yesaya yavuze ati, *"...Numva ijwi ry'Umwami Imana riti, 'Ndatuma nde, ni nde watugendera?" Maze ndavuga nti, 'Ni jye. Ba ari jye utuma. Irambwira iti, 'Genda..."* (Yesaya 6:8-9).
        - Birashimishije kandi biteye amakenga kubona icyo **Imana yakoze kuri Yesaya ari**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 169 5/16/2011 12:29:27 PM

**ukuvuga icyo ishaka gusa, maze Yesaya yitanga ku bushake yemerera Imana gukorera icyo ishaka muri we**.

3. **Iringire Imana** ko izasohoza umurimo wayo wo kuduhindura kugeza ubwo dusa nayo.
4. **Fatanya n'Imana** binyuze mu kuyumvira, ushyira mu bikorwa imyitozo yo mu by'umwuka ituma dushobora kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana no gusenga. Iyo dukora ibi, iradutunganya kandi ikadukoresha kwihesha ikuzo.
    - Umurimo wacu ni *"Mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka"* (Yakobo 1:22).
5. **Tekereza cyane** (Zirikana, Gira Ishusho yaryo, kandi Usenge) kuri uku kuri mu mutima wawe kuko gutekereza ku kuri bijya k'ukugushyira mu bikorwa.
6. **Kwegurira** ubuzima bwacu kuyoborwa na Yesu kuko iyo atuyobora, azigaragariza muri twe, kandi ni we kuri n'urukundo.
    - Iyaba Yesu yahoraga ayobora ubuzima bwacu, amanota twakabonye muri iri suzuma yabaye 100% iteka.

- Ni buryo ki gutekereza ku ihame rya Bibiliya nimero ya 14 (mu buryo bumwe cyangwa ubundi) muri iri suzuma byadufasha? Sobanura.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 170 5/16/2011 12:29:27 PM

- Utekereza ute ko kuyoborwa n'Imana byadufasha kurushaho gukunda mu mibanire yacu? Sobanura.

- **Hugurira abigishwa kujya bisuzuma kenshi bakoresheje iki kizamini kugira ngo bamenye imimerere y'urukundo rwabo mu mibanire yabo.**

10. Baganirize kuri **Gahunda yo Gusoma Bibiliya Buri Munsi─Ukwezi kwa Kane na Nyuma Yako** (Urupapuro 50). Shishikariza abigishwa gutangirira kuri iyi gahunda ejo mu gitondo.

    ***Ibisobanuro:*** Iki ni cyo gice cya nyuma cya Gahunda ya Buri Munsi yo Gusoma Bibiliya, ibyo biduha integūro yo gusoma Bibiliya yose rimwe muri mwaka kumara igihe gisigaye cy'ubuzima bwacu.

    - Ni kuki dushimangira gusoma Bibiliya yose rimwe muri mwaka kumara igihe gisigaye cy'ubuzima bwacu?

        - **Uburyo twabona igishushanyo kigari, gisobanutse kandi kinini cy'ukuri kose Imana ishaka kutumenyeshereza muri Bibiliya ni ukuyisoma yose**. Izindi nzira zo kwakīra Ijambo ry'Imana mu bwenge bwacu, urugero gutega amatwi babwiriza Ijambo, kwiga Ijambo, no gufata Ijambo mu mutwe, muri rusange bitwerekeza ku bice bitoya gusa cyangwa ibyanditswe bimwe na bimwe umwanya umwe n'umwe. Ku rundi ruhande, gusoma Bibiliya yose rimwe muri mwaka biduha ishusho ngari dukeneye. Uburyo bune bwose butuma Ijambo ry'Imana ryinjira mu bwenge ni ingenzi kubera ko dukwiriye kureba Ijambo ry'Imana dukoresheje ikigeranyo twise mikorosikopi (gutubūra amashusho matoya) na telesikopi (kureba ibiri kure nk'aho biri hafi.

        - **Uko dusoma Bibiliya tukayinyuramo kenshi, ni ko turushaho gushikama muri uku kuri.**

        - Kenshi Imana itubwira ukuri kumwe kuri mu Ijambo ryayo, hanyuma ikakutugereranirisha kutwereka ukundi kuri kuri mu Ijambo ryayo. **Gusoma Bibiliya yose rimwe muri mwaka bituma tuboneka mu**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 171 5/16/2011 12:29:27 PM

**Nama yuzuye y'Imana kugira ngo itwerekeshe ubwenge ukuri kose dukeneye mu buzima bwacu**. Ibi bishobora kuturinda kwangiza igihe ngo duce inkera-mucyamu cyangwa dushingire ubuzima bwacu ku kuri kutaringanijwe.

- Dukwiriye gukora uko dushoboye tugasoma Bibiliya yose rimwe mu mwaka igihe cyose cy'ubuzima bwacu gisigaye. Wumve Ijambo ry'Imana ubudasiba. Iga kandi ufate Ijambo ry'Imana mu mutwe, ufite gahunda yabyo ihamye, kuko ubu ari bwo buryo twinjiza ukuri mu mitwe yacu. Noneho utekereze kuri buri uku kuri kose kugira ngo ukuvane mu mutwe ugushyire mu mutima aho Imana ikoreshereza uko kuri ikaduhindurira gusa na yo.

11. Shishikariza abigishwa, ubahugurire kubwira Imana urukundo bayikunda byibuze inshuro eshatu buri saha, igihe badasinziriye, kumara iki cyumweru: *"Uwiteka, ndagukunda, ni wowe mbaraga zanjye"* (Zaburi 18:1).
12. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.
13. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 265-266).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 265, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    - ***Bahugurire kuba abizerwa imbere y'Imana no guhura na yo buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.***
14. Sozanya isengesho.

    ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 172 5/16/2011 12:29:27 PM

## Leader's Guide With Author's Notes........................................Isomo rya 14

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Saba ko buri wese ajya ku rupapuro rw' **Igenzura** rwagenewe uyu munsi. Hanyuma **ubisuzume unashyireho akamenyetso** (Urupapuro 285).

   ***Imurika***: Gusuzuma no gushyira akamenyetso ku mpapuro z'Igenzura buri cyumweru bimenyereza abo bigishwa rya hame ryo kumurika ryigishwa mu Baroma 14:12. Biragufasha nk'umuyobozi kumenya niba abo uhindura abigishwa:

   - Bakora neza umurimo bagomba gukora bari bonyine kandi bagendera muri iyo mibereho, cyangwa
   - Bakeneye ko ubahwitura.

3. Soma **"Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye"** (Urupapuro 9). Saba ko bose babwirana umwe umwe Ishusho y'igice kimwe mu bice bigize uyu murongo hanyuma mumutege amatwi nawe Asenge Imana akoresha ayo magambo nk' isengesho rye ubwe. **Ibutsa abigishwa gukomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu** (Abaheburayo 12:2).

   ***Ndakwibutsa:*** Dusubiramo Abafilipi 3:10 (AMP) buri cyumweru kubera impamvu eshatu zikomeye:

   1. **Kugumya guhanga amaso yacu kuri Yesu**, Yesu wenyine no kutwibutsa ko **intego yacu idakuka ari ukugira ngo tumumenye**.
   2. Kutwibutsa ko **iyo myitozo yo mu by'Umwuka ubwayo atari yo kamara. Ahubwo ni uburyo gusa Imana yaduhaye kugira ngo** turusheho gushorera imizi mu **kumenya Yesu** ku giti cyacu no kuba inkoramutima ye. Nuko rero dukora iyo myitozo kugira ngo dushobore kumumenya.
   3. **Gutekereza ku kuri gufite** imbaraga kuri muri uyu murongo. Kukwīmura tukakuvana ku rupapuro, tukagushyira mu mitwe yacu, hanyuma tukagushyira mu mitima yacu uko tugutekerezaho **kugira ngo Imana ikoreshe uko kuri kuduhindura kugira ngo duse na Yesu**.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 173 5/16/2011 12:29:27 PM

4. Saba umwe mu bigishwa kubwira abandi **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Urupapuro 21-24), hanyuma Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, kandi Asenge akoresha amagambo ari muri izo ngingo nk'isengesho rye ubwe.

   *Iyo dutuje kugira ngo dutekereze ku ngingo twandika duteze Imana amatwi ngo ivugane natwe mu nyigisho, bidufasha kuyimenya.*

5. Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 266).

   ***Ibisobanuro:***

   - Ifashishe ibibazo cya 6, 7 n'icya 8 ku Rupapuro 266 guhugurira abigishwa kubwira abandi ibya Yesu n'ibintu abigisha.
     - Reka umuntu umwe mu itsinda atange ubuhamya bw'ibyabaye mu cyumweru gishize ubwo yabwiraga undi ibya Yesu cyangwa icyo Imana imwigisha.

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Ni buryo ki nakwiyuzuzamo gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n'abazimiye)?** (Urupapuro 179-186). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga.

   ***Urupapuro 179-180:***

   - Kuri izi mpapuro handitsweho amahame cumi n'ane ava mu gitabo cy' 1 Abakorinto 13 kandi atwereka uko dukwiye gukunda abandi no kubagaragariza urukundo rwacu (Abakristo bagenzi bacu n'abazimiye).
     - Twakura dute aya mahame ku rupapuro tukayashyira mu mitima yacu? Reba ingingo z'umwanditsi mu iyiga ry'icyumweru gishize.

   ***Urupapuro 180-182:***

   - Buri muntu wese muri twe afite inshingano yo kugira na ubumwe n'Abakristo bandi hamwe n'Abakristo bo mu Itorero ryacu. **Hano hari ibintu bine tugomba gukora kugira ngo tugume mu bumwe bushingiye mu rukundo:**

     1. **Guhuza**
     2. **Gufataniriza hamwe**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 174 5/16/2011 12:29:27 PM

3. **Gusangira**
4. **Ubumwe**

***Urupapuro 183, agace c) (1):***

- *"Ni we [Kristo] twamamaza tuburira umuntu wese…"* (Abakolosayi 1:28). Iyi ni imwe mu nshingano ikomeye kuruta izindi zose mu Ijambo ry'Imana ku muntu wizera Yesu by'ukuri.

    - Uno murongo utwigisha ko tugomba kuba twiteguye kubwira abaduteze amatwi bose Kristo.

        ***Inkuru #1:*** Iyi ni inkuru ivuga ku mahirwe make yo kuba utiteguye cyangwa udashaka guhamya. Igihe intambara y' isi ya kabiri yatangiraga, Newman yari umunyeshuri mu ishuri rikuru. Nyuma yimyaka myinshi yaje kutubera umushumba(pasitoro). Akiri mu ishuri rikuru, yarafite inshuti ye magara. Ibintu byose babikoreraga hamwe. Bajyaga mu ishuri bari kumwe; igihe ntacyo bakora bakaba barikumwe; bari inshuti nyakuri. Intambara itangiye ishuri ryose(class)abasore bose bajya kwinjira igisirikare ku munsi wakurikiyeho bari binjiye igisirikare. Newman n'inshuti ye barajyana, ariko baza ku batandukanya bajya gutorezwa ahantu hatandukanye; kuva ubwo, Newman ntiyongera kubonana n'inshuti ye kumara igihe kirekire.

        Newman yarwaniye iBurayi ayobowe na Jenerari Patton. Iteka yasaga nu warwanaga aho rukomeye. Hanyuma yaje kuzamurwa muntera ba mugira kapiteni(Capt) nk' umuyobozi urwanira imbere. Mu mutwe w'ingabo 100 yari ayoboye, abantu bose barapfuye uretse Newman na bandi batatu kandi uwo mutwe wari uhinduriwe inshuro eshanu, bivuze ko abasirikare 500 bari bamaze gupfa ariwe ubayoboye.

        Umunsi umwe umutwe wari uyobowe na Newman hamwe nindi mitwe ivuye muri Amerika bashakaga gufata umujyi. Newman yarahagaze ku nguni y'inyubako ubwo umusirikare w'Amerika yambukiranije ahagaragara hanyuma araswa n'umwanzi amasasu menshi. Newman abona ibibaye yiruka asanga uwo musirikare ngo arebe ko yamufasha. Uwo musirikare yari yaguye yubitse umutwe, nuko Newman aramuhindukiza. Atungurwa no kubona, ari ya nshuti ye magara biganye mu ishuri rikuru.

        Agifashe inshuti ye mu maboko, inshuti ye iramubwira iti, "mfasha! mfasha!"



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 175 5/16/2011 12:29:27 PM

“Ihangane! Imiti iri munzira iraje! Ubufasha buraje!” niko Newman yasubije. Inshuti ye iramubwira iti “Oya”ahubwo “mbwira ibya yesu.” Newman nyuma aravuga ati, “ nari umukristo ku izina, kuko ntigeze muganiriza ibya yesu, kandi sinarinzi icyo kuvuga.” Muburyo butunguranye inshuti ye magara iba imuguye mu maboko( irapfuye) iba yinjiye mubuzima bwiteka itandukanijwe na Kristo, kubera gusa ko Newman atari yiteguye kuganira amakuru meza ya Yesu.

***Inkuru #2:*** Kukinyuranyo, aha hari inkuru idasanzwe ivuga ku muntu wari witeguye kandi wemeye guhamya wa koreraga mu mutwe w’ingabo Newman yari ayoboye. Serija(Sgt) Beck yabwiye buri wese wemeraga kumva ibya Yesu, yari umuhamya w’ukuri wa Kristo. Umunsi umwe amabwiriza avuye mubuyobozi ko Newman yohereza abagenzura umutekano inyuma y’umurongo wa abanzi babo, ajya mu mazina y’umutwe w’ingabo ze hanyuma ahamagara amazina yabagomba kujya kugenzura umutekano.

Amaze guhamagara amazina, Sgt. Beck yegera Newman aramubwira ati, “nyakubahwa, nshobora kuvugana nawe nk’umukristo k’umukristo, atari nka Sgt na Capt ?”

Newman ati, “yego.”

Sgt. Beck ati, “Nyakubahwa, wa hamagaye izina ry’ umugabo utari umukristo kugirango ayobore iri tsinda rigiye kurinda umutekano, kandi urabizi ko aba bantu bari bwicwe ntibagaruke. Nuko rero uyu mugabo agiye kuzabaho iteka mu muriro (gehenomu). Najyaga mpamiriza uyu mugabo, kandi yari yegereje kwakira Kristo nk’umwami n’umukiza w’ubugingo bwe. Ndakwinginze nti wohereze uyu mugabo kujya kugenzura umutekano.”

Newman ati, “umbabarire, ariko sinakohereza umwana w’ undi mubyeyi mucyimbo cye. Serija urabizi ko dukoresha gahunda yo gusimburanya abajya kugenzura umutekano, kandi uziko iyo izina ryawe ariryo rigezweho ugomba kugenda.”

Sgt. Beck ati, “Ariko nyakubahwa, azabaho iteka muri gehenomu.”

Newman amubwira ntacyo amukinze ati,“Umbabarire, ariko nta kundi mfite nabigenza.”

Sgt. Beck aramusubiza ati, “Ufite uko wabigenza, nyakubahwa, nditanga musimbure nyobore itsinda rigiye



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 176 5/16/2011 12:29:27 PM

kurinda umutekano."

Newman asubiza Sgt Beck ati ngomba kubanza nkatekereza kuri iyo ngingo. Ntiyari yarigeze kubona umukristo umeze nka Sgt. Beck, nuko ajya inyuma yihema rye, arapfukama, abaza Imana icyo yakora. Hanyuma Newman aragaruka abwira Sgt. Beck ati ndakwemereye genda mu mwanya w'uriya mugabo.

Iryo joro barasohoka bajya kurinda umutekano. Bakigera mu mugezi hagati amazi abagera mugituza nibwo umwanzi atangiye kubarasa.

Mukanya gato, amabwiriza ava mubuyobozi yuko Newman agomba kuyobora umutwe ashinzwe agatera umwanzi.

Newman ahamagara mubuyobozi ababwira ko atatera kuko abasirikare be bamwe bagiye kurinda umutekano hagati ye n'umwanzi. Ku kicaro gikuru barasubiza bati, "si uguhitamo kwawe. Hita utera utazuyaje."

Newman yumvira itegeko, abasirikare be barwana iminsi itatu n' amajoro atatu. Kurasana kurangiye, Newman ahamagara abasirikare bari kurutonde rwe. Ahamagaye izina rya Sgt. Beck, ntihagira usubiza. Ahamagara izina rye kenshi, ariko amagambo ye agasubizwa no kutagira uwitaba.

Nyuma, umusirikare w'Umunyamerika w'ibirenge byagagaye arahaguruka yumvise hanyuma aravuga ati, "Nyakubahwa, Sgt. Beck yarashwe n'imbunda ya mudahusha(a sniper) munsi y'umusozi wa 317."

Amaze guhamagara abasirikare bose, aragenda ajya gushaka intumbi ya Sgt. Beck. Avanayo imbunda ye, arambura icyuma kiyiriho agishinga hasi, ashyiraho ingofero y'icyuma kugirango umubiri wa Sgt. Beck uzaboneke uhambwe mucyubahiro.

Nyuma Newman yaravuze ati, "Sgt. Beck niwe mukristo ushikamye wa mbere nari mpuye nawe, umugabo utari witeguye gusa n'ubushake bwo guhamya, ahubwo ari umugabo ufite ubushake bwo gutanga ubuzima bwe kugirango uwazimiye abone amahirwe yo kwakira yesu nk' umwami n'umukiza."

- Na none ku Rupapuro 183, igice cya C.2, tubona muri Matayo 28:19 aho tubwirwa ngo *"...mugende muhin-*



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 177 5/16/2011 12:29:28 PM

*dure…abigishwa…"* **Guhindura abantu abigishwa birimo ibice bitanu:**

1. **Genda**—Ntitugomba kwiyicarira turebēra ngo dutegereze ko abantu baza badusanga. Tugomba kubasanga, kandi tugomba kugenda dufite intego.

2. **Vuga Ubutumwa—Bwira abazimiye ubutumwa bwiza** *"…yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe, agahambwa akazuka ku munsi wa gatatu nk'uko byari byaranditswe na none"* (1 Abakorinto 15:3-4).

    - Hanyuma y'ibyo usobanure uko bashobora kubona imbabazi z'Imana, ubugingo buhoraho, ijuru, na Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wabo.

        - Hariho imigambi myinshi na gahunda nyinshi zifasha abantu kurushaho kuba abahamya beza ba Kristo, ni cyo gituma duhugurira buri wese kubona inyigisho nyinshi zigisha uguhamya, ariko guhamya byo ntibikomeye bityo. Ni ukubwira umuntu wundi gusa icyo uzi ku Wo uzi, ni ukuvuga Yesu. Ongera wige **"Twashobora dute kurushaho kugira umumaro mu ukuvuga ubutumwa bwe?"** (Impapuro 41-42, igice cya VII)

            - Uguhamya Yesu byumvikana nk'ingirakamaro kandi byihutirwa cyane iyo dusobanukiwe neza ko abadafite Kristo nta byiringiro bafite, *"…badafite Kristo…batandukanijwe n'abantu b'Imana…ari abashyitsi ku masezerano y'ibyasezeranijwe, ari nta byiringiro bafite by'ibizaba, ahubwo bari mu isi badafite Imana rurema"* (Gereranya: Abefeso 2:12).

        - *Imbona Nkubone n'Imana* iteguwe mu buryo butwereka kandi buhugurira abigishwa kuba abantu bahamya Kristo babifitiye umwete.

3. **Batiza**—Ni inshingano yacu kubwira abantu ba-



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 178 5/16/2011 12:29:28 PM

kimara kwizera Yesu dushimangira umumaro wo kubatizwa vuba, nk'igikorwa cyo kumvira Umwami wacu. Gucubizwa mu mazi bishushanya ugupfa, uguhambwa, no kuzuka kwa Yesu. Umubatizo utanga ubuhamya ko uyu muntu akijijwe kandi akurikira Yesu amwumvira.

4. **Toza**—Igisha kandi utoze abizera uko umuntu amenya Imana, uko arushaho gushorera imizi mu kugirana na Yo isano n'ubumwe akaba inkora-muti-ma, n'ukuntu yabona ubugingo busendereye Yesu yavuzeho muri Yohana 10:10.

5. **Gwiza**—Byara abigishwa mu mwuka, na bo bazaby-ara abandi bigishwa.

    - *Imbona Nkubone n'Imana* iteguwe mu buryo butuma iba igikoresho cy' "uruhererekane" gikoreshwa kitaruhanije nyamara cyuzuye ukuri uwizera by'ukuri wese ashobora gukoresha ahin-dura abantu abigishwa. Iki gitabo gifite umumaro mu guhindura abantu abigishwa nk'uwo abantu bamaze igihe kirekire ari Abakristo bafite.

***Urupapuro 184, igice cya 5:***

- *"...kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubaba-jije impamvu z'ibyiringiro mufite…" (*1 Petero 3:15).

    - Iyo dusobanukirwa ko yisobanura neza ubwayo, tu-menya neza ko uyu murongo udashimangira ko tugomba kwiyicarira mu mago yacu tukarebēra, dutegereje ko abantu baza badusanga kugira ngo tubabwire Yesu. Rimwe na rimwe ibi bishobora kubaho, ariko amabwiriza dufite y'Imana ni **MUGENDE MUBWIRE** (Matayo 22:9 na 28:19; Mariko 5:19; Luka 15:4-7; Yohana 15:16; n'ibindi byanditswe byinshi).

    - Icyo muri 1 Petero 3:15 batwigisha mu by'ukuri ni uko tugomba guhora twiteguye kubwira abantu impamvu z'ibyiringiro dufite. Turitanga tukagenda tugasanga abandi, mu bibazo tubaza tukagerageza gutuma abatwum-va babona aho bahera kutubaza ku byiringiro byacu, cyangwa, byibuze, bagategera amatwi ibyo tubabwira.

    ***Inkuru:*** Imyaka yahise twari dufite amateraniro



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 179 5/16/2011 12:29:28 PM

y'ububyutse y'ijoro m'urusengero rwacu ku mara icyumweru. Nagendaga nsura amago amwe namwe mbatumira ngo baze mu materaniro. Nkomanga ku rugi rumwe, Kandi nubwo ibirahure byari bikinze, ntamuntu waje kunkingurira, ndongera ndakomanga. Numva amajwi y'ibintu binyeganyega munzu, hanyuma numva umuntu avuga mwijwi risaraye, " Urashaka iki?" Mubwira n'izina ry' itorero ryacu kandi ko narinzanywe no kumusura.

Akinguye urugi, byarabonekaga ko yahoze anywa inzoga. Mvugana nawe umwanya muto hanyuma mubaza niba ashobora kujyana najye mugiterane cy'ububyutse umugoroba utaha. Aceceka umwanya muto hanyuma arambwira ati, "Sinshobora kujyayo; imyenda yanjye iranduye." Ndavuga nti "Genda uyizane," "Ndayijyana imeswe nyigarure hakiri kare kugirango ejo n'ijoro tuzajyane."

Ibi byatangaje uyu mugabo, asa naho akangutse. Aravuga ati, "Ibyo ushobora kubikora?" ndamubwira nti yego.

Bityo arakingura ati injira. Njye nawe twinjira mu cyumba cy'inyuma aho yakinguye akabati gashaje, atangira kurebamo utwenda twe dushaje. Ku ndunduro, aratubona, ndadutwara.

Uwo mugoroba tugeze murugo tuvuye mumateraniro y' ububyutse, umukozi wacu ushinzwe iby'uburezi arampamagara ambaza niba nzi umuntu witwa "Yohana."

Uwo yari wa mugabo naraye nsuye k'umugoroba.

Akomeza kumbwira uko John yaje murusengero rwacu nyuma y'amateraniro akavuga ati, "Ngomba gukizwa." Umuvugabutumwa, Eddie Martin, yari yatwaye Yohana mu cyumba cyo kwigiramo cya Pasitoro hanyuma atangira ku musobanurira uko umuntu aba umukristo. Yohana yari amaze gusenga yakira Kristo. Narishimye cyane birenze.

Mfite udushwange tw'imyenda ya Yohana tumeshe, njya ku mufata ngo tujyane mu materaniro akurikiyeho. Hari akandiko kurugi kavuga ngo, "Sindibugende siga imyenda yanjye." Ibirahure byo ku muryango byari bikinze, ariko nkomeza gukomanga kugeza ubwo Yohana yaje kurugi. Yarafite isoni. Bamwe munshuti ze bari bamusuye bamuzanira inzoga, kandi Yohana yari yazinyweye.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 180 5/16/2011 12:29:28 PM

Mujyana kunywa ikawa, kandi kuva uwo mugoroba n'uwakurikiyeho Yohana twajyanaga mu materaniro mfite umugambi wo gutuma icyemezo yafashe kimenyekana mu bantu. Nkuko ubutumire bwatangiye, narasenze nti, " Mwami, ndifuza kumenya niba icyemezo cya Yohana cyari ukuri cyangwa atariko, nuko rero niba cyari ukuri kandi ukaba ushaka ko ajya imbere nibahamagara abashaka gukizwa, ansabe mubwire igihe akwiye kujya imbere.

Ntararangiza gusenga Yohana yari ampagaze iruhande arambaza ati, "Tugende nonaha?"

Ndamubaza nti, "Yohana" "urashaka ko buri wese uri muri uru rusengero amenya ko wizeye Kristo nk' Umwami n' umukiza w'ubugingo bwawe?" Yohana arandeba aranyitegereza arambwira ati, " Iyo niyo mpamvu yatumye nzahano, si byo se?"

"Yohana, ni byo," ndamusubiza nti. Niyo mpamvu waje."

Twemera kujya imbere kugirango Yohana ahamye k'umugaragaro icyemezo cye m'uruhame. Yohana yarabatijwe kugirango agaragaze ko akurikira Yesu, nyuma yaje kuba umukristo umenyerewe mu rusengero rwacu.

Iyo niyo yari iminsi ishimishije cyane mu buzima bwa Yohana bwose. Nyuma y'imyaka mike amaze gukizwa yaje gupfa, bishobora kuba ari ingaruka z'imyaka myinshi yamaze ari umusinzi, nubwo yarageze mu myaka mirongo ine gusa. Biranshimishije cyane kumenya ko hari umunsi nzabona Yohana mu ijuru.

- **Kubera iki nkubwira inkuru ndende nk'iyi?**
    - **Hari abantu benshi nka John batazigera baza kugeza ubwo tugiye kubahamagara.**
    - **Rimwe na rimwe bishobora gusaba ko umumesera amakariso abiri ashaje kugira ngo tubereke ko tubitayeho.**
    - **Ni tutereka John urukundo tumufitiye, ntiturwereke n'abandi mu buryo bwo guhamya Yesu, ni nde uzabikora?**
    - **Mbese buri wese ntakwiriye amahirwe yo kumenya Yesu ku giti cye nk'Umwami n'Umukiza we?**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 181 5/16/2011 12:29:28 PM

*Inkuru:* Umunsi umwe ubwo nagendaga nsura abazimiye hanyuma abantu batari bakunze kujya m'urusengero aho muri ako gace kacu, umugabo arambwira amaze kwakira Kristo ati, "Urakoze! Nari mfite ibyiringiro yuko hari umunsi umuntu azaza kumbwira ibya Yesu."

***Urupapuro 185:***

- Ni ryari tuziyuzuzamo gukunda Abakristo bagenzi bacu n'abantu bazimiye hanyuma tukabereka urwo rukundo tubafitiye?
    - Igisubizo=UYU MUNSI!
- Twashobora kwiyuzuzamo dute gukunda Abakristo bagenzi bacu n'abantu bazimiye hanyuma tukaberekana gukiranuka urukundo tubafitiye byukuri?
    - Igisubizo=IYEGURIRE KUYOBORWA N'UMWUKA WERA! Iyo ayobora, ashobora kugaragariza urukundo rwe muri twe.

7. Gabanya iryo tsinda mo babiri babiri (abahungu ku bahungu n'abakobwa ku bakobwa). Bwira buri umwe abwire abandi hanyuma yibwire, abishushanye mu bitekerezo, asenge akoresha ibyo nk'isengesho rye bwite ibi bikurikira naho mugenzi we amutege amatwi:
    a. **Imirongo yafashwe mu mutwe** icyumweru gishize:
        - Luka 9:23 • Abaroma 6:13 • Yohana 15:4
    b. **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) zakozwe icyumweru gishize.
        - Hugurira abigishwa kuba ibisonga bikoresha iki gihe neza kandi be kugira ikindi bavugaho muri uyu mwanya. Uyu ni umwanya wo gushyira mu bikorwa no gukura mu byerekeye ugutekereza ku Ijambo ry'Imana.
8. Garura abigishwa mu mu itsinda rinini maze bandike imirongo ikurikira ku dupapuro twandikwaho imirongo (Urupapuro 235):



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 182 5/16/2011 12:29:28 PM

- **2 Timoteyo 3:16-17**
- **Abaheburayo 4:12**

***Ikintu k'ingenzi:***

- Ibuka ko gufata umurongo mu mutwe bituma ujya mu bwenge bwacu. Naho gutekereza cyane kuri wo bituma ujya mu mitima yacu. Bityo, dufata imirongo mu mutwe iminsi micye ya mbere y'icyumweru kugira ngo dusigaze iminsi ihagije mu cyumweru yo gutekerezamo iyo mirongo mbere yuko mwongera guhura. Ni kuki dutekereza ku byanditswe? Ni uko dushaka ko Imana ikoresha iyo mirongo mu buzima bwacu kugira ngo iduhindurire gusa na Yo.

  *Gufata ibyanditswe mu mutwe no kubitekerezaho bidufasha kumenya Imana.*

9. Shishikariza abigishwa, ubahugurire kubwira Imana urukundo bayikunda byibuze inshuro eshatu buri saha, igihe badasinziriye, kumara iki cyumweru: *"Uwiteka, ndagukunda, ni wowe mbaraga zanjye"* (Zaburi 18:1).
   - Turashaka gukomeza gukora ibi kugeza ubwo bihindutse igice kigize imibereho yabo.
10. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:*** Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

11. Hamagarira abigishwa guhugukira gukora **Imikoro** yabo (Urupapuro 267-268).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Rupapuro 267, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    ***Bahugurire abigishwa bawe*** guhura n'Imana buri munsi mu bihe byabo byo gutuza.

    > ***...Mana, ni wowe Mana yanjye; nzagushakashakana umwete kare mu gitondo...*** (Zaburi 63:1). (*Strong's Exhaustive Concordance of the Bible*, "Hebrew and Chaldee Dictionary," Urupapuro 114, nimero 7836)



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 183 5/16/2011 12:29:28 PM

12. Sozanya isengesho.

*__Icyitegererezo:__* Bwira abigishwa bawe bapfukamane nawe musengere hamwe mushima Imana kuko yahuye namwe no kuba ubwayo yavuganye na buri umwe muri mwe.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 184 5/16/2011 12:29:28 PM

## Ikiyobora Umuyobozi n’Ingingo z’Umwanditsi........................Isomo rya 15

1. Tangira usenga.

   ***Icyitegererezo:*** Bwira abigishwa bawe mupfukame musengere hamwe, nuko igihe mugiye gukoresha mukiragize Imana.

2. Ni mujye ku **Rupapuro rw’Igenzura** rugenewe uyu munsi (Urupapuro 286).

3. Ganīra ku kibazo gikurikira: **Ni kuki tugomba gutanga ubuzima bwacu mu guhinduka/guhindura abantu abigishwa?**

   ***Komeza:*** Unganira abigishwa kugira ngo bamenye umumaro wo gutanga ubuzima bwabo bemerera Imana ngo ibakoreshe guhindura abantu-bahindura-abandi-abigishwa kubera ko:

   1. **Ari itegeko rya Yesu** ngo, *“Nuko mugende muhindure abantu …abigishwa”* (Matayo 28:19).

   2. **Ni ikintu Yesu yaduhayeho icyitegererezo**, kandi tugomba guhinduka tugasa na We.

   3. **Tubibona no mu buzima bwa Pawulo**, akurikiza urugero yahawe na Yesu rwo guhindura abantu abigishwa. Pawulo yahinduye Timoteyo umwigishwa, hanyuma yihanangiriza Timoteyo gukora nka byo mu buzima bw’abandi bantu, nabo bakazakora batyo mu buzima bw’abandi bantu, bityo bityo. “Kandi ibyo wanyumvanye imbere y’abahamya benshi, ubimenyeshe abantu bo kwizerwa bazashobora kubyigisha abandi” (2 Timoteyo 2:2).

   4. **Guhindura abantu abigishwa ni bwo buryo dushobora kwagura/kugwiza umurimo wacu** kuko byishyura imigabane mu bugingo buhoraho. Iyo duhinduye abantu abigishwa, tuba twumvira kandi dusohoza umugambi Imana yaduhereye ubugingo. Umurimo Imana yaduhaye uzakomeza mu buzima bw’abantu (abagabo n’abagore) bo kwizerwa twahinduye abigishwa na bo bagakomeza guhindura abantu abigishwa. Kugwira mu buryo bw’Umwuka bikomeza mu bihe byose ndetse n’igihe twamaze kwibagirana. **Nituba abizerwa tugahindura abigishwa Yesu agatinda kugaruka, buri muntu wese**



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 185 5/16/2011 12:29:28 PM

**wo muri twe yagira abantu, dukoresheje rya hame ryo kugwiza, barenga miliyoni bakijwe kandi bahinduwe abigishwa mbere yo kugaruka kw**e.

***Ibisobanuro:***Uru rugero rukurikira ruratwereka icyaba iyaba twatanze ubuzima bwacu mu gikorwa cyo guhindura abantu abigishwa nk'uko Yesu yatwigishije. Ni umuteguro w'Imana n'inzira yihuse cyane kuruta izindi yo gutumikira Kristo ku batuye isi bose.

***Twibaze:***

1. Umuteguro wo guhindura abantu abigishwa Yesu ubwe yadutangiriye utwereka yuko abizera by'ukuri bose, abigishwa, bazumvira Yesu na bo bagahindura abigishwa.

2. Ku by'uru rugero reka twibwire yuko buri muntu wese uhinduwe umwigishwa na we ahindura abantu babiri abigishwa buri mwaka kugeza ubwo buri muntu wese wo mu isi ahindutse umwigishwa.

***Ikibazo:*** Bizatwara igihe kingana iki kugira ngo abantu bose bari mu isi (hafi miriyari 6,08 zituye isi) bahinduke abigishwa nyakuri, biga, kandi bumvira Yesu bakamukurikira, dutangiriye kuri wowe?

***Igisubizo:*** Hafi imyaka 16.

***Amaso n'akwereke:***

| **Ubu** | | 1 | **(Wowe)** |
|---|---|---|---|
| .5 | Imyaka | 2 | Abigishwa |
| 1 | Imyaka | 4 | Abigishwa |
| 1.5 | Imyaka | 8 | Abigishwa |
| 2 | Imyaka | 16 | Abigishwa |
| 2.5 | Imyaka | 32 | Abigishwa |
| 3 | Imyaka | 64 | Abigishwa |
| 3.5 | Imyaka | 128 | Abigishwa |
| 4 | Imyaka | 256 | Abigishwa |
| 4.5 | Imyaka | 512 | Abigishwa |
| 5 | Imyaka | 1,024 | Abigishwa |
| 5.5 | Imyaka | 2,048 | Abigishwa |
| 6 | Imyaka | 4,096 | Abigishwa |
| 6.5 | Imyaka | 8,192 | Abigishwa |



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 186 5/16/2011 12:29:28 PM

| | | | |
|---|---|---|---|
| 7 | Imyaka | 16,384 | Abigishwa |
| 7.5 | Imyaka | 32,768 | Abigishwa |
| 8 | Imyaka | 65,536 | Abigishwa |
| 8.5 | Imyaka | 131,072 | Abigishwa |
| 9 | Imyaka | 262,144 | Abigishwa |
| 9.5 | Imyaka | 524,288 | Abigishwa |
| 10 | Imyaka | 1,048,576 | Abigishwa |
| 10.5 | Imyaka | 2,097,152 | Abigishwa |
| 11 | Imyaka | 4,194,304 | Abigishwa |
| 11.5 | Imyaka | 8,388,608 | Abigishwa |
| 12 | Imyaka | 16,777,216 | Abigishwa |
| 12.5 | Imyaka | 33,554,432 | Abigishwa |
| 13 | Imyaka | 67,108,864 | Abigishwa |
| 13.5 | Imyaka | 134,217,728 | Abigishwa |
| 14 | Imyaka | 268,435,456 | Abigishwa |
| 14.5 | Imyaka | 536,870,912 | Abigishwa |
| 15 | Imyaka | 1,073,741,824 | Abigishwa |
| 15.5 | Imyaka | 2,147,483,648 | Abigishwa |
| 16 | Imyaka | 4,294,967,296 | Abigishwa |
| 16.5 | Imyaka | 8,589,934,592 | Abigishwa |
| 17 | Imyaka | 17,179,869,184 | Abigishwa |

**Inzitwazo dushobora kugira** ku mabwiriza ya Yesu ku kujya guhindura abantu abigishwa:

1. Buri wese ntazakora kazi ke, kuki jye nagakora?
2. Nta gihe mfite; reka hagire undi ubikora.
3. Birantwara ikiguzi kinini cyane.
4. Tuvuze igisubizo Yesaya yasubije Imana, "Ndi hano, Mwami, ba ari jye utuma, unkoreshe; nyemerera ngire uruhare mu kintu cyagutse kuruta jye ubwanjye. Mwami, ndashaka ko ubuzima bwanjye bukugirira umumaro" (Yesaya 6:8).

4. Saba umwe mu bigishwa kubwira abandi **Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo** (Urupapuro 21-24), hanyuma Yibwire, Ashushanye mu bitekerezo, kandi Asenge akoresha amagambo ari muri izo ngingo nk'isengesho rye ubwe).

   ***Hugura:*** Nyuma yuko umwe mubigishwa bawe aganirije abandi kungingo z' ikibwirizwa akabwira ishuri ryose uko yabitekerejeho, uhwiturire abigishwa bose gukomeza kwimenyereza kwandika in-



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 187 5/16/2011 12:29:28 PM

gingo z' ingenzi igihe umuntu yigisha cyangwa abwiriza . Kureka kubikora byerekana ko tudasobanukiwe umumaro wo gutekereza ku Ijambo ry' Imana.

Nimuganire ku **Bibazo Bisuzuma Ubumenyi ku Mukoro** (Urupapuro 268).

***Ibisobanuro:***

- Koresha ikibazo cya 5, 6 n'icya 7 biri ku urupapuro rwa 268 guhugurira abigishwa kumenyesha abandi Yesu n' ibintu abigisha.
- Reka umuntu umwe mwitsinda avuge uko bya mugendekeye mu cyumweru gishize ubwo yaganirizaga umuntu ibya Yesu cyangwa se icyo Imana imwigisha.

6. Nimusome/Muganire mu magambo arambuye kuri iyi inyigisho: **Nakwiyuzuzamo nte gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n' abazimiye)?** (Urupapuro 187-191). Uko usoma ukaganirira abandi, ujye ugira umwanya wo gutuza, uhe abigishwa amahirwe yo Kwibwira, Kugira Ishusho Yabyo mu Bitekerezo, no Gusenga**.**

***Urupapuro 187-191:***

***Ibisobanuro:*** "Kwigirira urukundo rushingiye kuri Kristo no kwiyakīra uko ndi" ni ikintu k'ingenzi cyane kuko Satani adahwema kudutera. Umugambi we ni ukuturimbura, aturimbuje kwibona cyangwa kwimenyaho amakosa cyane no uko twiyumva.

- Dushobora kuganza ibitero bya Satani twibutse amasezerano y'Imana no kugira neza kwayo. Twaherako tuva mu kwihagararaho tukamutera, tubikoresheje gushyira mu bikorwa Ihame ryo Gusīmbūza (Impapuro 28-29)—tugahora twereka Imana urukundo tuyikunda tuyishimira amasezerano yayo menshi muri iyi nyigisho. Iyo dukora ibi:
  - Twikuramo ibitekerezo bibi bya Satani tukabisimbuza ibitekerezo byo kuramya Imana no kuyishima.
  - Dutangira kwireba uko Imana itureba.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 188 5/16/2011 12:29:28 PM

- Tubona neza agaciro Imana iduha.
- Umuntu umwe yaravuze ati, “Nagiraga ingeso yo kwigaya, ariko ubu menye yuko atari ukwigaya byonyine. *Nd*acirirtse, nicyo gituma nkwiriye kwiyegurira kuyoborwa na yo no gufatanya na yo na Yo ikampindura umuntu ishaka ko mba.”

***Komeza:***

- Umuntu uhindura umwigishwa cyangwa uri mu itsinda wigisha ashobora kuba arakariye Imana kubera ukuntu yamuremeye. Ashobora kwibona nk’umuntu udafite igikundiro, cyangwa washyizwe mu rugo rw’insuzugurwa, cyangwa nk’umuntu udakundwa ntiyubahwe, cyangwa wahawe ubuzima bubi. Biranashoboka ko uwo muntu yaba atazi impamvu arakariye Imana.
    - Uko wiga, baza buri wese gutekereza acecetse kuri buri murongo. Tuza kugira ngo undi mwigishwa nawe atekereze avuga kuri buri murongo. Ushobora kubona igitangaza igihe atekereza ashushanya, no Gusenga Imana akoresheje buri umwe muri iyi mirongo nk’isengesho rye ubwe naho wowe n’abandi bo mu itsinda muteze amatwi.
        - Birakomeye gutekereza kuri iyi mirongo kandi utazi ukuntu:
            - **Imana idukunda bihebuje**.
            - **Imana ifitiye ubuzima bwacu umugambi ukomeye**, uko twaba turiho kose cyangwa mu gihe cyashize.
                - **Igihe nticyari cyarangira**. Dushobora kwinjira mu mugambi w’Imana mu buzima bwacu busigaye, guhera uyu munsi.
                - **Ubuzima ku muntu w’Umukristo ni uguhēra nonaha gukomeza**. Ubuzima muri Yesu ni urugendo. Tera intambwe ikurikiraho.
            - **Imana yita** kuri buri kintu cyose mu buzima bwacu.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 189 5/16/2011 12:29:28 PM

- **Imana yaduhaye ubuzima ifite intego.** Dufite inshingano y'Imana igihe cyose turi hano ku isi.

7. Gabanyamo iryo tsinda mo babiri babiri (abahungu ku bahungu n'abakobwa ku bakobwa). Bwira buri umwe abwire abandi hanyuma yibwire, abishushanye mu bitekerezo, asenge akoresha ibyo nk'isengesho rye bwite ibi bikurikira naho mugenzi we amutege amatwi:

   a. **Imirongo yafashwe mu mutwe** icyumweru gishize:

   - 2 Timoteyo 3:16-17 • • Abaheburayo 4:12

   b. **Ingingo Wanditse mu Isoma Bibiliya Ryawe rya Buri Munsi** (Urupapuro 65-72) zakozwe icyumweru gishize.

   - Hugurira abigishwa kuba ibisonga bikoresha iki gihe neza kandi be kugira ikindi bavugaho muri uyu mwanya. Uyu ni umwanya wo gushyira mu bikorwa no gukura mu byerekeye ugutekereza ku Ijambo ry'Imana.

8. Garura abigishwa mu mu itsinda rinini maze bandike imirongo ikurikira ku dupapuro twandikwaho imirongo (Urupapuro 235):

   - **Yesaya 41:10 • Yeremiya 29:11 (LIV)** **—reba Urupapuro 188**

   ***Bahugure:***

   - Basabe ko bakubwire uko gufata ibyanditswe mu mutwe byabagiriye umumaro.
   - Saba abigishwa ko bakomeza kujya bafata ibyanditswe mu mutwe mu minsi y'ubuzima bwabo isigaye.

9. Baganirire **Gahunda yo Kwiga Bibiliya Buri Munsi** Nyuma y'Isomo rya 15 (Urupapuro 192).

   **Shishikariza** abigishwa gukomeza kwiga Bibiliya ku giti cyabo. Bahugurire kwiha intego maze bihe gahunda bagenderaho.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 190 5/16/2011 12:29:28 PM

10. Baganirire **Ibyagufasha mu Kwiga Bibiliya ku Giti Cyawe** (Urupapuro 193).

    ***Hugura:*** Nta kintu gikomeye nko gucukumbura mu Ijambo ry'Imana (Kwiga Bibiliya) no gutahura ukuri kutagira akagero ku giti cyawe.

11. Baganirire **Uburyo Butandukanye bwo Kwiga Bibiliya** (Impapuro 194-227):
    - Kwiga Bibiliya Igice ku Gice
    - Kwiga Bibiliya Igika ku Gika
    - Kwiga Bibiliya Umurongo ku Murongo
    - Kwiga Bibiliya Igitabo ku Gitabo
    - Bibiliya ukoresheje Amagambo Ayirimo
    - Kwiga Bibiliya ukoresheje Imibereho y'Abantu bayivugwamo (Biography)
    - Kwiga Bibiliya wifashishije Ibivugwamo (subject

    ***Bahugure:***

    - Uko ubaganirira uburyo butandukanye bwo kwiga Bibiliya bwavuzwe haruguru, hugurira abigishwa gutangira kwiga izi nyigisho ku giti cyabo kandi ko bakomeza kwiga Ijambo ry'Imana mu gihe cyose gisigaye cy'ubuzima bwabo. Babwire:

        - Ntiwibwire ko uzuzuza buri murongo watanzwe ngo wandikweho.
        - Saba Imana kugufasha, naho wowe ukore ibyo ushoboye.
        - Ubanzirize ku nyigisho zikoroheye kurusha izindi.
        - Ihe intego kandi utere intambwe ushoboye.
        - Ibuka: intego yacu mu kwiga Bibiliya ni ukurushaho gushorera imizi mu kumenya Yesu ku giti cyacu, no kuba inkoramutima ye.

12. Baganirire **Ibikoresho by'Ingira-kamaro mu Kwiga Bibiliya** (Impapuro 228-232).

    ***Ibisobanuro:***

    - Kuko ibi bikoresho biboneka byanditswe mu rurimi



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 191 5/16/2011 12:29:28 PM

rw'Icyongereza, ntitwiriwe tubitanga ku basomyi basoma iki gitabo mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Uretse:

- Ibiboneka kuri Internet ku buntu
- Ibitabo bya Gikristo tuzi bigurishwa ku giciro giciritse cyane

13. Shishikariza abigishwa, ubahugurire kubwira Imana urukundo bayikunda byibuze inshuro eshatu buri saha, igihe badasinziriye, kumara iki cyumweru: *"Uwiteka, ndagukunda, ni wowe mbaraga zanjye"* (Zaburi 18:1).

    - Turashaka gukomeza gukora ibi kugeza ubwo bihindutse igice kigize imibereho yabo.

14. Hugurira abigishwa kuba maso bareba ko babona amahirwe yo kuvuga ibya Yesu n'ibyo Imana ibigisha.

    ***Ibisobanuro:***

    Turashaka gufasha abigishwa gushimishwa no kuvuga ibya Yesu mu mibereho yose n'ibihe byose barimo.

    - Bashishikarize gukomeza gukora batyo kumara iminsi yose y'ubuzima bwabo.

15. Subira mu **Mikoro** abigishwa bakoze (Urupapuro 269-271).

    ***Soma uranguruye mu isomo:*** Tanga igihe cyo gusoma ibiri ku Impapuro 269-270, rusomwe cyane barangurura kandi usuzume ko buri wese asobanukiwe umukoro.

    - Shishikariza abigishwa gukomeza gushyira mu bikorwa ibintu byose bigishijwe mu gihe cy'ibyumweru cumi na bitanu bihise—mu gihe cy'ubuzima bwabo cyose gisigaye.
    - Bahugurire kuba abizerwa imbere y'Imana no guhura na Yo buri munsi mu gihe cyo guturiza imbere yayo mu minsi yose isigaye y'ubuzima bwabo.
    - Baganirire ingingo ya 9 iri ku Rupapuro 270. Reba yuko itsinda ryawe rifite ubushake bwo guhura rimwe buri kwezi—



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 192 5/16/2011 12:29:28 PM

kumara igihe cy'amezi arindwi ataha—kugira ngo bamurikirane kandi bakomezane bahugurana.

16. Sozanya isengesho.

*Inkuru Iheruka:* Preacher Hallock yajyaga atubwira inkuru y'ibisiga byubatse ibyari byabyo hanyuma birerera ibyana byabyo ku tudunduguzi dutoya, two k'umusozi muremure.

Igihe ibyana byari bimaze gukura bihagije kuburyo bishobora kuguruka, byanyina icyo byakoze ni ugusenya ibyari. Igikorwa cyari icy'ubuswa ariko cyumvikana. Nigihe cyo kuguruka.

- Twiringiye ko itsinda ryanyu rizakomeza guhura rimwe mu kwezi kurangiza amezi arindwi akurikira. Muterana umwete kandi buri muntu agenzura mugenzi we kugirango imyitozo yo muburyo bw'umwaka mwahoraga mwitoza kumara ibyumweru cumi na bitanu bishize. Mugihe kimwe, twiringira yuko *"…muzagenda mugahindura abantu abigishwa…."* Nigihe cyo kuguruka.

17. Hereza buri muntu urupapuro rutanditsweho maze yandikeho aguhe igisubizo cy'ikibazo gikurikira: **Imana yakubonaga ite mu byumweru cumi na bitanu bishize? Noneho se uyu munsi irakubona ite?**

***Ibisobanuro:***

- Ibi biha abagishwa uburyo bwo gusubiza amaso inyuma bagatekereza ku byo Imana yakoze mu buzima bwabo.
- Bizababera umugisha nawe bizagukomeza.
- Wibuke ko Imana ari yo ihindura ubuzima, twebwe iradutuma gusa. Ntukigere ucika intege niba hagize utera umugongo ubutumwa bwiza.
- Hereza abigishwa urupapuro bandikeho ibitekerezo byabo. Nibarangiza, ukusanye izo mpapuro uzitware.
- Bizakomeza umuntu wakwigishije guhinduka umwigishwa n'umubwira ubu buhamya.



LG_KRW_LH_rev2009_11.indd 193 5/16/2011 12:29:28 PM

# *Imbona Nkubone* n' IMANA

Ushaka gutumiza ibikoresho
by'***Imbona Nkubone n'Imana***,
wabariza kuri izi aderesi:

Go Face to Face International, Inc.
P.O. Box 447
Bethany, OK 73008-0447 USA

cyangwa

http://order.ONEonONEwithGOD.org

www.ONEonONEwithGOD.org